

**RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO
RW'UMUVUNYI
UMWAKA WA 2014-2015**

Kigali, Nzeli 2015

AMASHAKIRO

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE.....	5
URUTONDE RW'IBISHUSHANYO.....	6
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE.....	8
IJAMBO RY'IBANZE.....	11
IRIBURIRO.....	13
1. IGIKORWA CY'UBUKANGURAMBAGA.....	16
1.1. Gutanga ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane.....	16
1.1.1. Imurikagurisha mpuzamahanga.....	16
1.1.2. Amarushanwa yo gusiganwa ku maguru.....	16
1.2. Gutanga ibiganiro hifashishijwe itangazamakuru.....	17
1.3. Gutegura imfashanyigisho.....	17
1.4. Amahugurwa agenewe abakozi b'inzego za Leta n'izigenga.....	18
1.4.1. Amahugurwa kuri ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta na serivise z'ubutaka.....	18
1.4.2. Amahugurwa kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina.....	21
1.4.3. Amahugurwa ku itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi n'itegeko ryerekeye kubona amakuru.....	24
1.4.4. Amahugurwa y'abagize urugaga rw'abikorera.....	25
1.5. Icyumweru cyagenewe kurwanya ruswa.....	26
1.5.1. Umuganda rusange.....	27
1.5.2. Ibiganiro n'abakozi b'Uture tw'Umujyi wa Kigali.....	27
1.5.3. Irushanwa ry'umupira w'amaguru.....	28
1.5.4. Umunsi w'urubiruko.....	28
1.5.5. Gusozwa icyumweru cyo kurwanya ruswa.....	30
2. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE.....	31
2.1. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane ku Rwego rw'Umuvunyi.....	31
2.1.1. Ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu buryo bw'inyandiko.....	31
2.1.2. Ibibazo by'akarengane byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015 ariko byarakiriwe mu yindi myaka.....	34
2.1.3. Ibibazo byakiriwe muri Cyber café.....	35
2.1.4. Ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda yihariye yo kurwanya akarengane mu Turere.....	36
2.1.4.1. Imyenda ba rwiyemezamirimo cyangwa inzego za Leta babereyemo abaturage.....	37
2.1.4.2. Kwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange ntihatangwe ingurane ikwiye..	37

2.1.4.3. Imanza zaciwe n’inkiko zitarangizwa.....	38
2.1.4.4. Kutishimira imikirize y’imanza.....	38
2.1.4.5. Ibibazo by’ubutaka.....	38
2.1.4.6. Isaranganya ry’ubutaka.....	39
2.1.4.7. Kutishimira ibyiciro by’ubudehe.....	39
2.1.4.8. Ibindi.....	39
2.2. Kwakira no gukurikirana ibibazo by’akarengane byerekeye serivisi z’imari.....	41
2.3. Incamake y’ibibazo byose byakiriwe mu nyandiko.....	42
2.4. Gusubirishamo imanza ku mpamvu z’akarengane.....	43
2.5. Kurangiza imanza zitarangijwe n’inzeho zibishinzwe.....	45
3. GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N’IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO.....	45
3.1. Iperereza ku makuru yerekeye ruswa.....	46
3.1.1. Imikorere itanoze mu nzego za Leta n’izigenga.....	48
3.1.2. Itangwa ry’amasoko.....	48
3.1.3. Inyereza n’imicungire mibi y’umutungo wa Leta.....	48
3.1.4. Amwe mu madosiye yakorewe iperereza.....	48
3.1.4.1. Iperereza ku madosiye ajyanye n’itangwa ry’amasoko ya Leta.....	48
3.1.4.2. Iperereza ku isoko no 049/W/NOCB/MIJESPOC/2011-2012 rya Sitade ya Huye.....	50
3.1.4.3. Iperereza ku mushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z’amashyamba.....	53
3.1.4.4. Ibindi.....	56
3.2. Ibikorwa by’Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n’akarengane.....	56
3.2.1. Imikorere y’Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n’Akarengane.....	56
3.2.2. Iperereza ku mitungo ya Leta yigaruriwe n’abantu ku giti cyabo.....	57
3.3. Ishyirwa mu bikorwa rya politiki y’Igihugu yo Kurwanya Ruswa.....	58
3.3.1. Gutegura no gutangaza urutonde rw’Abahamwe n’icyaha cya ruswa.....	59
4. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY’AMAHAME Y’IMYOBORERE MYIZA.....	59
4.1. Gusuzuma imikorere y’inzeho za Leta n’izigenga.....	59
4.1.1. Isuzumamikore ry’inzeho na serivisi zitandukanye.....	60
4.1.1.1. Isuzumamikorere ryakorewe SPIU MINISANTE.....	60
4.1.1.2. Isuzumamikorere rya Serivisi za Gasutamo.....	61
4.1.1.3. Isuzumamikorere ryakorewe serivisi z’ubutaka n’imiturire.....	62
4.1.2. Isuzumamikorere ry’imishinga na Gahunda.....	65
4.1.2.1. Umushinga “One Dollar Campaign”.....	65
4.1.2.2. Umushinga “Bye Bye Nyakatsi Diaspora”.....	67
4.1.2.3. Gahunda y’amafumbire (Fertilizers program).....	68
4.1.2.4. Imishinga 4 ya Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi.....	71

4.2. Kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi.....	72
4.2.1. Iperereza ku madosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi.....	72
4.2.2. Igenzura ku buryo abayobozi bubahiriza Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi.....	73
4.2.3. Gukurikirana no kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko ryerekeye kubona amakuru.....	74
4.3. Gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi.....	75
5. KWAKIRA NO KUGENZURA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO.....	81
5.1. Ubukangurambaga ku buryo bwo kumenyekanisha umutungo.....	81
5.2. Kwakira imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko.....	82
5.3. Kwakira inyandiko no kugenzura umutungo w'imitwe ya Politiki.....	83
5.4. Gusuzuma amadosiye y'imenyekanishamutungo no kuyakorera igenzura.....	83
5.5. Kugereranya imitungo yagaragajwe mu myaka 3 (2012-2014) n'abakozi bo mu butaka mu Turere.....	85
5.6. Gukurikirana abatarakoze imenyekanishamutungo mu mwaka wa 2014.....	85
5.7. Kunoza uburyo bukoreshwa mu kumenyekanisha umutungo.....	86
6. GUHUZA IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI.....	86
6.1. Ubufatanye n'ibindi bihugu.....	86
6.2. Kubaka ubushobozi bw'abakozi.....	88
6.3. Ingengo y'imari.....	89
UMWANZURO.....	91
IMIGEREKA.....	93
Umugereka wa Mbere: Ishyingirwa mu bikorwa ry'inama z'Inteko Ishinga Amategeko.....	95
Umugereka wa Kabiri: Uburyo ibigo byashyize mu bikorwa inama byahawe.....	96
Umugereka wa Gatatu : Abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa.....	129
Umugereka wa Kane: Uko imenyekanishamutungo ryakozwe.....	177

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe n° 1 : Abitabiriye amahugurwa kuri ruswa mu itangwa ry'amasoko ya Leta no muri serivisi z'ubutaka.....	19
Imbonerahamwe n° 2: Abitabiriye amahugurwa kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina.....	21
Imbonerahamwe n° 3: Abitabiriye amahugurwa y'abagize Inama Njyanama z'Uturere.....	24
Imbonerahamwe n° 4: Abitabiriye amahugurwa y'abagize urugaga rw'abikorera..	26
Imbonerahamwe n° 5: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu nyandiko mu mwaka wa 2014-2015.....	32
Imbonerahamwe n° 6: Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inyandiko hakurikijwe ibyiciro.....	33
Imbonerahamwe n° 7: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu yindi myaka byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015.....	34
Imbonerahamwe n° 8: Ibibazo byakiriwe muri cyber-café.....	34
Imbonerahamwe n° 9: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yihariye kurwanya akarengane mu Turere.....	36
Imbonerahamwe n° 10: Ishusho rusange y'ibibazo byakiriwe.....	40
Imbonerahamwe n° 11: Ibibazo byerekeranye n'imari byakiriwe.....	41
Imbonerahamwe n° 12: Ibibazo byose byakiriwe mu nyandiko n'uko byakurikiranywe.....	43
Imbonerahamwe n° 13: Umubare w'amadosiye asaba gushyirishwamo imanza.....	43
Imbonerahamwe n° 14: Uburyo amadosiye yasesengurwe mu mwaka wa 2014-2015.....	43
Imbonerahamwe n° 15: Imanza zashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga.....	45
Imbonerahamwe n° 16: Amadosiye yakiriwe avugwamo ruswa n'ibyaha bifatanyeho isano nayo.....	46
Imbonerahamwe n° 17: Iperereza ku madosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi.....	72
Imbonerahamwe n° 18: Uko inama zatanze zashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2014-2015.....	76
Imbonerahamwe n° 19: Ikigereranyo cy'uko inama zari zashyizwe mu bikorwa muri 2013-2014 n'aho zigeze zishyirwa mu bikorwa muri 2014-2015.....	77
Imbonerahamwe n° 20: Amahugurwa ku buryo bwo kumenyekanisha umutungo muri 2015.....	81
Imbonerahamwe n° 21: Imenyekanishamutungo muri 2015.....	82
Imbonerahamwe n° 22: Imenyekanishamutungo ry'abavuye mu mirimo.....	82

Imbonerahamwe n° 23: Igenzura ry'umutungo 2014-2015.....	84
Imbonerahamwe n° 24: Abashyitsi basuye Urwego rw'Umuvunyi.....	87
Imbonerahamwe n° 25: Amahugurwa yakozwe n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi.....	88
Imbonerahamwe n° 26: Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2014-2015.....	89

URUTONDE RW'IBISHUSHANYO

Igishushanyo n° 1: Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inwandiko hakurikijwe ibyiciro.....	33
Igishushanyo n° 2: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu yindi myaka byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015.....	34
Igishushanyo n° 3: Ibibazo byakiriwe muri cyber-café.....	35
Igishushanyo n° 4: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yihariye yo kurwanya akarengane mu turere.....	37
Igishushanyo n° 5: Ishusho rusange y'ibibazo byakiriwe.....	42
Igishushanyo n° 6 : Uburyo amadosiye yasesenguwe mu 2014-2015.....	44
Igishushanyo n° 7: Amadosiye yakiriwe avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo.....	47
Igishushanyo n° 8: Ikigereranyo cy'uko inama zari zashyizwe mu bikorwa muri 2013-2014 n'aho bigeze ubu.....	80

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

CHUB:	Centre Hospitalier Universitaire de Butare;
CIMERWA:	Cimenterie du Rwanda
EDPRS:	Economic Development and Poverty Reduction Strategy;
EPR :	Eglise Presbytérienne au Rwanda;
ESI :	Ecole Secondaire Inférieure;
EWSA:	Energy, Water and Sanitation Authority;
FARG:	Fonds d'Assistance aux Rescapés du Génocide;
GEF:	Global Environment Facility;
GS:	Groupe Scolaire;
ICT :	Information and Communication Technology;
INES:	Institut d'Enseignement Supérieur;
IRST:	Institut de Recherche Scientifique et Technologique;
KIE:	Kigali Institute of Education;
KIST:	Kigali Institute of Science and Technology;
KWAMP:	Kirehe Community Watershed Management Project
MIGEPROF:	Ministry of Gender and Family Promotion;
MINISPOC :	Ministère des Sports et de la Culture;
MINADEF:	Ministry of Defence;
MINAGRI:	Ministère de l'Agriculture et de l'Elevage;
MINALOC:	Ministry of Local Government;
MINECOFIN :	Ministry of Finance and Economic Planning;
MINIJUST:	Ministry of Justice;
MININFRA:	Ministry of Infrastructure;
MINISANTE:	Ministère de la Santé;
MOH:	Ministry of Health;
NEC:	National Electoral Commission;
NGOs:	Non- Governmental Organizations;
NPPA:	National Public Prosecution Authority;
NUR:	National University of Rwanda;

NURC:	National Unit and Reconciliation Commission;
NWC:	National Women Council;
PAIRB:	Bugesera Natural Region Rural Infrastructure Support Project
PAPSTA:	Plan for the Agriculture Transformation;
PASP:	Post-harvest and Agribusiness Support Project
PRICE:	Project of Rural Income Trough Exports
RAMA:	La Rwandaise d'Assurance Maladie;
RBS:	Rwanda Bureau of Standards;
RCA:	Rwanda Cooperative Agency;
REG:	Rwanda Energy Group;
REMA:	Rwanda Environment Management Authority;
RHA :	Rwanda Housing Authority;
RIAM:	Rwanda Institute of Administration and Management;
RMC:	Rwanda Muslim Community
RNYC:	Rwanda National Youth Council;
RPPA :	Rwanda Public Procurement Authority;
SACCO:	Saving and Credit Cooperative;
SFAR:	Student Financing Agency for Rwanda;
SPIU :	Single Project Implementation Unit;
SSFR:	Social Security Fund of Rwanda;
SSS:	Senior Secondary School;
TIG:	Travaux d'Intêret Général;
UNCAC:	United Nations Convention against Corruption;
UNECA :	United Nations Economic Commission for Africa;
UNDP:	United Nations Development Program;
UNODC:	United Nations Office on Drugs and Crime;

IJAMBO RY'IBANZE



Buri mwaka raporo y' ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi ishyikirizwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga bikagenerwa kopi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 35 y'Itegeko n° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu gushyira mu bikorwa inshingano rwahawe n'iryo tegeko, mu mwaka wa 2014-2015 Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye, runakurikirana ibibazo by'akarengane, n'ianza zisaba gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze gahunda yo kujya rusanga abaturage mu turere batuyemo mu rwego rwo gukemurira hamwe ibibazo bafite ku bufatanye n'abayobozi b'inzego z'ibanze. Rwakoze kandi iperereza ku madosiye y'abakekwaho ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo.

Mu rwego rwo gukumira akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze amahugurwa mu nzego zinyuranye. Inzego za Leta n'ibigo byayo byarasuwe, bigirwa inama z'uko imikorere yarushaho kunoga. Abayobozi n'abakozi ba Leta bagombaga kumenyekanisha umutungo wabo mu mwaka wa 2015 babikoze ku kigero cya 99.7%.

Urwego rw'Umuvunyi rurashimira inzego za Leta, izigenga, abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda barufashije kugera ku nshingano zarwo.

UMUVUNYI MUKURU
CYANZAYIRE Aloysie

IRIBURIRO

Mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje gushyira mu bikorwa inshingano zikurikira rwahawe n'Itegeko rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere yarwo:

1. guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsu za Leta n'izigenga;
2. gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsu bwa Leta n'izigenga;
3. kwakira no gusuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite inshingiro;
4. kwakira buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo y'abantu bateganywa n'itegeko;
5. kwakira buri mwaka inyandiko zigaragaza umutungo w'imitwe ya politiki no kugenzura uko wabonetse n'uko wakoreshajwe;
6. kugira inama Guverinoma n'izindi nzego z'imirimo bireba mu gushimangira no kunoza politiki yazo yo gukumira, kurwanya no guhana akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
7. gukurikirana uko politiki yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ishyirwa mu bikorwa n'inzego za Leta n'izigenga;
8. gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko yerekeye imyitwarire y'abanyapolitiki n'abayobozi;
9. gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo muri rusange no kubihugurira abakozi b'inzego z'imirimo ari mu bigo bya Leta, mu bigo n'imiryango bitari ibya Leta;
10. gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ibihano bahawe;
11. kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose, rwerekana ko imikorere n'imikoranire y'inzego idatunganye, bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi rusange ya Leta cyangwa se ifite ingaruka mbi ku baturage;
12. gukangurira abaturage gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiyeye ku karengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
13. kugira inama inzego za Leta n'iz'abikorera kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage;
14. gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko,

Imitwe Yombi porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo no guha kopi izindi nzego za Leta ;

15. gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye kubona amakuru;
16. Gushyira mu bikorwa izindi nshingano rwahabwa n'itegeko.

Mu rwego rw'ubukangurambaga hatanzwe amahugurwa atandukanye hagamijwe gukangurira abakozi n'abayobozi b'inzego z'imirimu bakurikira kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo:

- ❖ abakozi bo mu turere 1.900 bahuguwe kuri ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta;
- ❖ Abayobozi n'abakozi b'inzego za Leta 1552 bahugurwe kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina;
- ❖ Abajyanama 631 bagize Inama Njyanama z'Uturere dutandukanye bahuguwe ku itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi n'itegeko ryerekeye kubona amakuru;
- ❖ Ba rwiyemezamirimo 197 bahagarariye urugaga rw'abikorera mu Turere bahuguwe kuri ruswa mu itangwa ry'amasoko ya Leta.

Hatanzwe kandi ibiganiro kuri radio na televiziyo, ibiganiro mbwirwaruhame n'ubutumwa butandukanye hagamijwe gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, no gufatanywa n'inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka Igihugu no kudatinywa kwamagana imikorere mibi ishingiyeye ku karengane na ruswa.

Ku nshingano yo kwakira no gusuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye abatwaga 7.404 barimo abagisha inama, abazana ibibazo bishya cyangwa bakurikirana ibyo barugejejeho. Hakiriwe kandi ibirego by'akarengane 808 byaje mu nyandiko maze 439 bingana na 54,3 % birakemurwa, 169 bingana na 21 % byohererezwa inzego zigomba kubikurikirana no kubikemura, naho 200 bingana na 24,7 % biracyakurikiranwa. Muri gahunda yo kwakira ibibazo by'akarengane mu Turere, hakiriwe ibibazo 1.642 mu Turere twa: Muhanga, Huye, Nyanza, Ngoma, Gatsibo, Nyabihu, Nyarugenge. Muri ibyo bibazo, 933 byahise bikemuka naho 709 bisigirwa inzego z'ibanze kugirango zibikurikirane

Ibibazo byakiriwe biri mu byiciro bikurikira:

- ❖ Imyenda ba rwiyemezamirimo cyangwa inzego za Leta bibereyemo abaturage
- ❖ Kwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange ntihatangwe ingurane ikwiye (expropriation)
- ❖ Imanza zaciwe n'inkiko zitarangizwa
- ❖ Kutishimira imikirize y'imanza
- ❖ Ibibazo by'ubutaka
- ❖ Isaranganya ry'ubutaka
- ❖ Kudahabwa pansiyu ku biteganyirije
- ❖ Kutishimira ibyiciro by'ubudehe

Mu gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye amadosiye 1.550 asabirwa gusubirishamo imanza; hari n'andi agera kuri 846 y'ibirarane, yose aba 2.396. Muri ayo madosiye, ayasesenguwe ni 1028 ahwanye na 42,9 % by'amadosiye yose yakiriwe, hasigara 1368 ahwanye na 57,1 % by'ayo. Mu madosiye 1028 yasesenguwe, ayo Urwego rw'Umuvunyi rwasabiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ni 82, ahwanye na 7,97 % by'amadosiye yose yasesenguwe, naho 92,03% nta karengane kagaragayemo;

Ku nshingano yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, Urwego rwakoze iperereza ku madosiye 61 avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, hanakurikiranwa kandi amadosiye 8 yari yaratangiye mu mpera z'umwaka wa 2013-2014. Amadosiye 5 yashyikirijwe Ubushinjacyaha na Polisi y'igihugu, amadosiye 40 yagaragayemo imikorere itanoze itera akarengane n'ibyaho bya ruswa, amenshi muri yo akaba ajyanye n'imitangire y'amasoko ya Leta na serivisi zihabwa abaturage naho amadosiye 16 akaba agikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo afatirwe umwanzuro.

Mu rwego rwo kwakira inyandiko zigaragaza umutungo, abayobozi n'abakozi barebwa n'itegeko bamenyekanishije umutungo wabo mu mwaka wa 2015 ku kigero cya 99.7%, abatarikoze ni 28 bahwanye na 0.3%. Hakozwe igenzura ku mitungo y'abantu 1.571 harebwa inkomoko yayo; abantu 9 muri bo ntibashoboye gusobanura inkomoko y'umutungo bafite. Hanakozwe kandi igenzura ku mitungo y'imitwe ya Politiki 11 ikorera mu Rwanda.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere mu nzego za Leta n'izigenga rigamije kureba imikorere, imitangire ya serivisi n'imbogamizi zihura na zo hagamijwe gutanga inama zifasha mu kunoza imikorere yazo. Hanasuzumwe kandi imishinga na gahunda za Leta hagamijwe kureba ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

1. IGIKORWA CY'UBUKANGURAMBAGA

Hashingiwe ku nshingano z'Urwego zo gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, no gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiyeye ku karengane na ruswa no kubihugurira abakozi b'inzego za Leta n'izigenga, hakoze ubukangurambaga mu byiciro bitandukanye hagamijwe gukangurira abantu ububi bwa ruswa n'akarengane ndetse no kubashishikariza kuyikumira no kuyitunga agatoki. Ni muri urwo rwego hateguwe icyumweru cyo kurwanya ruswa cyabayemo ibikorwa binyuranye, hanatangwa amahugurwa ku bantu bari mu byiciro binyuranye. Habaye kandi amarushanwa yo kwiruka yahuje urubyiruko mu Gihugu hose, hanitabirwa imurikagurisha mpuzamahanga kugira ngo ubutumwa bwerekeye ububi bwa ruswa n'akarengane bugere ku bantu benshi.

1.1. Gutanga ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane

Mu gutanga ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye imurikagurisha mpuzamahanga, runategura amarushanwa yo gusinganwa ku maguru.

1.1.1. Imurikagurisha mpuzamahanga

Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye imurikagurisha mpuzamahanga ryo muri 2014 ryateguwe n'Urugaga rw'Abikorera ryatangiye kuwa 23/07/2014 risozwa kuwa 06/08/2014 i Gikondo aho risanzwe ribera. Muri iryo murikagurisha hatangiye ubutumwa hagamijwe kurushaho kumenyekanisha imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, gusobanurira abaryitabiriye ububi bwa ruswa n'akarengane no kubashishikariza kugira uruhare rugaragara mu kubikumira no kubirwanya. Urwego rw'Umuvunyi rwanatanze imfashanyigisho zisobanura imiterere n'imikorere yarwo. Hatanzwe kandi ibikoresho bitandukanye biriho ubutumwa bwo kurwanya ruswa, ndetse abitabiriye imurikagurisha bahawe umwanya wo gutanga amakuru kuri ruswa.

1.1.2. Amarushanwa yo gusiganwa ku maguru

Ku bufatanye n’Ishyirahamwe ry’Imikino Ngororamubiri, Urwego rw’Umuvunyi rwateguye amarushanwa yo kwiruka yahuje urubyiruko rw’abakobwa n’abahungu ku rwego rw’Intara n’Umujyi wa Kigali guhera tariki ya 11/10/2014, asorezwa i Kigali tariki ya 26/10/2014 ku rwego rw’Igihugu. Urubyiruko rwatekerejweho muri iyi gahunda mu rwego rwo kuzamura imyumvire yarwo ku bubi bwa ruswa, kuko rugize igice kinini cy’umubare w’abanyarwanda, rukaba rukunda siporo kandi rukaba rukeneweho kugira uruhare runini mu gukumira ruswa, cyane cyane ko abenshi mu rubyiruko baba batarishora mu bikorwa bya ruswa. Urubyiruko kandi rufite uruhare runini mu gusakaza ubutumwa bufasha abantu kwirinda ruswa. Siporo kandi ihuza abantu benshi, baba abayikora cyangwa abayireba. Amasiganwa yitabiriwe n’abagize urubyiruko 365 barimo abakobwa 146 n’abahungu 219. Aho yabereye hose mu Gihugu hanatangiwe ubutumwa bwamagana ruswa bugera ku bayitabiriye n’abayakurikiranaga.

1.2. Gutanga ibiganiro hifashishijwe itangazamakuru

Hatanzwe ibiganiro binyuranye binyuzwa kuri Televiziyo y’u Rwanda, Radiyo Rwanda, Radiyo Flash FM na Radiyo Isango Star na radiyo z’abaturage. Ibyo biganiro byatanzwe byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- ❖ Ingaruka za ruswa n’ibyiza byo kuyirwanya;
- ❖ Ingamba zo kurwanya ruswa n’umusaruro zitanga;
- ❖ Icyaba gitera ruswa mu masoko ya Leta n’ingamba zo kuyikumira;
- ❖ Inshingano z’Urwego rw’Umuvunyi;
- ❖ Impamvu zishingirwaho mu gusaba gusubirishamo urubanza ku Rwego rw’Umuvunyi;
- ❖ Gusobanura itegeko rijyanye no kubona amakuru.

Abakurikiye ibiganiro bahawe umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa.

1.3. Gutegura imfashanyigisho

Urwego rw’Umuvunyi rwateguye imfashanyigisho zakoreshejwe mu mahugurwa y’ibyiciro byahuguwe. Izo mfashanyigisho zateguwe ahanini hibandwa ku bibazo bikunze kwakirwa n’Urwego rw’Umuvunyi, zitegurwa zishingiye ku mategeko abarugana baba badasobanukiwe neza. Mu mwaka wa 2014-2015, hateguwe

imfashanyigisho zikurikira zikubiyemo ibyaho bya ruswa bigaragara mu nzego zitandukanye:

- ❖ imfashanyigisho kuri ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta no muri serivisi z'ubutaka;
- ❖ imfashanyigisho kuri ruswa ishingiyeye ku gitsina
- ❖ n'imfashanyigisho kuri ruswa mu nzego z'ubutabera.

1.4. Amahugurwa agenewe abakozi b'inzego za Leta n'izigenga

Mu rwego rwo kurushaho gukangurira abantu ububi bwa ruswa, hateguwe amahugurwa agenewe ibyiciro bitandukanye:

- ❖ amahugurwa kuri ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta na serivise z'ubutaka;
- ❖ Amahugurwa kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina;
- ❖ amahugurwa ku itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi n'itegeko ryerekeye kubona amakuru;
- ❖ amahugurwa y'abagize urugaga rw'abikorera;

1.4.1. Amahugurwa kuri ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta na serivise z'ubutaka

Amahugurwa yatanze mu Turere twose uko ari 30, abera kuri buri Karere. Muri rusange, amahugurwa yitabiriwe ku kigereranyo cya 106.7% kuko ku bantu 1780 bari bateganyijwe guhugurwa hiyongereyeho 120, ibyo bikaba byarabaye ingirakamaro kuko ubutumwa bwageze kuri benshi.

Amahugurwa yitabiriwe n'aba bakurikira:

- ❖ Umuyobozi ushinze imari ku Karere;
- ❖ Umukozi ushinze itangwa ry'amasoko ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;
- ❖ Abakozi bashinze itangwa ry'amasoko n'abagize akanama k'amasoko ku Karere;
- ❖ Abakozi bo muri serivisi z'ubutaka ku Karere;
- ❖ Umuntu umwe uhagarariye akanama k'amasoko mu bigo byose bya Leta bikorera mu Karere (Gereza, imirenge, ibitaro, ibigo nderabuzima, amashuri makuru n'ayisumbuye).

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y'abitabiriye amahugurwa ukurikije Uturere.

Imbonerahamwe n° 1 : Abitabiriye amahugurwa kuri ruswa mu itangwa ry'amasoko ya Leta no muri serivisi z'ubutaka

Akarere	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abatarita-biriye	Abahuguwe batari bateganyijwe
Intara y'Uburasirazuba				
Bugesera	52	49	3	0
Kayonza	52	52	0	0
Gatsibo	29	53	0	24
Kirehe	86	89	0	3
Ngoma	47	45	4	2
Rwamagana	42	42	0	0
Nyagatare	58	57	1	0
Igiteranyo	366	387	8	29
Ijanisha	100%	105.7%	2.2%	7.9%
Intara y'Amajepfo				
Gisagara	43	43	2	2
Nyaruguru	48	46	2	0
Nyanza	40	40	1	1
Muhanga	48	51	0	3
Ruhango	47	53	0	6
Kamonyi	34	38	0	4
Nyamagabe	65	61	4	0
Huye	50	47	3	0
Igiteranyo	375	379	12	16
Ijanisha	100 %	101%	3.2%	4.3%
Intara y'Amajyaruguru				
Musanze	54	51	3	0
Gakenke	67	68	0	1
Rulindo	57	60	0	3
Burera	47	55	0	8
Gicumbi	69	84	0	15
Igiteranyo	294	318	3	27
Ijanisha	100 %	108.2%	1%	9.2%
Intara y'Iburengerazuba				
Karongi	70	83	0	13
Rutsiro	55	58	0	3
Nyabihu	53	52	1	0

Akarere	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abatarita-biriye	Abahuguwe batari bateganyijwe
Rubavu	49	54	0	5
Nyamasheke	61	58	3	0
Rusizi	88	103	0	15
Ngororero	54	57	0	3
Igiteranyo	430	465	4	39
Ijanisha	100 %	108.1%	0.9%	9 %
Umujyi wa Kigali				
Gasabo	129	151	0	22
Kicukiro	135	149	0	14
Nyarugenge	51	51	0	0
Igiteranyo	315	351	0	36
Ijanisha	100 %	111.4 %	0 %	11.4 %
Igiteranyo rusange	1780	1900	27	120
Ijanisha rusange	100 %	106.7 %	1.5 %	6.7 %

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, ku ruhande rumwe hari umubare muto w'abari bateganyijwe guhugurwa batabonetse, ariko ku rundi ruhande hari n'abitabiriye batari bateganyijwe, bityo umubare w'abahuguwe uba munini kurusha uwari uteganyijwe. Abahuguwe basobanuriwe inshingano n'ububasha by'Urwego rw'Umuvunyi, igisobanuro cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, impamvu zitera ruswa muri rusange, ingaruka zayo n'ingamba zo kuyikumira. By'umwihariko, bagaragarijwe ibyuhya bya ruswa biba mu mitangire y'amasoko ya Leta no muri serivisi z'ubutaka, bakangurirwa kwirinda ibikorwa byose bishobora gukurura ruswa no kubirwanya aho bigaragaye.

Amahugurwa yaranzwe n'ibiganiro no kungurana ibitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa, hatangwa ibyifuzo bikurikira:

- ❖ Urwego rw'Umuvunyi rukwiye gukora ubuvugizi ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Amasoko ya Leta (RPPA) kugira ngo mu bufatanye n'Akarere habeho amahugurwa ahoraho ku bashinzwe itangwa ry'amasoko ya Leta, by'umwihariko utunama tw'amasoko mu bigo nderabuzima, ibigo by'amashuri ndetse no mu mirenge kuko abenshi mu bagize utwo tunama badasobanukiwe n'amategeko n'amabwiriza;

- ❖ Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ikwiye kongera umubare w'abakozi mu biro by'Ubutaka kugira ngo serivisi zitangwe neza kandi ku gihe nk'uko biteganywa n'amategeko;
- ❖ Abategura ingingo ngenderwaho z'amasoko yerekeye inyigo (study) bakwiye kujya babikorana ubushishozi, kandi abashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'izo nyigo na bo bakabikora uko bikwiye kugira ngo hirindwe gukora amasezerano y'inyongera kuko byagaragaye ko hari inyigo ziba zikoze nabi bigatuma Leta ihomba amafaranga menshi;
- ❖ Amahugurwa ku mitangire y'amasoko akwiye no kugera ku bayobozi b'inzeho zitanga amasoko ntahabwe gusa abakozi bo ku rwego rwa tekini.

1.4.2. Amahugurwa kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye runatanga amahugurwa agenewe Abayobozi b'Uturere Bungirije bashinzwe imibereho myiza y'abaturage, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere n'Imirenge, abakozi ba *Maison d'Accès à la Justice (MAJ)*, abahagarariye inzego z'abagore ku rwego rw'Akarere n'Umurenge, abahagarariye Komite z'Abunzi ku rwego rw'Umurenge n'Abagenzacyaha ba Polisi y'Igihugu. Abari bateganyijwe guhugurwa bari 1535, naho umubare w'abahuguwe bose ni 1552, bigaragara ko bitabiriye ku kigero cya 101% kuko hari 28 batitabiriye bari bateganyijwe ariko haza n'abandi 45 batari bateganyijwe. Amahugurwa yabereye kuri buri Karere. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'abitabiriye amahugurwa.

Imbonerahamwe n° 2: Abitabiriye amahugurwa kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina

Intara	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abatari-tabiriye	Abahuguwe batari bateganyijwe
Intara y'Uburasirazuba				
Bugesera	53	77	1	25
Kayonza	45	44	1	0
Gatsibo	51	50	1	0
Kirehe	54	56	1	3
Ngoma	48	52	0	4
Rwamagana	52	52	0	0
Nyagatare	51	50	1	0
Igiteranyo	354	381	5	32
Ijanisha	100%	107.6%	1.5%	9%

Intara	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abatari-tabiriye	Abahuguwe batari bateganyijwe
Intara y'Amajyepfo				
Gisagara	48	44	4	0
Nyaruguru	54	52	2	0
Nyanza	37	36	1	0
Muhanga	45	50	0	5
Ruhango	45	44	1	0
Kamonyi	48	48	0	0
Nyamagabe	61	59	2	0
Huye	54	52	2	0
Igiteranyo	392	385	12	5
Ijanisha	100%	98.2%	3%	1%
Intara y'Amajyaruguru				
Musanze	55	55	0	0
Gakenke	64	64	0	0
Rulindo	61	61	0	0
Burera	62	62	0	0
Gicumbi	68	68	0	0
Igiteranyo	310	310	0	0
Ijanisha	100 %	100%	0%	0%
Intara y'Iburengerazuba				
Karongi	48	49	1	2
Rutsiro	47	50	0	3
Nyabihu	44	44	0	0
Rubavu	44	43	1	0
Nyamasheke	53	50	3	0
Rusizi	61	59	2	0
Ngororero	48	48	0	0
Igiteranyo	345	343	7	5
Ijanisha	100 %	99.4 %	2%	1.5%
Umujyi wa Kigali				
Gasabo	54	57	0	3
Kicukiro	39	39	0	0
Nyarugenge	41	37	4	0
Igiteranyo	134	133	4	3
Ijanisha	100%	99.2%	3%	2%
Igiteranyo rusange	1535	1552	28	45
Ijanisha rusange	100 %	101%	2%	3%

Amahugurwa yibanze kuri ruswa mu nzego z'ubutabera na ruswa ishingiyeye ku gitsina. Abitabiriye amahugurwa basobanuriwe inshingano n'ububasha by'Urwego rw'umuvunyi, ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo, impamvu zitera ruswa muri rusange, ingaruka zayo n'ingamba zo kuyikumira. By'umwihariko, bagaragarijwe ibyuhoro bya ruswa biba mu nzego z'ubutabera, ni ukuvuga muri Komite z'Abunzi, mu bugenzacyaha, mu bushinjacyaha, mu bunganira abandi mu nkiko, mu bacamanza, mu bakozi b'inkiko no mu bahesha b'inkiko. Basobanuriwe kandi ruswa ishingiyeye ku gitsina n'ingaruka mbi zayo, bakangurirwa kuyikumira no kuyirwanya bateza imbere gutanga serivisi nziza kuko serivisi itanoze ari intandaro ya ruswa.

Amahugurwa yanzwe n'ibiganiro no kungurana ibitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa, hatangwa ibyifuzo bikurikira:

- Ibyo Urwego rw'Umuvunyi rwakorera ubuvugizi:
 - ❖ Minisiteri y'Ubutabera ikwiye gutegura imfashanyigisho yakwifashishwa n'abashinzwe kurangiza imanza ku rwego rw'imirenge n'utugari kuko bahura n'ingorane zo kumenya amategeko yerekeye irangiza ry'imanza, ndetse ikabategurira amahugurwa ahagije;
 - ❖ Minisiteri y'Ubutabera ikwiye guha abaganga bemewe na Leta ububasha bw'abahesha b'inkiko ku bijyanye no gukuramo inda mu gihe byategetswe n'urukiko;
 - ❖ Minisiteri y'Ubutabera ikwiye gushaka uburyo bwo korohereza abagize Komite z'Abunzi bajya mu ngendo, bakora bagiyeye aho ikiburanwa gihereyeye, kuko kenshi usanga bibagora kubera urugendo rurerure.

- Ibyo Urwego rw'Umuvunyi rwasabwe:
 - ❖ Urwego rw'Umuvunyi rukwiye gutegura ibiganiro bihuza abacamanza, abahesha b'inkiko, abunganira abandi mu mategeko n'abandi bakora mu nzego zose z'ubutabera kugira ngo basuzumire hamwe ibibazo abashinzwe kurangiza imanza bahura na byo, no kurebera hamwe uburyo imikoranire y'izo nzego yafasha mu gukumira ibyaha bya ruswa no kubihana;
 - ❖ Urwego rw'Umuvunyi rukwiye kurushaho kumenyekanisha itegeko rirengera abatanga amakuru, kuko hari abatinya kuyatanga bitewe no kutamenya itegeko.

Muri rusange, abahuguwe bishimiye uburyo amahugurwa yateguwe n’uburyo yatanzwe, bagaragaza ko bungukiyemo byinshi nko kumenya ibyaha bifitanye isano na ruswa byose, uburyo ruswa yigaragaza n’ingaruka zayo haba ku muntu ndetse no ku Gihugu.

1.4.3. Amahugurwa ku itegeko ngenga rigenga imyitwarire y’abayobozi n’itegeko ryerekeye kubona amakuru

Urwego rw’Umuvunyi rwatanze amahugurwa agamije kumenyekanisha ibikubiye mu mategeko akurikira:

- ❖ Itegeko Ngenga no 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga imyitwarire y’abayobozi mu nzego za Leta nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe n’Itegeko Ngenga no 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013
- ❖ Itegeko no 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru

Amahugurwa yari agenewe Abajyanama bagize Inama Njyanama z’Uturere dutandukanye. Abahuguwe bose ni 631 kuri 710 bari bateganyijwe, nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 3: Abitabiriye amahugurwa y’abagize Inama Njyanama z’Uturere

Akarere	Itariki	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abataritabiriye
Rusizi	15/11/2014	31	24	7
Kicukiro	15/11/2014	23	20	3
Kamonyi	19/11/2014	25	21	4
Bugesera	11/12/2014	31	31	0
Muhanga	11/12/2014	25	21	4
Ruhango	20/12/2014	22	20	2
Kirehe	30/12/2014	27	27	0
Rutsiro	30/12/2014	25	21	4
Nyaruguru	10/01/2015	29	24	5
Burera	17/01/2015	32	26	6
Gakenke	17/01/2015	41	37	4
Huye	30/01/2015	29	29	0
Musanze	07/03/2015	28	19	9
Rubavu	06/03/2015	26	24	2
Nyabihu	13/03/2015	26	22	4

Akarere	Itariki	Abagombaga guhugurwa	Abahuguwe	Abataritabiriye
Ngororero	13/03/2015	26	26	0
Nyanza	26/03/2015	22	22	0
Ngoma	06/02/2015	29	29	0
Gicumbi	17/04/2015	39	35	4
Nyamasheke	23/06/2015	29	24	5
Nyagatare	30/06/2015	29	28	1
Gatsibo	30/06/2015	25	24	1
Kayonza	30/06/2015	26	24	2
Rulindo	20/06/2015	33	30	3
Nyamagabe	27/06/2015	32	23	9
Igiteranyo		710	631	79
Ijanisha		100%	89%	11%

Muri uyu mwaka, Urwego rw'Umuvunyi rwahisemo guhugura Inama Njyanama, kubera uruhare zifite mu miyoborere myiza y'Igihugu, kuko zifasha ubuyobozi bw'Akarere kubahiriza ibiteganywa n'amategeko yavuzwe haruguru.

1.4.4. Amahugurwa y'abagize urugaga rw'abikorera

Kuva ku itariki ya 20/10/2014 kugeza ku itariki ya 30/10/2014, hateguwe amahugurwa agenewe abanyamuryango b'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF). icyari kigamijwe muri aya mahugurwa, ni ugukangurira abanyamuryango b'Urugaga rw'Abikorera (PSF) kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane ndetse no kumenyekanisha Itegeko ryerekeye kubona amakuru. Hibanzwe cyane kuri ruswa ivugwa mu masoko ya Leta, harebwa ingamba zo kuyikumira binyuze ku banyamuryango b'Urugaga rw'Abikorera ubwabo. Mu ngamba zafashwe harimo ko ba rwiyemezamirimo bajya batanga amakuru ku gihe ku havugwa ruswa mu masoko ya Leta no gushishikariza abatanga amasoko kubahiriza amategeko uko bikwiye. Muri ayo mahugurwa kandi abayitabiriye bashishikarijwe kumenya no kumenyekanisha itegeko ryerekeye kubona amakuru banakangurirwa gutanga amakuru kugira ngo abaturage n'abanyamakuru barushaho kumenya ibikorera mu nzego zabo kuko inzego z'abikorera nazo zirebwa n'itegeko.

Imbonerahamwe n° 4: Abitabiriye amahugurwa y’abagize urugaga rw’abikorera

N°	Uturere twahuguwe	Aho amahugurwa yabereye	Abitabiriye amahugurwa	Abataritabiriye	Abagombaga kwitabira
1	Nyanza, Ruhango, Muhanga na Kamonyi	Nyanza	20	10	30
2	Huye, Nyamagabe, Nyaruguru na Gisagara	Huye	26	4	30
3	Karongi na Rutsiro	Karongi	18	2	20
4	Rusizi, Nyamasheke	Rusizi	29	1	30
5	Rwamagana, Gatsibo, Nyagatare	Rwamagana	30	0	30
6	Kirehe, Kayonza, Ngoma	Ngoma	24	6	30
7	Musanze	Musanze	30	0	30
8	Rubavu, Nyabihu, Ngororero	Rubavu	20	0	20
Bose hamwe			197	23	220
Ijanisha			90%	10%	100%

Hateganyijwe guhugura abanyamuryango bagize urugaga rw’abikorera mu Rwanda bagera kuri 220 mu Ntara zose: Amajyepfo 60, Iburengerazuba 40, Amajyaruguru 60 n’Iburasirazuba 60. Abahuguwe bifujye ko aya mahugurwa yagezwa kuri benshi kuko umubare w’abahuguwe ari muto ugereranyije n’abakwiye kuyahabwa mu turere twose tw’igihugu. Hifujwe kandi ko abatanga amasoko bakwiye guhugurwa kenshi gashoboka kuko usanga aribo bagira uruhare runini mu kibazo cya ruswa ivugwa mu masoko ya leta.

1.5. icyumweru cyagenewe kurwanya ruswa

Nk’uko bisanzwe buri mwaka, mu mwaka w’ibikorwa wa 2014-2015, Urwego rw’Umuvunyi rwateguye icyumweru cyo kurwanya ruswa cyatangiyeye tariki ya 29 Ugushyamba 2014, gisozwa tariki ya 09 Ukuboza 2014 ku Munsu Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa. icyo cyumweru cyahawe insanganyamatsiko igira iti **“Kurwanya**

ruswa, inkingi yo kwigira”. Iki cyumweru cyakozwemo ibikorwa bitandukanye bigamije gukangurira abataturwanda ububi bwa ruswa no kubashishikariza kugira uruhare mu kuyikumira no kuyirwanya. Ibyo bikorwa birimo umuganda rusange, ibiganiro n’abakozi b’Uturere tw’Umujyi wa Kigali, ibiganiro byanyujijwe ku maradiyo na televiziyo, irushanwa ry’umupira w’amaguru n’umunsi w’urubyiruko.

1.5.1. Umuganda rusange

Ku itariki ya 29 Ugushyingo 2014, hatangijwe icyumweru cyo kurwanya ruswa mu Karere ka Bugesera, mu Murenge wa Mwogo, aho abakozi b’Urwego rw’Umuvunyi n’abandi batumirwa mu nzego zitandukanye n’intumwa zo mu Gihugu cya *Côte d’Ivoire* zari mu ruzinduko mu Rwanda, bifatanyije n’abayobozi n’abatwariye b’Akarere mu muganda rusange. Muri uwo muganda hatangiye ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa binyujijwe mu ndirimbo, mu mikino ndetse no mu mbwirwaruhame z’abayobozi batandukanye. Umuganda witabiriwe ku buryo bushimishije n’abantu basaga ibihumbi bitanu (5.000), hakorwa imirimo inyuranye igamije iterambere ry’Akarere irimo gutera ibiti, gusubura umuhanda, gusubiriza no gukinga amazu ane y’abanyarwanda birukanywe muri Tanzaniya.

Mu butumwa bwatanzwe kuri uwo munsi, harimo gushishikariza abanyarwanda kumenya no guharanira uburenganzira bwo guhabwa serivisi nziza kuko serivisi mbi ari imwe mu mpamvu zitera ruswa. Ku bijyanye n’insanganyamatsiko y’umwaka **“Kurwanya ruswa, inkingi yo kwigira”**, abanyarwanda bakanguriwe kubyaza umusaruro amahirwe yose yabateza imbere bakigira, bagacika ku muco wo gutegereza imfashanyo, kuko ari yo nzira nziza yo gutuma abanyarwanda bumva ko bakwiye kwishakamo ibisubizo by’ibibazo u Rwanda rufite birimo ruswa idindiza iterambere ry’Igihugu.

1.5.2. Ibiganiro n’abakozi b’Uturere tw’Umujyi wa Kigali

Mu cyumweru cyo kurwanya ruswa, hateguwe ibiganiro byagejejwe ku bakozi bo mu Turere tugize Umujyi wa Kigali, kuva ku itariki ya 02/12/2014 kugeza ku itariki ya 04/12/2014. Ibiganiro byibanze ku bubi bwa ruswa, impamvu ziyitera, ingaruka zayo, ingamba zo kuyihashya n’uruhare rwa buri mukozi mu kuyikumira no kuyirwanya.

Ibyo biganiro kandi byagarutse ku mikorere y’Inama Ngishwanama zo kurwanya ruswa n’akarengane ku rwego rw’Uturere n’Imirenge n’umusaruro zatanga

ziramutse zujuje neza inshingano zazo. Abitabiriye ibiganiro bunguranye ibitekerezo ku moko ya ruswa bibanda kuri ruswa ishingiyeye ku muco, cyane cyane ishimwe, hagaragazwa ko n’ubwo gushimira ari umuco nyarwanda, ari intandaro ya ruswa kuko bidakwiye guha impano umuyobozi cyangwa umukozi mu gihe arimo gukora inshingano ze.

1.5.3. Irushanwa ry’umupira w’amaguru

Ku matariki ya 6 na 7 Ukuboza 2014 habaye irushanwa ry’umupira w’amaguru ryateguwe n’Urwego rw’Umuvunyi mu bufatanye n’Ishyirahamwe ry’Umupira w’Amaguru mu Rwanda (FERWAFR), ribera kuri Sitade Amahoro. Iryo rushanwa ryahuje amakipe 4 yabaye aya mbere muri Shampiyona ya 2014 ari yo APR FC, Rayon Sport FC, Police FC na AS Kigali. Ku wa 06/12/2014 habaye umukino w’amajonjora naho ku wa 07/12/2014 haba umukino wa nyuma wahuje amakipe yari yatsinze umukino ubanza ari yo AS Kigali na Polisi FC. Muri aya marushanwa, hatanzwe ubutumwa bukangurira abakinnyi n’abakunzi b’umupira w’amaguru kwirinda no kwamagana ruswa. Ubutumwa bwatangiye muri icyo mikino bukaba bwageze ku baturarwanda benshi hifashishijwe itangazamakuru.

1.5.4. Umunsi w’urubyiruko

Ku itariki ya 08 Ukuboza 2014, muri Hoteli Nobleza mu Karere ka Kicukiro, habereye ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko igira iti «**Ibura ry’akazi, imwe mu mpamvu zatera ruswa mu rubyiruko**». Iki kiganiro cyitabiriye n’urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe arwanya ruswa (Anti Corruption Clubs) ruturutse mu gihugu hose n’abahagarariye Komite z’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko mu Turere twose. Abagize uruhare mu kiganiro mpaka bari mu matsinda abiri, itsinda rishyigikiye insanganyamatsiko n’itsinda ritemeranywa na yo.

Muri icyo kiganiro habaye impaka ku ngingo zinyuranye zirimo ruswa mu rubyiruko, ibura ry’akazi n’uburyo rishobora kuba imwe mu mpamvu zatera ruswa n’icyakorwa kugira ngo iyo ruswa ikumirwe. Byagaragaye ko imirimo ari mike ugereranyije n’abayikeneye ariko ko atari yo mpamvu yatuma urubyiruko rwishora muri ruswa, ko ahubwo rugomba gukoresha amahirwe rufite rukihangira imirimo.

Hafashwe imyanzuro ikurikira igamije gufasha mu guhangana na ruswa ishobora guterwa n’ibura ry’akazi mu rubyiruko:

- ❖ Kwihesha agaciro, gukoresha ukuri no kurangwa n’ubunyangamugayo;
- ❖ Guhindura imyumvire, ntibyumvikane ko akazi ari ukuba hari umuntu ugukoresha, yaba Leta cyangwa abikorera, ahubwo ko akazi ari umurimo wose utanyuranyije n’amategeko utunze uwukora, kabone n’iyo waba ari umurimo uciriritse;
- ❖ Kwishakamo ibisubizo, urubyiruko rukabanza kwibaza icyo rumariye Igihugu mbere yo kwibaza icyo Igihugu kirumariye;
- ❖ Gushyigikira no gushyira mu bikorwa umuco wo kuzigama kugira ngo hakemurwe ikibazo cy’igishoro gihora gitera impungenge urubyiruko, kandi bakagana ikigo cyashyizweho mu kubafasha kubona ingwate ku nguzanyo baka mu mabanki mu gihe baba bashaka gushyira mu bikorwa imishinga yabo;
- ❖ Kwigirira icyizere mu bumenyi, mu myigire ndetse no mu guhangana ku isoko ry’umurimo kuko hari imirimo myinshi ikorwa n’abanyamahanga yakagombye gukorwa n’abenegihugu, bityo na Minisiteri y’Uburezi igakomeza kwita kuri politiki yo kuzamura ireme ry’uburezi.

Urubyiruko rushyize mu bikorwa izi nama zarufasha gutegura neza ejo hazaza.



Abitabiriye ikiganiro mpaka "Ibura ry'akazi, imwe mu mpamvu zatera ruswa mu rubyiruko"

1.5.5. Gusoza icyumweru cyo kurwanya ruswa

Umunsi wo gusoza icyumweru cyo kurwanya ruswa wizihirijwe muri Hotel Serena i Kigali ku itariki ya 09/12/2014, hanizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Ruswa. Ibirori by'uwo munsi byitabiriwe n'abantu b'ingeri zitandukanye barimo abagize Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Akarere, abagize Akanama k'Impuguke mu Kurwanya ruswa n'Akarengane, ba Guverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, abahagarariye amashyirahamwe yo kurwanya ruswa, abana baturutse mu itsinda rigamije kurwanya ruswa binyuze mu guteza imbere ubupfura ryitwa "Shalom Educating for Peace", abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, abahagarariye amadini n'indi miryango itari iya Leta n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi.

Kuri uwo munsi hatanzwe ikiganiro kuri politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa n'uburyo ishyirwa mu bikorwa. Inzego zishinzwe kuyishyira mu bikorwa zibukijwe ko zigomba gutanga raporo buri gihembwe. Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo kuri icyo politiki, inzego zimwe na zimwe zigaragaza udushya zahanze mu gukumira no kurwanya ruswa.

Bitewe n'uko hari ibyiciro bikivugwamo ruswa birimo itangwa ry'amasoko ya Leta, itangwa ry'akazi ndetse no mu ikorwa ry'imirimo inyuranye, muri icyo nama hafashwe imyanzuro igamije gufasha mu gukumira no kurwanya ruswa.



Abitabiriye inama ku munsi mpuzamahanga wo kurwanya ruswa ku itariki ya 09/12/2014

2. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano yo kwakira no gusuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo bitandukanye abaturage barugejejeho. Ibyo bibazo biri mu byiciro binyuranye: ibyakiririwe ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi, ibyatanzwe mu buryo bw'inwandiko zisanzwe, ibyakiriwe hakoreshejwe ikoranabuhanga, ibyakiriwe biciye mu itumanaho rikoresheje telefoni n'ibyakiriwe n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda yo gusura abaturage mu mirenge batuyemo.

2.1. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane ku Rwego rw'Umuvunyi

Urwego rw'Umuvunyi rwakira abaturage bazanye ibibazo by'akarengane, abaza gukurikirana ibibazo byabo n'abandi baza kugisha inama. Abaturage bagana Urwego rw'Umuvunyi bwa mbere bagirwa inama z'uburyo ibibazo byabo byakemuka; abafite ibibazo biri mu bubasha bw'Urwego basabwa kubishyira mu nyandiko kugira ngo rubikurikirane; abafite ibitari mu bubasha bw'Urwego, bagasabwa kubishyikiriza inzego zishinzwe kubikemura. Abaturage bakiriwe ku Rwego rw'Umuvunyi bagisha inama, barugezaho ibibazo bishya cyangwa bakurikirana ibyo barugejejeho ni 7404. Muri bo, 1631 boherejwe mu zindi nzego, naho ibibazo 2108 bikaba byari bishya bikeneye gusuzumwa¹. Hakiriwe kandi abaturage 1866 ku murongo wa telefoni utishyurwa. Muri bo, 1611 bakurikiranaga ibibazo bashyikirije Urwego rw'Umuvunyi, 120 bahamagaye bagisha inama boherezwa mu nzego zishinzwe kubakemurira ibibazo, 70 batangaga amakuru kuri ruswa naho 65 babazaga ibindi bibazo.

2.1.1. Ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu buryo bw'inwandiko

Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inwandiko birebana ahanini n'uburenganzira umuturage avuga ko yavukijwe n'inzego zitandukanye, iza Leta n'izigenga cyangwa n'undi muturage mugenzi we. Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inwandiko ni 808. Muri byo, 439 bingana na 54.3 % byarakemutse, 169 bingana na 21 % byoherezwa mu nzego zigomba kubikemura naho 200 bingana na 24.7 % bikaba bigikurikiranwa. Muri ibi bibazo ntihabariwemo ibibazo byerekeranye n'imari ndetse n'imanza zisabirwa gusubirishwamo kuko bigize ibindi byiciro byihariye.

¹ Buri muni w'akazi, Urwego rw'Umuvunyi rwashyizeho serivisi yo kwakira abaturage. Abenshi mu bagana Urwego rw'Umuvunyi ni abatishimira ibyemezo by'inkiko basaba ko Urwego rusubirishamo imanza zabo mu Rukiko rw'Ikirenga.

Imbonerahamwe n° 5: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu nyandiko mu mwaka wa 2014-2015


N°	Akarere	Ibyakiriwe	Ibyakemutse	Ibyoherejwe izindi nzego	Ibigorerwa iperereza
1	Bugesera	42	19	8	15
2	Burera	12	10	0	2
3	Gakenke	23	19	3	1
4	Gasabo	60	26	6	28
5	Gatsibo	32	12	8	12
6	Gicumbi	34	10	10	14
7	Gisagara	7	4	2	1
8	Huye	28	21	5	2
9	Kamonyi	20	8	2	10
10	Karongi	4	1	2	1
11	Kayanza	36	26	4	6
12	Kicukiro	61	51	2	8
13	Kirehe	12	2	8	2
14	Muhanga	20	7	7	6
15	Musanze	48	38	1	9
16	Ngoma	11	2	5	4
17	Ngororero	11	6	1	4
18	Nyabihu	27	22	3	2
19	Nyagatare	33	25	5	3
20	Nyamagabe	40	16	12	12
21	Nyamasheke	9	3	3	3
22	Nyanza	15	4	7	4
23	Nyarugenge	69	26	23	20
24	Nyaruguru	18	7	5	6
25	Rubavu	12	5	2	5
26	Ruhango	13	5	6	2
27	Rulindo	19	14	5	0
28	Rusizi	10	5	2	3
29	Rutsiro	10	4	4	2
30	Rwamagana	52	36	6	10
31	Ibigo	20	5	12	3
Igiteranyo		808	439	169	200

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije inzego bireba ibibazo 169, rukaba ruzakomeza gukurikirana uko izo nzego zabikemuye. Ibibazo byakiriwe mu nyandiko biri mu byiciro bitandukanye nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 6: Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inyandiko hakurikijwe ibyiciro

N°	Icyiciro	Umubare	Ijanisha
1	Ibibazo birebana n'ubutaka	255	31.60%
2	Ibibazo bijyanye no kurangiza imanza	167	20.70%
3	Ibibazo biri mu nkiko	105	13%
4	Ibibazo bijyanye n'ubutegetsu n'umurimo	94	11.60%
5	Ibibazo birebana n'indi mitungo itari ubutaka	88	10.90%
6	Ibibazo by'imibereho myiza	51	6.30%
7	Ibibazo bijyanye n'ubucuruzi	18	2.20%
8	Ibibazo bijyanye n'ubwiteganyirize (RSSB)	7	0.90%
9	Ibibazo bijyanye n'ubwishingizi	5	0.60%
10	Ibindi	18	2.20%
Igiteranyo cya byose		808	100 %

Igishushanyo n° 1: Ibibazo byakiriwe mu buryo bw'inyandiko hakurikijwe ibyiciro



Kimwe no mu myaka ishize, ibibazo birebana n'ubutaka biza ku mwanya wa mbere mu byakirwa n'Urwego rw'Umuvunyi (31.6 %). Ubwiyongere bw'ibyo bibazo buturuka ahanini ku gaciro ubutaka bugenda bugira, bityo bikaba isoko y'amakimbarane haba mu miryango no mu baturanyi. Urwego rw'Umuvunyi rwafashe ingamba zo gukumira ayo makimbarane, rubinyujije mu mahugurwa no mu biganirwa bihabwa abaturage, hashimangirwa gahunda yo gukemura ibibazo mu miryango, mu nteko

z'abaturage no kwigisha abanyarwanda muri rusange kwirinda amahugu. Ibyo bibazo bikaba byaragabanutse muri uyu mwaka ugereranije n'umwaka wa 2013-2014 kuko byari 39%.

Ibibazo by'imanza zitarangizwa biza ku mwanya wa kabiri na 20.7 %. Nk'uko byanagaragaye umwaka ushize wa 2013-2014, ibi bibazo byiganjemo imanza zerekeranye n'imitungo yangijwe muri Jenocide yakorewe Abatutsi, ariko kuzirangiza bikaba bigifite imbogamizi bitewe ahanini n'impamvu eshatu: kuba abatsinzwe nta bwishyu bafite, kuba abahesha b'inkiko batari ab'umwuga bakorera mu nzego z'ibanze batarangiriza abaturage imanza no kuba abaturage badafite ubushobozi bwo kwishyura abehesha b'inkiko b'umwuga. Ibi byose bigatuma bakomeza gusiragira mu nzego nkuru z'igihugu basaba ubutabera.


2.1.2. Ibibazo by'akarengane byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015 ariko byarakiriwe mu yindi myaka

Uretse ibibazo byakiriwe muri uyu mwaka, Urwego rw'Umuvunyi rwanakurikiranye ibibazo byakiriwe mu yindi myaka ariko ntibyangizwa. Muri ibyo bibazo 53 % byakemutse burundu muri uyu mwaka, 20 % byohererejwe izindi nzego, ibindi 27% biracyakurikiranwa.

Imbonerahamwe n° 7: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu yindi myaka byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015

Ibibazo byakiriwe	Ibyakemutse	Ibyashyikirijwe izindi nzego	Ibigikorerwa iperereza
551	289	111	151
Ijanisha	53 %	20 %	27 %

Igishushanyo n° 2: Ibibazo by'akarengane byakiriwe mu yindi myaka byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015




2.1.3. Ibibazo byakiriwe muri Cyber café

Urwego rw'Umuvunyi rwashyizeho *cyber café* mu Turere twa Rubavu, Rusizi, Ngoma, Kayonza, Gicumbi na Huye kugira ngo rworohereze abatwaga kurugezaho ibibazo byabo bitabahenze kandi vuba, batagombye kuza ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi. Izo *cyber cafés* zicungwa n'urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe yo kurwanya ruswa.

Imbonerahamwe n° 8: Ibibazo byakiriwe muri *cyber-café*s

Cyber-café	Ibibazo byakiriwe	Ibyohere-rejwe Urwego rw'Umuvunyi	Ibyohere-rejwe MAJ	Abagiriwe inama	Ibyohere-rejwe inzego z'ibanze
Rusizi	166	10	36	88	32
Rubavu	64	11	9	33	11
Ngoma	10	6	3	1	0
Gahini	2	0	0	1	1
IPB Gicumbi	0	0	0	0	0
Igiteranyo	242	27	48	123	44

Igishushanyo n° 3: Ibibazo byakiriwe muri *cyber-café*s



Muri rusange ibibazo byose byakiriwe na *cyber-café*s ni 242. Muri byo, 27 byohere-rejwe Urwego rw'Umuvunyi, 48 byohere-rejwe MAJ, 123 byatanzweho inama z'uko byakemuka naho 44 byohere-rezwa inzego z'ibanze. Hashingiwe ku mubare w'ibibazo byakiriwe no ku mikorere ya za *Cyber-café*s, byagaragaye ko *Cyber-café* yo mu Karere ka Rusizi ari yo ikora neza ugereranyije n'izindi bitewe n'imikorere myiza y'ishyirahamwe ry'urubyiruko ryo kurwanya ruswa muri ako Karere.

Cyber-café yo mu Karere ka Huye ntiratangira gutanga raporo kuko amasezerano y’ubufatanye hagati ya Kaminuza y’u Rwanda n’Urwego rw’Umuvunyi yari atarasinnye. icyakora, bitewe n’uko *cyber-café* ikorera ahari “Clinique d’aide juridique” ya Kaminuza Ishami ry’amategeko, abaturage bagana *cyber-café* bahabwa ubujyanama mu by’amategeko. Naho, *Cyber-café* ya Institut Polytechnique de Byumba (IPB) iri i Gicumbi n’izo zo mu Karere ka Ngoma na Kayonza ntiziratangira gukora neza.


2.1.4. Ibibazo byakiriwe n’Urwego rw’Umuvunyi muri gahunda yihariye yo kurwanya akarengane mu Turere

Mu mwaka w’ingengo y’imari wa 2014-2015, Urwego rw’Umuvunyi rwateguye gahunda yihariye yo kurwanya akarengane mu Turere dutandukanye hagamijwe kwegera abaturage mu mirenge igize buri karere. Muri icyo gahunda, abaturage bashishikarijwe kumenya no guharanira uburenganzira bwabo no kugira uruhare mu kwikemurira ibibazo. Ku bufatanye n’inzego z’ibanze, hakiriwe ibibazo by’akarengane binashakirwa ibisubizo. Hasuwe Uturere 7 tutari twarasuwe mu mwaka w’ingengo y’imari ya 2013-2014. Muri buri karere, Urwego rw’Umuvunyi rwasuye imirenge yose ikagize. Ibibazo byakiriwe mu turere twose ni 1642. Muri ibi bibazo, **933** byahise bikemuka naho **709** bisigirwa uturere kugira ngo tubikurikirane nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira

Imbonerahamwe n° 9: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yihariye kurwanya akarengane mu Turere

Akarere	Itariki	Ibibazo byose byakiriwe	Ibibazo byahise bikemuka	Ibibazo byasigiriye Akarere	Ibibazo Akarere lakemuye	Ibibazo bigikurikiranwa n’Akarere
Nyarugenge	27/03/2015	147	93	54	0	54
Gatsibo	05/02/2015	284	126	158	101	57
Nyabihu	19/02/2015	190	94	96	42	54
Huye	12/02/2015	196	91	105	82	23
Nyanza	19/03/2015	195	124	71	54	17
Ngoma	22-25/09/2014	381	229	152	144	8
Muhanga	28/01/2015	249	176	73	23	50
Igiteranyo		1642	933	709	446	263

Igishushanyo n° 4: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yihariye yo kurwanya akarengane mu turere



Ibibazo byagaragaye mu turere twasuwe biri mu byiciro bitandukanye bikurikira:

2.1.4.1. Imyenda ba rwiyezamirimo cyangwa inzego za Leta babereyemo abaturage

Abaturage bagaragarije Urwego rw’Umuvunyi ko bakoreye ba rwiyezamirimo imirimo itandukanye nk’ubwubatsi, ubuhinzi, n’ibindi ariko ntibishyurwe. Ahenshi ba rwiyezamirimo ni abahawe amasoko n’uturere, Minisiteri cyangwa ibigo bya Leta. Hagaragaye imbogamizi z’uko abenshi muri aba baturage bakoraga nta masezerano yanditse bafite. Hari kandi abaturage bakoreye uturere na Minisiteri y’Uburezi (MINEDUC) bubaka amashuri y’uburezi bw’ibanze bw’imyaka icyenda na cumi n’ibiri (9&12 YBE), ibiro by’utugari, n’ibindi ariko ntibishyurwa. Muri iki cyiciro, ibibazo bya ba rwiyezamirimo batishyura abaturage byagaragaye ku kigereranyo cya 3 %, ni ukuvuga ibibazo 48 ku 1642 Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye. Ibibazo byerekeranye n’imyenda inzego za Leta zibereyemo abaturage bingana na 4 %, ni ukuvuga ibibazo 70 ku 1642 byakiriwe.

Urwego rw’Umuvunyi rwibukije uturere ko dukwiye gukurikiza umurongo washyizweho n’inzego nkuru z’igihugu, ko mbere yo kwishyura rwiyezamirimo icyiciro cya nyuma, dukwiye kujya tubanza kureba niba nta myenda bafiteye abo bakoresheje kugira ngo babanze bishyurwe.

2.1.4.2. Kwimurwa ku mpamvu z’inyungu rusange ntihatangwe ingurane ikwiye

Abaturage bagaragaje ko mu gihe cyo kwimura abantu ku mpamvu z’inyungu rusange, hari imitungo yabo yangijwe ariko ntibahabwa ingurane ikwiye. Ibi byagaragaye cyane ahanyujijwe imiyoboro y’amashanyarazi n’ahubatswe amashuri.

Ibibazo byakiriwe muri iki cyiciro biri ku kigereranyo cya 4.5 % ni ukuvuga ibibazo 73 ku 1642 byakiriwe n’Urwego rw’Umuvunyi. Uturere n’izindi nzego bireba basabwe kujya banoza imitegurire y’igikorwa cyo kwimura abantu ku mpamvu z’inyungu rusange, ingengo y’imari igategurwa mbere, kandi amategeko akubahirizwa.

2.1.4.3. Imanza zaciwe n’inkiko zitarangizwa

Mu bibazo byakiriwe, iby’imanza zitarangizwa n’inzego zibishinzwe byagaragaye ku kigereranyo kingana na 18 %, ni ukuvuga ibibazo 299 ku 1642 byakiriwe. Ku ruhanda rumwe, usanga hari imanza zitarangizwa kubera inzitizi zo kutabona ubwishyu, izindi zikaba zigoranye kurangizwa kubera imiterere yazo. Ku rundi ruhanda, hari imanza zitarangizwa bitewe n’uburangare n’imikorere mibi y’abashinzwe kuzirangiza.

Urwego rw’Umuvunyi rwashishikarije Abahesha b’Inkiko batari ab’umwuga kujya barangiza imanza mu buryo bukurikije amategeko kandi mu gihe bibaye ngombwa bakagisha inama abakozi bo mu nzu y’ubufasha mu mategeko (MAJ). Abaturage badafite ubushobozi bwo kwishyura Umuhesha w’Inkiko w’Umwuga, bibukijwe ko bagana abakozi ba MAJ bakabafasha.

2.1.4.4. Kutishimira imikirize y’imanza

Hari abaturage bagaragarije Urwego rw’Umuvunyi ko batanyuzwe n’imyanzuro y’inkiko. Abenshi bagiriwe inama yo kwemera imikirize y’imanza aho byagaragaraga ko nta karengane kari mu manza batsinzwe nyuma yo kuzisesengura. Hari abandi bagiriwe inama yo kujurira iyo byagaragaraga ko amategeko abibemerera kandi bifite ishingiro. Hari kandi imanza Urwego rw’Umuvunyi rugomba gusuzuma hakurikijwe ibiteganywa n’amategeko, kugira ngo rurebe niba harimo akarengane katuma zisabirwa gusubirwamo. Ibibazo byo muri iki cyiciro biri ku kigereranyo kingana na 19%, ni ukuvuga ibibazo 308 ku 1642 byakiriwe n’Urwego rw’Umuvunyi mu mirengi yose yasuwe. Abaturage bashishikarijwe kujya bakemura ibibazo byabo mu miryango, mbere yo kujya mu nkiko kandi n’abagiye mu nkiko bakanyurwa n’imyanzuro yafashwe. Ikindi kandi abaturage bibukijwe ko Urwego rw’Umuvunyi atari urukiko rw’ubujurire.

2.1.4.5. Ibibazo by’ubutaka

Ibibazo by’ubutaka byagaragaye ku kigereranyo kingana na 22 %, ni ukuvuga ibibazo 364 ku 1642 byakiriwe. Muri ibi bibazo, hari ibyerekeranye no kutabona

ibyangombwa by'ubutaka ku mpamvu z'uko ubwo butaka buri mu makimbirane, ibindi ni amakimbirane hagati y'abaturanyi cyangwa imiryango. Ku batabona ibyangombwa ku mpamvu z'amakimbirane basobanuriwe ko bakwiye kurangiza amakimbirane bafitanye babifashijwemo n'inteko z'abaturage cyangwa bakaregera inkiko zibifitiye ububasha. Ku basaba gukosora ibyangombwa, basobanuriwe ko ibyemezo bitangwa n'ibiro by'ubutaka ku Karere, ibyo byemezo bikifashihswa n'Umubitsi w'Impapuru mpamo z'Ubutaka mu gukosora ibyangombwa.

2.1.4.6. Isaranganya ry'ubutaka

Ibibazo by'isaranganya ahanini bishingiye ku kutemera uko isaranganya ryakozwe no kuba hari abaturage bavugaga ko batasaranganyijwe kandi babikwiye. Ibi bibazo byagaragaye ku kigereranyo cya 2.7 %, ni ukuvuga ibibazo 45 ku 1642 byakiriwe. Urwego rw'Umuvunyi rushyigikiye icyemezo cyo gutuza Abanyarwanda mu rwego rwo kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda kandi ntacyo rwahindura ku isaranganya ryakozwe hakurikijwe amategeko. Abatarasanyijwe kandi babikwiye, Urwego rw'Umuvunyi rubakorera ubuvugizi kugira ngo batuzwe mu gihe leta hari ubutaka ifite bushobora gutuzwaho abaturage.

2.1.4.7. Kutishimira ibyiciro by'ubudehe

Hari abaturage bagaragariye Urwego rw'Umuvunyi ko ibyiciro by'ubudehe bashyizwemo batabikwiye. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye inzego z'ibanze gusobanurira abaturage ibigenderwaho mu kubashyira mu byiciro, ubundi hagasuzumwa ikibazo ku kindi aho bigaragaye ko hari uwarenganye, akarenganurwa. Ikindi kandi hari harateganyijwe umwanya n'inzira zo kujuririra icyiciro umuntu yashyizwemo. Ibi bibazo byagaragaye ku kigereranyo cya 2 %, ni ukuvuga ibibazo 33 ku 1642 byakiriwe.

2.1.4.8. Ibindi

Muri iki cyiciro ahanini harimo ibibazo by'urugomo n'iby'amakimbirane mu miryango cyangwa mu ngo. Akenshi abaturage bagiriwe inama zo kubana neza no kwirinda amakimbirane kuko hari ubwo ayo makimbirane aba isoko y'ibyaha bikunze kugaragara mu miryango. Harimo kandi ibibazo by'abaturage basaba gufashwa kubona amacumbi cyangwa ubundi bufasha bushingiye ku mibereho yabo. Ibi bibazo byagiye bishyikirizwa inzego z'ibanze kugira ngo zibisuzume, aho bishoboka hatangwe ubufasha hakurikijwe ubushobozi buhari. Ibi bibazo byagaragaye ku kigereranyo cya 23.5 % ni ukuvuga ibibazo 383 ku 1642 byakiriwe.

Imbonerahamwe n° 10: Ishusho rusange y'ibibazo byakiriwe

Ubwoko bw'ibibazo	Umubare w'ibibazo	Ijanisha %
Imyenda ba rwiyezamirimo babereyemo abaturage	48	3
Imyenda inzego za Leta zibereyemo abaturage	70	4
Kwimurwa cyangwa kwangirizwa ibikorwa ku mpamvu z'inyungu rusange ntihatangwe ingurane ikwiye (expropriation)	73	4.5
Imanza zaciwe n'inkiko zitarangizwa	299	18
Kutishimira imikirize y'imanza	308	19
Ibibazo by'ubutaka	364	22
Isaranganya ry'ubutaka	45	2.7
Kutishimira ibyiciro by'ubudehe	33	2
Ibindi	402	24.5
Igiteranyo cy'ibibazo byose	1642	100%

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe bikaba byanagaragajwe mu bibazo byakiriwe mu nyandiko, ibibazo by'ubutaka n'ibyerekeye imanza zitarangizwa bikomeza kuza imbere y'ibindi bibazo byose byakirwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu rwego rwo gukumira ibibazo bijyanye no kurangizwa kw'imanza hafashwe ingamba zo kunoza imikoranire n'inzego zibifite mu nshingano, bakibutswa inshingano zabo kandi bakibutswa ko bakwiye kubikora uko amategeko abiteganyaga. Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga bashishikarijwe gukora uko bikwiye umurimo wabo w'ubuhesha bw'inkiko. Ku bijyanye n'ibibazo by'ubutaka, hakenewe kongerwa ingufu mu ngamba ziriho zo gukemura amakimbarane bihereye mu muryango, inteko z'abaturage, hakanashakishwa ingamba zihariye zatuma abaturage benshi bitabira gahunda zo kwiteza imbere hadashingiwe ku butaka.



Gukemura ibibazo by'akarengane mu ruhamu mu Karere ka Nyarugenge


2.2. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane byerekeye serivisi z'imari

Ibibazo byerekeranye n'imari bijyanye no kutishimira serivisi zitangwa n'ibigo by'imari cyangwa akarengane gakomoka ku byemezo bifatwa n'ibyo bigo. Ibigo by'imari biri mu byiciro bibiri by'ingenzi: Ibigo byigenga (amabanki, ibigo by'imari iciriritse, ibigo by'ubwishingizi, n'ibindi); Ibigo byegamiye kuri Leta [Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) n'Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka (SGF)]. Ibibazo byerekeranye n'imari byakurikiranywe mu mwaka wa 2014-2015 ni 99, muri byo 92 bingana na 93 % byarakemutse, 7 bingana na 7 % biracyakurikiranwa.

Imbonerahamwe n° 11: Ibibazo byerekeranye n'imari byakiriwe

Icyiciro cy'ibigo bireba	Ibyakiriwe	Ibyakemutse	Ibigukurikiranwa
Ibigo bya Leta	42	40	2
Ibigo byigenga	57	52	5
Igiteranyo	99	92	7

Igishushanyo n° 5: Ibibazo byerekeranye n'imari byakiriwe



Iyi mbonerahamwe igaragaza ko ibibazo bireba ibigo byigenga ari byinshi ugereranyije n'ibireba ibigo bya Leta. Mu cyiciro cy'ibigo bya Leta, ibibazo byinshi bireba ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, bijyanye n'uko abiteganyirije batishimira uburyo pansiyu ibarwa. Byagaragaye ko hari abatwaga babarirwa nabi pansiyu zabo, Urwego rw'Umuvunyi rugasaba ko bikosorwa. Hari n'abandi batishimira uburyo pansiyu ibarwa kubera kutamenya amategeko, ubwo nabo Urwego rw'Umuvunyi rukabasobanurira ko uburyo byakozwe nta karengane karimo.

Ibindi bibazo birebana n'indishyi zitinda gutangwa zikomoka ku byangijwe n'inyamaswa ahagereye za pariki, kubera kutumvikana ku igenagaciro k'ibyangijwe hagati y'umutwaga n'ikigega Cyihariye cy'Ingoboka. Mu cyiciro cy'ibigo byigenga, ibibazo byinshi birebana n'amabanki bijyanye n'uko kenshi abakiriya bananirwa kwishyura inguzanyo nk'uko biba biteganyijwe mu masezerano, bakagana Urwego rw'Umuvunyi basaba ubuhuza iyo hatangiye inzira zo guteza cyamunara, kugira ngo boroherezwe uburyo bwo kwishyura.

2.3. Incamake y'ibibazo byose byakiriwe mu nyandiko

Muri rusange ibibazo byakiriwe mu nyandiko ni 1458. Muri byo, 820 byigenga na 56 % byakemutse, 280 byigenga na 19 % byoherejwe izindi nzego, 358 byigenga na 25 % byakurikiranwa.

Imbonerahamwe n° 12: Ibibazo byose byakiriwe mu nyandiko n’uko byakurikiranywe

Ibyiciro	Ibyakiriwe	Ibyasuzumwe	Ibyohererejwe izindi nzego	Ibigorerwa iperereza
Ibibazo by’akarengane mu mwaka wa 2014-2015	808	439	169	200
Ibibazo byakiriwe mbere y’umwaka wa 2014-2015	551	289	111	151
Ibibazo byerekeranye n’imari	99	92	0	7
Igiteranyo	1458	820	280	358

Muri rusange Urwego rw’Umuvunyi, muri uyu mwaka wa 2014-2015 rwagombaga gukemura ibibazo 1458 rwakiriye muri uyu mwaka hiyongereyeho n’ibyasigaye mu mwaka wabanjirije uyu. Muri byo hasuzumwe 820, naho 280 byohererejwe izindi nzego, 358 biracyakorerwa iperereza.

2.4. Gusubirishamo imanza ku mpamvu z’akarengane

Mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye rwari rufite amadosiye 2,396 y’imanza zisabirwa gusubirishwamo nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 13: Umubare w’amadosiye asaba gusubirishwamo imanza


Dosiye zakiriwe n’umwaka zakiriwemo	Umubare wa dosiye	Ijanisha
Ibirarane bya 2013-2014	846	35.3%
Dosiye zakiriwe 2014-2015	1,550	64.7%
Igiteranyo cya dosiye zose zakiriwe	2,396	100%

Mu madosiye yose 2,396 yakiriwe, harimo amadosiye 846 yakiriwe mu mwaka wa 2013-2014 n’andi 1,550 yakiriwe muri uyu mwaka. Uburyo ayo madosiye yasuzumwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 14: Uburyo amadosiye yasesenguwe mu mwaka wa 2014-2015

Uburyo amadosiye yasesenguwe		Umubare	Ijanisha
amadosiye yakozwe	Imanza zasabiwe gusubirishwamo	82	3.4%
	Imanza zitagaragayemo akarengane	946	39.5%
	Igiteranyo cy’amadosiye yakozwe	1.028	42.9%
Amadosiye atarakorwa		1.368	57.1%
Igiteranyo		2.396	100%

Igishushanyo n° 6 : Uburyo amadosiye yasesenguwe mu 2014-2015



Imbonerahamwe iri hejuru iragaragaza ko mu madosiye 1.028 yasesenguwe, ayagaragayemo akarengane ni 82 angana na 7,97% naho atagaragayemo akarengane ni 946 angana na 92,03%. Amadosiye atarasesengurwa ni 1.368 ahwanyeye na 57,1% by'amadosiye yose yagombaga gusesengurwa.

Iyi mibare iragaragaza ko gusuzuma amadosiye asaba guburishamo imanza bikiri ku gipimo cyo hasi bikaba biterwa n'imiterere y'ayo madosiye n'akazi ko kuyasesengura gatwara umwanya munini, hakiyongeraho umubare w'abakozi bashinzwe icyo gikorwa bakiri bake ugereranije n'umubare w'amadosiye bashyikirizwa.

Iki kibazo cyaganiriweho mu nama nyunguranabitekerezo yahuje Urwego rw'Umuvunyi, intumwa z'Urukiko rw'Ikirenga, Ubushinjacyaha Bukuru, Ikigo gishinzwe umutungo kamere mu Rwanda (RNRA), Komisiyo y'Igihugu ishinze ivugururwa ry'amategeko n'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda. Muri icyo nama hagaragajwe ikibazo cy'uko ababuranyi bafata Urwego rw'Umuvunyi nk'Urwego rw'ubujurire bakaruzanira imanza hafi ya zose batsinzwe ku rwego rwa nyuma.

Hashingiwe ku Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, amadosiye Urwego rw'Umuvunyi rubonyemo akarengane ruyohereza Urukiko rw'Ikirenga. Ayo madosiye abanza kujonjorwa n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, bukareba nabwo ayo bubonamo akarengane, bukayashyikiriza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo aburanishwe. Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'amadosiye yashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga n'uko rwayasuzumye.

Imbonerahamwe n° 15: Imanza zashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga

Imanza zashyikirijwe urukiko rw'Ikirenga	Imanza ubugenzuzi bw'Inkiko bwemeje ko zasuzumwa n'Urukiko	Izaburani-shijwe	Izahinduwe n'Urukiko
142	48	12	9

Iyi mbonerahamwe irerekana ko uburyo bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane umushingamategeko yashyiriyeho abanyarwanda ari ingirakamaro:

- ❖ Ku manza 142 Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije Urukiko rw'Ikirenga, Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bwasesenguye imanza 74. Muri zo, 48 zashyikirijwe Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, 26 zigarurwa ku Rwego rw'Umuvunyi.
- ❖ Mu manza 48 zashyikirijwe Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, hamaze kuburanishwa 12. Muri izo 12 zimaze kuburanishwa, n'ubwo zikiri nkeya, mu manza 9 (75%) hagaragayemo akarengane, abari barazirenganiyemo basubizwa uburenganzira bwabo.

2.5. Kurangiza imanza zitarangijwe n'inzego zibishinzwe

Itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, riha Urwego rw'Umuvunyi ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza. Urwego rukoresha ubu bubasha ari uko inzego zibishinzwe zitakoze inshingano zazo ku gihe, nyuma y'uko bisabwa mu nyandiko n'Urwego. Muri uyu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye amadosiye 10 y'imanza zisabirwa kurangizwa, handikwa amabaruwa 7 asaba inzego zibishinzwe kurangiza izo manza. Mu gihe izo nzego zaba zitabikoze, izo manza zitarangizwa n'Umuhesha w'Inkiko w'Urwego rw'Umuvunyi amaze kurahirira imirimo ye. Igikorwa kijyanye no gushaka uwo mukozi cyararangiyeye hasigaye kumushyira mu mwanya.

3. GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye kandi rukora iperereza ku makuru ya ruswa, runahuza ibikorwa by'Inama Ngishwanama y'Igihugu yo kurwanya ruswa n'akarengane.

3.1. Iperereza ku makuru yerekeye ruswa


Mu rwego rwo kuzuzanya inshingano yo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'izigenga, Urwego rw'Umuvunyi rwabonye amakuru atandukanye ajyanye na ruswa, ruyakorera iperereza kugira ngo ahari ibimenyetso bifatika bya ruswa, ababifitemo uruhare bashyikirizwe inzego z'ubutabera, ahagaragara imikorere mibi rutange inama y'ibyakosorwa. Muri uyu mwaka wa 2014-2015, hakiriwe amadosiye 58 avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, hanakurikiranwa amadosiye 16 yari yaratangiye mu mpera z'umwaka wa 2013-2014, yose hamwe akaba amadosiye 74. Amadosiye yakiriwe avugwamo ruswa ari mu byiciro bine bikurikira: imikorere itanoze mu nzego za Leta n'izigenga, itangwa ry'amasoko, inyereza n'imicungire mibi y'umutungo wa Leta no kwiyitirira urwego rw'ubuyobozi. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza kuri ayo makuru, rufata n'imyanzuro igaragara mu byiciro bikurikira byakorewe iperereza.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyiciro by'amadosiye yakurikiranywe avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, amadosiye yose yakiriwe kuri buri cyiciro, ayafatiwe umwanzuro, ayashyikirijwe ubushinjacyaha cyangwa polisi ndetse n'amadosiye agikurikiranwa.

Imbonerahamwe n° 16: Amadosiye yakiriwe avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo

Ibyiciro	Amakuru yakiriwe	Amadosiye yafatiwe umwanzuro	Amadosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha na Polisi	Amadosiye agikurikiranywa
Imikorere itanoze mu nzego za Leta n'izigenga	25	17	1	7
Itangwa ry'amasoko	23	18	2	3
Inyereza n'imicungire mibi y'umutungo wa Leta	11	5	0	6
Igwizamutungo ritemewe	13	3	2	8
Ibindi	2	0	2	0
Igiteranyo	74	43	7	24
Ijanisha	100%	58%	10%	32%

Igishushanyo n° 7: Amadosiye yakiriwe avugwamo ruswa n’ibyaha bifitanye isano nayo



Nk’uko bigaragazwa n’yi mbonerahamwe, mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye amadosiye 74 avugwamo ruswa n’ibyaha bifitanye isano nayo, maze akurikiranwa ku buryo bukurikira:

- ❖ Hari amadosiye 43 yakorewe iperereza afatirwa umwanzuro, hagaragayemo imikorere itanoze itera akarengane n’ibyaho bya ruswa, amenshi muri yo akaba ajyanye n’imitangire y’amasoko ya Leta na serivisi zihabwa abaturage; bityo Urwego rw’Umuvunyi rwatanze inama ku buryo bwo kunoza imikorere kugira ngo amakosa yagaragajwe akosorwe;
- ❖ Hari amadosiye 7 yagaragayemo ibyaha n’amakosa, yashyikirijwe inzego za Polisi n’iz’Ubushinjacyaha ngo ziyakurikirane. Muri yo, idosiye imwe irimo icyaha cyo kwakira ruswa, gukoresha no gukoresha inyandiko mpimbano yashyikirijwe ubushinjacyaha; andi madosiye ane yashyikirijwe Polisi y’Igihugu kugira ngo iyakurikirane kuko abiri yagaragayemo ibyaha byo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, andi abiri agaragaramo ibyaha byo kwaka amafaranga wiyitirira umwanya. Hari amadosiye 2 y’igwizamutungo ritemewe yashyikirijwe ubushinjacyaha.
- ❖ Hari kandi amadosiye 24 agukurikiranwa n’Urwego rw’Umuvunyi kugira ngo afatirwe umwanzuro wa burundu cyangwa hashakwa amakuru n’ibimenyetso by’inyongera.

3.1.1. Imikorere itanoze mu nzego za Leta n'izigenga

Imikorere itanoze mu nzego za Leta n'izigenga yagaragaye cyane mu mitangire ya serivisi, irimo gushaka no guhabwa ibyangombwa by'ubutaka, kubaka no kuvugurura inyubako. Amakuru yavugaga ko hatangwa ruswa bitewe n'uko izo serivisi zitihutishwa cyangwa ibyangombwa bihabwa abatujuje ibisabwa n'amategeko. Imikorere itanoze ikekumwo ruswa kandi yagaragaye muri gahunda zitandukanye zigenewe kuvana abaturage mu bukene nka *VUP*, ubudehe no kubakira abatishoboye. Muri iki cyiciro, hakiriwe amadosiye 25, muri yo amadosiye 17 afatirwa umwanzuro, dosiye 1 ishyikirizwa Polisi naho izindi 7 ziracyakurikiranwa.

3.1.2. Itangwa ry'amasoko

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye amakuru avuga kuri ruswa mu itangwa ry'amasoko ya Leta. Iperereza kuri ayo makuru ryagaragaje ko amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko bitubahirizwa bikaba bitanga ibyaho bya ruswa, ndetse ko hari n'aho ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ridindira biturutse ku buryo isoko ryatanzwe cyangwa kuri ba rwiyezamirimo baba batsindiye ayo masoko. Muri iki cyiciro, hakiriwe amadosiye 23, muri yo 18 yafatiwe umwanzuro, amadosiye 2 ashyikirizwa ubushinjacyaha naho amadosiye 3 aracyakurikiranwa.

3.1.3. Inyereza n'imirungire mibi y'umutungo wa Leta

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku madosiye 11 avugwamo inyereza y'umutungo wa Leta. Muri ayo madosiye, 5 yafatiwe umwanzuro, andi 6 aracyakurikiranwa.

Iperereza ryagaragaje kandi ko hari ibikoresho bya Leta bidacunzwe neza, ahandi bikaba bidakoreshwa kandi byaraguzwe, bikaba biteza Leta igihombo (iby byagaragaye muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ku mashini zigomba gukoreshwa mu ruganda rutunganya umusaruro uturuka ku mata rwa Mukamira).

3.1.4. Amwe mu madosiye yakorewe iperereza

3.1.4.1. Iperereza ku madosiye ajyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta

Mu madosiye yakurikiranywe ajyanye n'itangwa ry'amasoko hagaragayemo ibi bikurikira:

- ❖ Amasoko yavugwagamo ruswa, ariko iperereza rikagaragaza ko ari imirimo yadindiye ku mpamvu zinyuranye:

- Isoko ryo kubaka inyubako y’ibiro by’Akarere ka Bugesera rifite agaciro ka 1.050.722.650 Frw ryatanzwe ku wa 25/09/2012, imirimo igomba kumara amezi 12 rihabwa ENJB (Entreprise Nemeyabahizi Jean Baptiste) na n’ubu ikaba itararangira. Isoko ubu ryarasheshwe, ryongera gutangwa bundi bushya;
 - Isoko ryo kubaka no gusana ibiro by’Akarere ka Nyamagabe ryahawe sosiyete zishyize hamwe ANXEL Co & ETECO, ku giciro cy’amafaranga 789.594.320. Imirimo yagombaga kumara amezi 12 uherye ku wa 13/01/2014, ariko kugeza ubwo iyi raporo yakorwaga imirimo ntirarangira. Rwiyemezamirimo yarayitaye, Akarere ka Nyamagabe kari mu nzira zo kurisesa.
 - Isoko ry’imirimo yo kugemura no gukora amatara yo ku mihanda mu Karere ka Rusizi rifite agaciro ka 636.566.000 Rfw ryahawe sosiyete MICON Real Line Ltd, ryagombaga kumara amezi atanu uherye ku wa 20/11/2013 ariko kugeza ku wa 20/05/2015 iyo mirimo yari itararangira kuko ku miyoboro 11 ifite uburebure bw’ibirometero 27.6, hacanaga neza umwe ufite ibirometero 0.5 mu gihe cy’iperereza.
- ❖ Amasoko yagaragawemo kutubahiriza amategeko n’amabwiriza agenga itangwa ry’amasoko, agasabirwa gusubiramo isesengura mbere yo gusinya amasezerano:
- Isoko ryo kugemura ibikoresho muri VTCs zirindwi (7) mu Kigo gishinzwe guteza imbere Ubumenyigiro n’Imyigishirize y’Imyuga mu Rwanda (Workforce Development Agency) ryari ryahawe sosiyete yitwa ACIA ryasabiwe gusubiramo isesengura kubera ko mu isesengura rya mbere umusoro utari witaweho nk’uko igitabo cy’amabwiriza agenga ipiganwa yabiteganyaga ndetse n’amategeko agenga amasoko ya Leta ntiyari yubahirijwe. iri soko ryari rifite agaciro k’amadolari 1.892.368,45;
 - Isoko ryo kwagura ishuri ry’ubumenyigiro rya Rusarabuye (TVET) mu Karere ka Burera ryari ryahawe ICON CONSORTIUM & ENC RWANDA ENTREPRISES Ltd ryasabiwe gusubiramo isesengura kubera ko mu isesengura ry’ibanze hari habayemo kurenganya sosiyete yitwa NIE kuko yari yakuwe mu isesengura tekinike yujuje ibyari byasabwe, ikosora ry’ibiciro byari byatanzwe ryari ryakozwe nabi ndetse amategeko n’amabwiriza agenga amasoko ya Leta

- ntiyari yubahirijwe. Iri soko ryari rifite agaciro ka 559.565.289 Frw.
- Isoko ryo kubaka “Cyanika Cross Border Market” mu Karere ka Burera ryari ryahawe JV FOLIOS DEVELOPMENT COMPANY & PRIME CARE SAFETY CONSULTANTS ku giciro cy’amafaranga 1.346.428.537 ryasabiwe gusubirwamo isesengura kuko ritakozwe neza. Mu isesengura rya mbere, Akanama k’amasoko ntikasuzumye kimwe ku bapiganwa inyandiko zijyanye n’ingano y’igicuruzo cy’umwaka (chiffre d’affaire/ income turnover) nk’uko byasabwaga mu gitabo cy’amabwiriza agenga ipiganwa; mu rwego rwo kwirinda guhombya Leta amafaranga y’u Rwanda agera kuri 401.995.209, hasabwe ko isoko ryaseswa.

3.1.4.2. Iperereza ku isoko no 049/W/NOCB/MIJESPOC/2011-2012 rya Sitade ya Huye

Urwego rw’Umuvunyi rwakoze iperereza mu mwaka wa 2013-2014 ku kibazo cy’isoko ryo kubaka Sitade ya Huye. Iryo perereza ryagaragaje ibibazo by’ingenzi bikurikira: imirimo y’inyongera itari iteganyijwe, itinda ry’imirimo, amafaranga yishyuye sosiyete igenzura imirimo bitari ngombwa, igabanuka ry’imyanya yo kwicaramo.

Muri uyu mwaka w’ibikorwa 2014-2015, hakoze iperereza ry’inyongera kuri iryo soko, hasesengurwa inyandiko zitandukanye zirebana n’iyubakwa ry’iyo sitade mu cyiciro cya 2 (Phase II) cyarimo kurangira n’imitangire y’isoko ry’imirimo igomba gukorwa mu cyiciro cya 3 (Phase III) no kubaza abantu banyuranye. Hagaragaye ibibazo bikurikira:

a) Itinda ry’imirimo

Hakomeje kugaragara itinda ry’imirimo yo mu cyiciro cya 2, aho rwiyemezamirimo Exert Engineering Group Ltd wagombaga gutangira imirimo ku wa 25 Mata 2012, ikarangira mu gihe cy’amezi 12 (ni ukuvuga bitarenze ku wa 24 Werurwe 2013), byageze mu kwezi kwa Mata 2015 hatarakorwa ihererekanya mirimo ry’agateganyo (provisional handover).

Raporo y’imirimo tekнике yemejwe n’uhagarariye RHA, Exert Engineering Group Ltd (Rwiyemezamirimo wubaka) na Ng’andu Consulting Rwanda (isosiyete igenzura)

ku wa 14 Mutarama 2015, basaba ko mu gihe kitarenze amezi atatu, imirimo yakwagirwa by'agateganyo ariko ayo mezi yarangiye imirimo itari yarangira.

Nyuma y'uko hagaragaye impamvu z'itinda zagaragajwe muri raporo y'umwaka wa 2013-2014, habonetse izindi zikurikira:

- ❖ **Gutinda guha rwiyezamirimo wubaka icyemezo cyo gukomeza imirimo (service order):** Amasezerano y'inyongera yasinywe na MINISPOC na Exert Engineering Group Ltd (EEG Ltd) ku wa 22 Nyakanga 2014 ariko icyemezo cyo gukomeza imirimo (service order) cyatanzwe na RHA ku wa 19 Nzeri 2014, hashize amezi abiri amasezerano asinywe kandi hashize amezi ane MININFRA yarasabye inyandiko zose muri MINISPOC kuko zasabwe ku wa 05 Gicurasi 2014.
- ❖ **Ibura ry'umukozi ushinzwe kugenzura imirimo (site engineer from the supervisor):** Hagaragaye ko isosiyete yubaka Sitade Huye yasabye mu nyandiko umukozi ushinzwe kugenzura imirimo (site engineer), inagaragaza ko ari imbogamizi mu kurangiza imirimo mu gihe giteganywa n'amasezerano;
- ❖ **Ibura ry'ubugenzuzi mu gihe cyo gukosora ibyasabwe n'itsinda:** Igihe cy'Amasezerano y'imirimo y'ubugenzuzi hagati ya MINISPOC na Ng'andu Consulting Rwanda Ltd cyari amezi 4 guhera ku wa 11 Nzeri 2014, ni ukuvuga ko yagombaga kurangira ku wa 10 Mutarama 2015. Nyuma y'irangira ry'aya masezerano, nta sosiyete igenzura yari ihari kandi Isosiyete yubaka ari yo Exert Engineering Group Ltd (EEG Ltd) yari yongerewe amasezerano mu gihe cy'amezi atatu ahera ku wa 14 Mutarama 2015 yo gukosora imirimo yari yagaragajwe;
- ❖ **Gutinda kwishyura inyemezabuguzi za rwiyezamirimo wubaka:** Hagaragaye ko habaye gutinda kwishyura rwiyezamirimo wubaka, biba imbogamizi yo kurangiza imirimo ku gihe. Urugero ni nk'inyemezabuguzi yo ku wa 03 Ukuboza 2014 ifite agaciro ka 773.669.135 Frw yishyurwe ku wa 04 Gicurasi 2015, hashize amezi 5 yakiriwe kandi binyuranyije n'ingingo ya 13, igika cya 13.2 giteganywa kwishyura inyemezabuguzi mu byumweru bine gusa.

b) Gutinda gutangira imirimo yo mu cyiciro cya 3 (Phase III)

Mu iyubakwa rya Sitade ya Huye, hari hateganyijwe ko izakorwa mu byiciro. icya gatatu cyari kigizwe no kurangiza imirimo y'imbere n'inyuma, gushyira amatara mu

byicarwo by'abanyacyubahiro (VIP), kubaka *parking*, imihanda n'ubwinjiri (gates), uburyo bwo kwirinda umuriro.

Mu rwego rwo kwihutisha imirimo, RHA yasabye RPPA ku wa 08 Nzeri 2014 uburenganzira bwo gutanga isoko ry'iyoy mirimo nta piganwa risesuye ku masitade ane harimo n'iya Huye. Ubu busabe bwemejwe na MININFRA ku wa 09 Nzeri 2014 ndetse RPPA itanga uburenganzira bwo gutanga amasoko nta piganwa ribayeho (single source).

Nyuma yo guhabwa ubwo burenganzira, Ishami rya *Public Building Construction, Rehabilitation and management* muri RHA ryatanze icyifuzo ku wa 23 Mata 2015 ko isoko ryahabwa NPD-COTRACO Ltd kubera ko imenyereye iyo mirimo, ikaba yayirangiriza ku gihe. Kuba isoko ry'imirimo y'icyiciro cya 3 ryahabwa NPD COTRACO Ltd kandi atari yo yakozwe imirimo y'icyiciro cya kabiri, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari impungenge zikurikira:

- ❖ Imirimo imwe n'imwe iri mu cyiciro cya 3 ikomereza ku mirimo yo mu cyiciro cya 2, urugero kubaka ibiro ahateganyijwe (reserved area of the building) bituma imirimo yo mu cyiciro cya 2 isenywa. Kuri iki kibazo, hagaragajwe impungenge z'uko rwiyezimirimo ashobora gusaba gusubizwa ingwate ye yo kurangiza neza isoko kuko ibibazo by'imyubakire bishobora guturuka kuri rwiyezimirimo wahawe isoko ry'imirimo yo mu cyiciro cya gatatu; cyangwa Leta yakwemera kuyimusubiza, bikaba binyuranyije n'amategeko agenga amasoko ya Leta kandi hakibazwa uwaryozwa imirimo yakozwe nabi mu gihe cy'umwaka cyateganywaga n'amasezerano ya rwiyezimirimo wari wakoze imirimo yo mu cyiciro cya 2;
- ❖ Kuba icyo gihe hakorwaga iperereza nta cyemezo cyo gutanga isoko cyari cyagafashwe, Urwego rwagaragaje impungenge zo gutinda kw'imirimo yo mu cyiciro cya 3 bishobora kugira ingaruka mbi ku itegurwa rya CHAN 2016.

Nyuma y'isesengura ry'ibi bibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama kuri MININFRA na RHA zikurikira:

- ❖ gushaka mu gihe cya vuba isosiyete igenzura imirimo irimo gukorwa kugira ngo amasezerano na rwiyezimirimo wubaka imirimo yo mu cyiciro cya 2 yubahirizwe kandi imirimo irangire yakirwe;
- ❖ gusuzuma ingaruka n'inyungu zabaho mu guha isoko ry'imirimo yo mu

cyiciro cya gatatu isosiyete yakoze iy'icyiciro cya kabiri cyangwa zikareba niba yahabwa indi sosiyete hitawe ku byagaragajwe. Ibi byakumira igihombo Leta yagira, rwiyezamirimo wakoze imirimo yo mu cyiciro cya 2 asabye ingwate ye yo kurangiza neza isoko kandi hakirindwa kunyuranya n'amabwiriza n'amategeko agenga amasoko ya Leta ateganya ingwate mu gihe cy'umwaka umwe;

- ❖ gukurikiranira hafi imirimo isigaye no kwishyura ku gihe inyemezabuguzi za rwiyezamirimo kuko bigira ingaruka ku itinda ry'imirimo.

3.1.4.3. Iperereza ku mushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z'amashanyarazi

Umushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z'amashanyarazi mu kibaya cya Bugarama zingana na 15 MW watekerejwe ubwo hifuzwaga ko uruganda rwa CIMERWA rwagurwa. icyo gihe abantu bikorera bari bafite imigabane muri CIMERWA barayigurishije, hanyuma isosiyete yitwa *Rwanda Investment Group* (RIG) igura imigabane yose 100% ariko isaba Leta y'u Rwanda ko yabaha umuriro uhagije kugira ngo uruganda rwagurwe. Ni muri urwo rwego hatekerejwe umushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z'amashanyarazi hifashishijwe igishanga cya Gishoma.

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga ryemejwe n'Inama y'Umwiherezo w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu muri Werurwe 2012. Iyo nama yafashe umwanzuro ko hakoresha uburyo bushoboka bwose kugira ngo umushinga wa nyiramugengeri n'uw'amashyuzwa bitangire gushyirwa mu bikorwa. Umushinga wose ufite agaciro k'amadolari 30.900.000 ku mirimo ijyanye n'ubwubatsi n'ubugenzuzi bw'imirimo, ayo mafaranga akaba ari inguzanyo Leta y'u Rwanda yahawe na Banki ya Kigali.

Mu ishyirwa mu bikorwa by'uyu mushinga hagaragaye ibibazo bikurikira:

- ❖ Kudindira k'umushinga: amasezerano y'imirimo yo kubaka uruganda yakozwe hagati ya EWSA na *Shengli Energy Group Ltd* yashyizweho umukono n'impande zombi ku wa 16/09/2012 agomba kumara igihe cy'amezi 15. Nyuma yaje kongererwa igihe cy'amezi atanu (5) agomba kurangira ku wa 30 Ukwakira 2014. Nyamara, ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga aho uruganda rwubakwa ku wa 22/10/2014, rwasanze hari imirimo myinshi igikenewe gukorwa kugira ngo uruganda rwuzure. Imirimo ijyanye no kuzana amazi ku ruganda no gushinga amapoto azohereza umuriro ku ruganda rwa CIMERWA yo yari itaratangira.

REG yemera ko imirimo yo kurangiza umushinga yatinze, ariko ikagaragaza ko byatewe n'impamvu zitandukanye zirimo ko REG yatinze gutanga ibaruwa yo gutangira imirimo kubera ko abaturage b'aho umushinga wagombaga kubakwa batinze kwishyurwa maze bigakereza imirimo gutangira, ko habayeho ibintu byinshi bitari byitezwe kuko nta handi umushinga nk'uwo wari warakozwe muri Afurika, gutwara ibikoresho byatwaye igihe kirekire, ibura rya sima ihagije n'ubwumvikane buke bwabayeho hagati ya ba rwiyemezamirimo SHENGLI ENERGY GROUP CO. LTD hamwe na RUNH POWER PLANT ENGINEERING TECHNOLOGY CO. LTD wari "sub contractor".

- ❖ Inyigo y'umushinga itarakozwe neza: uburyo uyu mushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z'amashanyarazi wagombaga gukorwamo, byasabaga kubanza kubaka uruganda ruyitunganya, kuzana amazi ava ku mugezi wa Rusizi no mu yandi masoko ari hafi ya Gishoma no kugemura nyiramugengeri yo gukoresha mu gushyushya ayo mazi kugira ngo atange ingufu z'amashanyarazi. Nyamara, inyigo y'umushinga ntiyigeze iteganya uburyo amazi azagezwa ku ruganda kandi ari yo y'ingenzi azakenerwa mu kubyaza nyiramugengeri amashanyarazi mu gihe uruganda ruzaba rutangiye gukora. Igihe amasezerano y'isoko ryo kubaka uruganda yari ateganiyijwe kurangirira, isoko ryo kugeza amazi ku ruganda ryari ritaratangwa;

Ibisobanuro bya REG bigaragaza ko yemera ko inyigo yakozwe nabi, amakosa akaba arimo gukosorwa, harebwa uburyo kuzana amazi ku ruganda byakwihutishwa (mu gihe cy'amezi arindwi) kandi ko byabaye ngombwa guhindura "design" bagombaga gukora mbere.

- ❖ Ubuke bwa nyiramugengeri no kutaramba k'umushinga: amasezerano yo ku wa 16/09/2012 yo kubaka uruganda yateganyaga ko uruganda rugomba kumara imyaka 30. Nyamara, mu gihe habaga ibiganiri ku masezerano yo kugemura nyiramugengeri hagati ya *Peat Energy Company (PEC)* na *EWSA*, *PEC* yagaragaje ko ingano ya nyiramugengeri izaboneka mu bishanga bya Gishoma, Gihitasi na Mashya izakora hagati y'imyaka itanu n'itandatu mu gihe uruganda rwaba rutanga ingufu z'amashanyarazi za *15 MW*. *Rwanda Energy Group (REG)* isobanura ko ubu harimo gukorwa ibiganiri na *PEC* hamwe n'ibindi bigo byigenga kugira ngo zibashe kubonera uruganda rwa Gishoma nyiramugengeri ihagije.

REG ivuga ko imwe mu mpamvu zo gutekereza gushyiraho uruganda yari ukugira ngo haboneke andi mashanyarazi ahendutse hagamijwe kugabanya inganda zikoresha *Diesel* na *Heavy Fuel Oil* (HFO), ku buryo iyo urwo ruganda rubasha nibura gukora imyaka 5-6 rugatwara miliyoni 30.9 z'amadolari y'Amerika, ariko hahagaritswe nibura uruganda rumwe rwa Diesel rutanga Megawatt 10, washoboraga gusanga Leta ihaboneye inyungu ihagije. REG ivuga kandi ko inyigo z'aho nyiramugengeri iherereye yari yarakozwe mu 1993 ariko igihe kikaba cyari kigeze kugira ngo iyo nyigo yongere ikorwe neza, hamenyekane neza ingano ya nyiramugengeri n'imiterere yayo (quality). Mu rwego rwo gukemura icyo kibazo, REG ivuga ko ikorana ibiganiro na sosiyete zitandukanye kugira ngo zibashe kubonera nyiramugengeri ihagije uruganda rwa Gishoma.

- ❖ Kwiyongera kw'igicro cy'umushinga bikaba byatera Leta igihombo: amasezerano hagati ya Guverinoma y'u Rwanda n'abahawe uruganda rwa CIMERWA ateganya ko rugomba guhabwa ingufu z'amashanyarazi zizarufasha kongera ubushobozi bwo gukora sima nyinshi, ari na yo mpamvu ikomeye yatumye hatekerezwa kubaka uruganda rutanga amashanyarazi hifashishijwe nyiramugengeri.

Kubera gutinda kurangira kw'imirimo y'inyubako y'uru ruganda, bikagaragara ko hashobora kutubahirizwa ayo amasezerano ari hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na CIMERWA, REG yahisemo kwimurira kuri CIMERWA imashini zitanga amashanyarazi (*generators*) 20 zakoreshwaga kuri Mukungwa na Gikondo kugira ngo zizifashishwe mu gutanga izo ngufu z'amashanyarazi muri CIMERWA mu gihe uruganda rutararangira. Izo mashini zitwara amadolari 70,560 mu cyumweru nk'uko bigaragara mu masezerano yo ku wa 26/08/2014 hagati ya REG na Smart Energy Solutions (SES). Ibi biragaragara ko bizateza Leta igihombo gikomeye, kubera ko iyo imirimo y'Uruganda rutanga amashanyarazi hifashishijwe nyiramugengeri iba yararangiye igihe nk'uko byari biteganijwe mu masezerano, ntabwo byari kuba ngombwa ko hakoreshwa izo mashini.

Ibisobanuro bya REG bigaragaza ko kwimurira izo mashini (*generators*) ku ruganda rwa CIMERWA bizatwara andi mafaranga bikanongera igicro cy'umushinga. Ibi bikaba byarakozwe mu rwego rw'ingamba zafashwe zo kubonera CIMERWA umuriro uhagije.

Nyuma yo kugaragaza ibitaragenze neza, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye REG gushaka uburyo yakosora amakosa yagaragajwe. REG yasabwe kandi kwihutisha imirimo no gukurikirana umushinga kugira ngo ingufu z'amashanyarazi zikenewe mu ruganda CIMERWA ziboneke.

3.1.4.4. Ibindi

Urwego rw'Umuvunyi rwagejweho ibibazo n'abaturage bavuga ko basabwa ruswa n'abantu bababwira ko bari mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza rusanga ari abantu biyitirira izo nzego, bamwe bavuga ko ari abacamanza, abandi bavuga ko ari abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bizeza abaturage ko dosiye zabo zikurikiranwa zikihutishwa. Muri iki cyiciro, Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye amadosiye 2, ruyashyikiriza Ubushinjacyaha.

3.2. Ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane

Mu guhuza ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane, hateguwe inama z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu ndetse hanakurikiranwa imikorere y'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere.

3.2.1. Imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane

Muri uyu mwaka w'ibikorwa 2014-2015, Inama Ngishwanama yibanze ku ngingo zikurikira:

- ❖ Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Ngishwanama ku kugaruza umutungo wa Leta;
- ❖ Ingamba zo kurwanya ruswa;
- ❖ Imikoreshereze y'ububasha bw'ubushinjacyaha bw'Urwego rw'Umuvunyi;
- ❖ Imikoranire y'inzego mu kurwanya ruswa;
- ❖ Uko u Rwanda ruhagaze mu kurwanya ruswa hashingiwe ku byegeranyo byakozwe.

Hafashwe imyanzuro itandukanye igamije kunoza imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'Umurenge, kugaruza umutungo wa Leta wigarurirwe n'abantu ku giti cyabo no kunoza imikoranire y'inzego zigize Inama Ngishwanama mu rwego rwo guhana amakuru kuri ruswa no kuyirwanya.

Imyanzuro y'ingenzi yafashwe ni iyi ikurikira :

- ❖ Amategeko ahana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo agomba kuvugururwa, ibihano bigakazwa kugira ngo abahamwe n'ibyo byaha bahanwe mu buryo bibera abandi urugero kandi bigatuma batinya kwishora muri ibyo byaha;
- ❖ Gukaza ibihano byo mu rwego rw'akazi ndetse bikajya binatangwa ku wagaragaweho imikorere ikekamo ruswa;
- ❖ Buri rwego mu zigize Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane rugomba gusuzuma amategeko rukoresha, byaba ngombwa akavugururwa kugira ngo ibidasobanutse bisobanuke n'ibibura byongerwemo ;
- ❖ Gushyiriraho ibihano bikaze abahombya Leta kubera kubura ubushishozi ; umuyobozi ugaragaweho ikosa inshuro zirenze imwe agasabirwa gusezererwa mu kazi kandi agakurikiranwa no ku byaha byamugaragayeho ;
- ❖ Gushyiraho ivugurura rihoraho ry'ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa kuko ruswa ihora ihindura isura;
- ❖ Ba rwiyemezamirimo bahamwe n'ibyaha bya ruswa bakwiye kwamburwa ibitabo by'ubucuruzi (registre de commerce) ;
- ❖ Gukora ku buryo uwatanze amakuru kuri ruswa atamenywa n'abo yayatanzeho mu rwego rwo kurinda umutekano we nk'uko biteganywa n'amategeko;
- ❖ Umutungo wose utabashije gusobanurirwa inkomoko ugomba gufatirwa, hagakurikizwa amategeko abigenga ;
- ❖ Gukora ubuvugizi kugira ngo inzego zose zishinzwe gukurikirana ibyaha bya ruswa zongererwe ubushobozi n'imbaraga ;
- ❖ Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivise harimo ibijyanye no kwishyura, gupiganira amasoko, na serivisi zitangwa na Polisi y'Igihugu ;
- ❖ Gukurikiranira hafi amasosiyete ashingwa kugira ngo bene yo bamenyekane by'ukuri hagamijwe kurwanya amasosiyete ya baringa ;
- ❖ Gushyiraho urutonde rwa ba rwiyemezamirimo n'ibyo biyemeje gukora kandi akaba ari byo byonyine bapiganira mu masoko ya Leta;

3.2.2. Iperereza ku mitungo ya Leta yigaruriwe n'abantu ku giti cyabo

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama Ngishwanama y'Igihugu yo kurwanya ruswa n'akarengane, mu bufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego zirimo Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Polisi y'Igihugu, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire, hakozwe iperereza ku mitungo ya Leta yigaruriwe n'abantu ku giti cyabo.

Intego yari igamijwe kwari ugusuzuma niba iyo mitungo koko ari iya Leta, no kureba uko yasubira mu maboko y'abo bantu no gutanga inama zigamije kuyisubiza mu maboko ya Leta mu gihe bigaragaye ko ari iyayo koko. Imitungo yakozweho iperereza igizwe n'amashyamba na kawa, ibisigara, amazu yo guturamo cyangwa ayakoreshwaga nk'ibiro n'amazu y'ubucuruzi (kiosques). Iki kibazo cyatangiye gukurikiranwa mu mwaka wa 2013-2014. Amakuru yahereweho yagaragazaga ko abantu 4.031 ari bo bigaruriye umutungo wa Leta.

Iperereza ryakozwe mu Turere twose uko ari 30 rigaragaza ibi bikurikira:

- ❖ Abaturage 3.154 nta burengere cyangwa kwigarurira umutungo wa Leta byabayeho, bityo bakaba bagomba kugumana umutungo wabo;
- ❖ Abaturage 503 bihaye umutungo wa Leta kandi bemeye ko umutungo batunze ari uwa Leta. Abo baturage bagomba gusubiza ibyangombwa by'ubukode bw'ubutaka bwose bigakosorwa bukandikwa kuri Leta cyangwa inzego zayo;
- ❖ Abaturage 374 barengereye ubutaka bwa Leta bwegeranye n'ubwabo. Abo baturage bagomba gusubiza ibyangombwa bigakosorwa, igice cyabo kikabandikwaho, ikindi kikandikwa kuri Leta.

Hatanzwe kandi inama zigamije kubungabunga umutungo wa Leta, aho buri rwego rwa Leta rugomba kwita kuri ibi bikurikira:

- ❖ Kugenzura ko umutungo wa Leta wose wabaruwe kandi wandikishijwe;
- ❖ Gushyiraho uburyo umutungo wa Leta utarandikishwa ugomba kwandikishwa n'urwego ruwufiteho uburenganzira;
- ❖ Gutunga impapuro mpamo z'umutungo wa buri rwego.

Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda kigomba:

- ❖ Kurinda amashyamba ya Leta hakurikijwe ibivugwa mu Itegeko N° 47 bis/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda ;
- ❖ Kwihutisha igikorwa cyo gukosora ibyangombwa by'abaturage byagaragaye ko bihaye umutungo wa Leta cyangwa bawurengereye.

3.3. Ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ruswa

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya Ruswa, hashyizweho politiki y'Igihugu yo kurwanya Ruswa, ikaba yaremejwe n'Inama y'Abaminisitiri ku wa 13 Kanama 2012. Iyo Politiki ikaba ikubiyemo ingamba zigomba gushyirwa mu bikorwa

n'inzeho zitandukanye, zaba iza Leta cyangwa izigenga. Gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ryayo bikaba bishinzwe by'umwihariko Urwego rw'Umuvunyi ari na rwo rushyikirizwa raporo.

Nyuma y'uko bigaragaye ko inzego bireba zidatanga raporo uko biteganywa, hafashwe umwanzuro ko izo nzego zasabwa gutanga umukozi wihariye (focal point) uzajya ukorana n'umukozi w'Urwego ubishinzwe kugira ngo iyi Politiki ishyingirwe mu bikorwa inatangirwe raporo uko bikwiye.

3.3.1. Gutegura no gutangaza urutonde rw'Abahamwe n'icyaha cya ruswa

Mu kubahiriza inshingano yarwo yo gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibyaha bifatanye isano nayo n'ibihano bahawe, Urwego rw'Umuvunyi rwatangaje urutonde rw'abantu 189 bahamwe n'icyaha cya ruswa mu mwaka wa 2014-2015. Nk'uko bigaragara kuri urwo rutonde, amafaranga menshi yatanzeho ruswa ni 2.000.000 Frw, igihano kinini cyatanzeho ni igifungo cy'imyaka itanu (5) n'ihazabu ya 4.000.000 Frw. Mu bakatiwe burundu bose, 185 ni abagabo naho abagore bakaba 4 gusa. Urutonde rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa ruri ku mugereka w'iyi raporo.

4. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa binyuranye bigamije kwimakaza imiyoborere myiza mu Gihugu. Ibyo bikorwa birimo isuzumamikorere ry'inzeho, serivisi na gahunda za Leta, kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi n'itegeko ryerekeye kubona amakuru.

4.1. Gusuzuma imikorere y'inzeho za Leta n'izigenga

Ku byerekeye kwimakaza imiyoborere n'imikorere myiza, Urwego rw'umuvunyi rufite inshingano zikurikira:

- kugira inama Guverinoma n'izindi nzeho z'imirimo bireba mu gushimangira no kunoza politiki yazo yo gukumira, kurwanya no guhana akarengane, ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo;
- kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzeho zose, rwerekana ko imikorere n'imikoranire y'inzeho idatunganye, bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi

- rusange ya Leta cyangwa se ifite ingaruka mbi ku baturage;
- kugira inama inzego za Leta n'iz'abikorera kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage.

Kugirango rugere kuri izo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzamikorere ry'inzego na serivisi zitandukanye ndetse hanakorwa isuzumamikorere ry'imishinga na Gahunda zitandukanye.

4.1.1. Isuzumamikore ry'inzego na serivisi zitandukanye

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere mu nzego na serivisi za Leta, hagamijwe kureba imikorere yazo, imitangire ya serivisi n'imbogamizi zihura na zo, mu rwego rwo gutanga inama zigamije kunoza imikorere. Mu nzego zasuzumwe harimo SPIU MINISANTE, Serivisi za Gasutamo na serivisi z'ubutaka.

4.1.1.1. Isuzumamikorere ryakorewe SPIU MINISANTE

Single Project Implementation Unit (SPIU) ni ishami rigenzurwa na Minisitiri y'Ubuzima ryashyizweho n'iteka rya Minisitiri n° 20/52 ryo ku wa 10/03/2011, kugira ngo ricunge inkunga zose ziturutse hanze y'Igihugu zigenewe Minisitiri y'Ubuzima. Iyi serivisi yatoranyijwe kugira ngo ikorerwe isuzumamikorere bitewe n'uko ikoresha ingengo y'imari nini kuko ari yo inyuzwamo inkunga igenewe ibitaro, ibigo nderabuzima n'imiryango itari iya Leta ifite mu nshingano kwita ku buzima bw'abantu. Iri suzumamikorere ryari rigamije kureba imikorere yayo, ibyaho bya ruswa n'akarengane n'imbogamizi ihura na zo mu mikorere yayo, hagamijwe gutanga inama zafasha mu kunoza imikorere.

Isuzumamikorere ryagaragaje amakosa akenewe gukosorwa harimo:

- ❖ itangwa ry'amasoko ridakurikije amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta nko kurenza iminsi iteganyijwe mu isesengura ry'inwandiko z'ipiganwa no gukoresha ururimi rumwe mu inyandiko zigenga ipiganwa;
- ❖ imicungire y'ibikoresho itanoze. Urugero ni nk'imodoka zigenewe gukoreshwa mu kazi ka SPIU/MINISANTE nyamara zigakoreshwa mu nyungu bwite z'abakozi kandi ugasanga nta genzura rikorerwa serivisi ishinze imicungire y'ibikoresho, SPIU yiyemeje ko igiye gukosora ibibazo byagaragaye;

- ❖ ibikoresho n’inyubako bihabwa amavuriro ataribyho bikenewe biturutse ku kudahabwa umwanya wo kugaragaza ibyo bakeneye: hari amavuriro yahawe *autoclaves* (imashini zikoresha muri *laboratoire*) kandi nta mashanyarazi afite. Ibitaro bya Shyira byayihawe mu mwaka wa 2012, ariko kugeza mu mwaka wa 2014 ikaba itarakoraga;
- ❖ imishahara y’abakozi n’amafaranga yo gukoresha mu kazi ka buri muni atinda gushyirwa ku makonti y’ibitaro n’ibigo nderabuzima bigatuma akazi kadindira.

Kugira ngo ibikorwa bya SPIU/ MINISANTE birusheho kugirira akamaro abo bigenerwa, ikwiye kunoza imikorere yayo yibanda ku gukurikiza amategeko n’amabwiriza bigenga amasoko ya Leta, kurushaho kunoza imicungire y’ibikoresho, guha umwanya abagenerwa bikorwa mu itangwa ry’amasoko y’ibikoresho bibagenerwa, kohereza ku gihe imishahara n’amafaranga yo gukoresha mu bikorwa binyuranye agenerwa ibitaro n’ibigo nderabuzima.

4.1.1.2. Isuzumamikorere rya Serivisi za Gasutamo

Serivisi za Gasutamo ni imwe mu zigize Ikigo cy’Igihugu Gishinzwe Imisoro n’Amahoro; zigira uruhare mu kugera ku ntego z’icyo Kigo zikusanya amahoro menshi atangwa ku bicuruzwa bitumizwa mu mahanga, hakoreshajwe umutungo muke ushoboka. Izi serivisi zakorewe isuzumamikorere kuko zifite uruhare runini mu kwinjiza amafaranga akoreshwa mu ngengo y’imari, bityo zigafasha mu iterambere ry’Igihugu. Zifite kandi uruhare mu koroshya ubucuruzi bwambuka imipaka no gukumira ibicuruzwa byagira ingaruka ku buzima n’imibereho by’abanyarwanda.

Hashingiwe ku nshingano serivisi za gasutamo zahawe, Urwego rw’Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere ku cyicaro gikuru cya gasutamo i Gikondo no ku mipaka icumi (10) iri hirya no hino mu Gihugu ari yo Gatsata *Petroleum Monitoring Unit*; *Airport Operations Unit*, Akanyaru Haut, Rusumo, Kagitumba, Gisenyi Petite Barrière, Cyanika, Gatuna, Rusizi I na Bugarama. Iyi mipaka yatoranyijwe hashingiwe ko inyuraho ibicuruzwa byinshi. Isuzumamikorere ryagaragaje imikorere itanoze n’imbogamizi muri serivisi za gasutamo harimo ibi bikurikira:

- ❖ kutagira umunzani upima uburemere bw’ibicuruzwa ku mipaka yose, hagakoreshwa uburyo bw’igereranya mu gupima, bishobora kuba icyuho cya ruswa;

- ❖ kutagira ku mipaka yose *scanners* (icyuma gipima ubwoko bw'ibicuruzwa imodoka ipakiye) bishobora gutuma hinjizwa ibicuruzwa bitemewe cyangwa bitasoze bihishye mu byemewe kandi byasoze. Bitewe n'ibura rya *scanners* ku mipaka imwe n'imwe, hari ibicuruzwa bisakwa hakoreshejwe agakoni k'icyuma, ibyo bikaba bidahagije kugira ngo hamenyekane neza ibiri mu mifuka, urugero ni nk'imifuka y'ibishyimbo cyangwa ibigori ishobora guhishwamo ibicuruzwa by'agaciro nk'amacupa ya divayi na *liquors* bigatambuka bitishyuye amahoro;
- ❖ umubare muto w'abakozi ugereranyije n'akazi kagomba gukorwa, cyane nk'ahari umukozi umwe gusa ukora imirimo myinshi inyuranye, nko gusaka imizigo no kureba abanyereza amahoro, bituma akazi kadakorwa uko bikwiye ku buryo hashobora kuba inyerezwa ry'amahoro. Urugero: Umukozi umwe ashinzwe kugenzura niba ibyinjiye byose byasoze (RPD) ku mipaka ya Bugarama na Ruhwa;
- ❖ kubika amafaranga menshi ku mipaka akajyanwa muri banki nyuma y'iminsi ine cyangwa itanu, bishobora kuba icyuho cy'inyezwa cyangwa iyibwa.

Kugira ngo Serivisi za Gasutamo zirusheho gukora neza, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro cyagiriwe inama zikurikira:

- ❖ Gushyira umunzani ku mipaka kugira ngo byorohereze abakozi mu gupima ibicuruzwa byinjiye aho gukoresha uburyo bw'igereranya;
- ❖ Gushyira *scanners* ku mipaka, cyane cyane inyuraho ibizuruzwa byinshi , kugira ngo ubucuruzi bwambuka imipaka bworoshywe;
- ❖ Kongera umubare w'abakozi muri serivisi ishinze kugenzura inyerezwa ry'amahoro ku mipaka (RPD);
- ❖ Kugirana amasezerano n'amabanki kugira ngo ashyire amashami yayo ku mipaka cyangwa hagafatwa izindi ngamba zo gucunga neza umutekano w'amafaranga yinjiye kuri gasutamo kugira ngo atibwa cyangwa akanyerezwa.

4.1.1.3. Isuzumamikorere ryakorewe serivisi z'ubutaka n'imiturire

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere rya serivisi z'ubutaka n'imyubakire zitangirwa muri *One Stop Centers* kugira ngo harebwe niba serivisi zitangwa hakurikijwe amategeko n'uburenganzira bw'abazisaba, niba kandi nta byuho bya ruswa n'akarengane byaba biri mu mitangire y'izo serivisi. Iyi serivisi yatoranyijwe

gukorerwa isuzumamikorere bitewe n’uko ibibazo byakirwa n’Urwego rw’Umuvunyi, ibyinshi muri byo ni ibirebana n’ubutaka. Byongeye kandi, abanyarwanda bakenera buri gihe serivisi zijyanye n’ubutaka haba mu buhinzi, ubworozi, imyubakire, imiturire n’indi mirimo inyuranye ikorerwa ku butaka.

Isuzumamikorere ryakozwe mu Turere 9 twatoranyijwe mu Ntara zose n’Umujyi wa Kigali. Uturere tw’Umujyi wa Kigali twatoranyijwe twose hashingiwe ko igice kinini cyatwo kigizwe n’Ubutaka bugenewe guturaho cyangwa inyubako z’ibikorwa by’iterambere bityo akaba ari na two dukenerwaho serivisi nyinshi. Utundi Turere twatoranyijwe ni Rusizi na Rubavu mu Ntara y’Iburengerazuba, Huye na Muhanga mu Ntara y’Amajyepfo, Musanze mu Ntara y’Amajyaruguru na Rwamagana mu Ntara y’Iburasirazuba.

Isuzumamikorere ryagaragaje ko hari imikorere itanoze mu mitangire ya serivisi z’ubutaka, mu mitangire y’ibyangombwa byo kubaka, gusana, kuvugurura no guhindura inyubako birimo:

- ❖ kuba serivisi z’ubutaka zidafite uburyo buhagije bwo kugera ahagomba kubakwa cyangwa gushyirwa umushinga, bigatuma umuturage ashobora gutinda guhabwa icyangombwa akeneye cyangwa se bikaba icyuho cya ruswa no gusumbanya abasaba serivisi;
- ❖ kuba igishushanyo mbonera kitagaraza neza ikigomba gukorerwa ahantu. Mu Turere two mu Ntara ahenshi usanga igishushanyo kigaragaza imbago z’Umujyi ariko ntikigaragaze ikigomba gukorerwa muri buri gace;
- ❖ abaturatione bahabwa ibyangombwa n’Urwego rutabifitiye ububasha; ibi byagaragaye mu Mujyi wa Kigali, aho umuturage yahawe uruhushya rwo kubaka inzu y’amagorofa 2 (G+2²) mu kibanza n° 1080 kiri mu Murenge wa Remera rwatanzwe n’Akarere kandi ari Umujyi wa Kigali wagombaga kugitanga; uruhushya rwo kubaka inzu y’ubucuruzi y’amagorofa 2 mu kibanza n° 640 kiri mu Murenge wa Kimironko rwatanzwe n’Akarere kandi ari Umujyi wa Kigali ubifitiye ububasha,...
- ❖ abaturatione bahabwa ibyangombwa mu buryo bwemewe nyuma bagasabwa gukuraho ibyo bashyizeho nta mpamvu zitanzwe, ibi byagaragaye mu Karere ka Muhanga;
- ❖ abaturatione bemererwa gushyira imishinga aho itabereye hakurikijwe igishushanyo mbonera, urugero ni nk’uruganda rwa *Metafoam* rwubatse

² G+2: Ground and two floors maximum (inzu yo hasi n’amagorofa abiri atarenga)

mu Mudugudu wa Kamenge, Akagari ka Nyabugogo, Umurenge wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali; rwahawe icyangombwa kandi ari ubutaka bukomye butemerewe kubakaho;

- ❖ abaturage bahabwa ibyangombwa batujuje ibisabwa, abubaka nta burenganzira bahawe cyangwa abarengera bakubaka ibyo batemerewe. Ibi bigaragara henshi mu Mujyi wa Kigali;
- ❖ abaturage bubaka ku butaka bwa Leta nta burenganzira babihereye, nyuma bagahabwa uburenganzira bwo gusana inyubako. Urugero ni umuturage wahawe uburenganzira n'umurenge wa Kimironko bwo gusana inzu ye iri mu kibanza n° 1533 mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Kibagabaga, Umudugudu wa Buranga kandi inzu ihereye ku butaka bwa Leta bwagenewe umuhanda;
- ❖ kuba dosiye zemerewe ibyangombwa zitandikwa mu bitabo, bityo bikaba bigoranye gukora igenzura ry'ibyubatswe.

Hari n'imbogamizi zagaragaye, zimwe muri zo ni izi zikurikira:

- ❖ abakozi ba *One Stop Center* bakorera ahantu hadahagije;
- ❖ abakozi bateganyijwe ku rutonde rw'imirimo y'Akarere ntabwo barashyirwa mu myanya bose, ibyo bituma akazi kadakorwa uko bikwiye bigatinda amadosiye;

Hashingiwe kuri izo mbogamizi zishobora kuba icyuho cya ruswa, imikorere mibi n'imyubakire itaberanye n'igishushanyo mbonera, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zigamije kurushaho kunoza imikorere ya *One Stop Center* :

- ❖ Gushyira mu myanya abakozi bateganyijwe hagamijwe kunoza serivisi;
- ❖ Kwandika amadosiye yasohotse yahawe ibyangombwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo bizafashe abakora ubugenzuzi bw'imyubakire;
- ❖ Kurushaho gusobanurira abaturage b'ibyiciro byose ibirebana n'ibishushanyo mbonera kandi bagasabwa kubyubahiriza;
- ❖ Kunoza itangwa ry'ibyangombwa hashingiwe ku biteganywa n'ibishushanyo mbonera no kubahiriza amabwiriza abigenga;
- ❖ Gushyira ingufu mu bugenzuzi bw'imyubakire kandi ibyemezo bivuyemo bigashyirwa mu bikorwa;
- ❖ Kurushaho gukurikirana imikorere y'abakozi ba *One Stop Center* kugira ngo hakumirwe irari ryo kwaka no kwakira ruswa, Komite Nyobozi y'Akarere n'Umujyi wa Kigali igafatira ingamba abarangwaho imikorere itanoze;

- ❖ Gucunga neza amadosiye y’abaturage basabye n’abahawe ibyangombwa mu rwego rwo guha serivisi nziza abaturage kandi amadosiye akabikwa hakoreshejwe ikoranabuhanga;
- ❖ Korohereza abakozi ba *One Stop Center* bashinzwe igenzura kugera aho bagiye gusura, kuko ubugenzuzi budahagije ari bwo butuma hakomeza kubaho akajagari mu myubakire bishobora no kuba intandaro ya ruswa n’ibindi byaha bifitanye isano na yo.

4.1.2. Isuzumamikorere ry’imishinga na Gahunda

Mu mishinga ndetse na gahunda zakorewe isuzumamikorere harimo Umushinga «One Dollar Campaign», Umushinga «Bye Bye Nyakatsi Diaspora», Gahunda y’amafumbire (*Fertilizers program*), ndetse n’imishinga 6 ya Minisitiri y’Ubuhinzi n’Ubworozi

4.1.2.1. Umushinga “One Dollar Campaign”

Umushinga “*One Dollar Campaign*” wari ugamije gukusanya amafaranga agera kuri miliyari imwe na miliyoni magana atanu (1.500.000.000 Frw) yo kubakira abanyeshuri b’imfubyi za Jenocide yakorewe abatutsi batagira aho baba. Igitekerezo cyo kubakira aba bana cyatanzwe mu mwaka wa 2006, n’Ihuriro ry’Abanyeshuri barokotse Jenocide (*Association des Etudiants et Eleves Rescapes du Genocide - AERG*). Uwo mushinga watangijwe ku mugaragaro na Minisitiri w’Ububanyi n’Amahanga tariki ya 4 Mata 2009. Inzego zinyuranye zirimo iza Leta, izigenga, imiryango itari iya Leta, abantu ku giti cyabo barimo abanyarwanda b’ingeri zose, ababa hanze n’ababa mu Rwanda batanze inkunga kugira ngo icyo gikorwa kigerweho. Amafaranga yari amaze gukusanywa ubwo hakorwaga isuzumamikorere yari 1.331.015.355 Frw harimo n’agaciro k’ikibanza cyatanzwe n’umushoramari.

Uyu mushinga watoranyijwe gukorerwa isuzumamikorere bitewe n’akamaro ufite mu mibereho y’abana b’imfubyi za Jenocide yakorewe Abatutsi, amafaranga yashowemo akaba aturuka mu banyarwanda b’ingeri zose baba abo mu Gihugu no hanze ku buryo ari ngombwa gusuzuma niba warageze ku ntego yawo kandi niba nta byuho bya ruswa bigaragara mu ishyirwa mu bikorwa ryawo. Isuzumamikorere ryagaragaje ko muri Werurwe 2014, Umushinga *One Dollar Campaign* wageze ku gikorwa cyo kubaka inzu ifite ibyangombwa byuzuye ifite kandi ubushobozi bwo kwakira abana 192 n’ubwo hakiri ibikenewe gukorwa.

Mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga, hari ibyagaragaye bitagenze neza birimo ibi bikurikira:

- ❖ kutagira inyandiko zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi zigaragaza ingingo ngenderwaho mu gushyira mu bikorwa umushinga, ibyo byatumye imirimo yari iteganyijwe yiyongera kandi ntiyarangirira ku gihe;
- ❖ kuba Inama y'Ubuyobozi itarashyizeho ingamba zihamye zo gukusanya inkunga yo kubaka amazu atatu agizwe n'inzu mberabyombi, inzu y'ubucuruzi n'aho gukorera siporo biteganyijwe nyamara bikaba bitarubakwa;
- ❖ kuba ibikoresho bitarashyizweho nimero zibimenyekanisha bishobora gutuma byibwa cyangwa se binyerezwa;
- ❖ kudashyira mu bikorwa inama zose zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Nyuma yo gusesengura ibi bibazo byose, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zigamije kurushaho kunoza imikorere y'Umushinga cyane cyane ku byiciro bisigaye ndetse no ku yindi mishinga yazabaho:

- ❖ Gukurikiranira hafi imicungire y'umushinga ku bikorwa bisigaye, kandi Inama y'Ubutegetsi igashyiraho imirongo ngenderwaho mu gucunga indi mishinga ishobora kuvuka mbere y'uko itangira;
- ❖ Gushyira inimeru ku mutungo kugira ngo biwurinde kwibwa cyangwa kunyerezwa, kandi hagashyirwaho itsinda rishinzwe kujya ribarura imitungo y'umushinga;
- ❖ Kuzuzza igitabo cy'umutungo no gushyiramo amakuru ya ngombwa ajyanye n'igihe.
- ❖ Gushyiraho ingamba zihamye zo gushakisha inkunga izakoreshwa mu byiciro by'umushinga bisigaye kugira ngo umushinga ugere ku ntego yawo;
- ❖ Gushyira mu bikorwa inama zose zitangwa n'inzego z'ubugenzuzi kandi mu gihe giteganywa.

4.1.2.2. Umushinga “Bye Bye Nyakatsi Diaspora”

Umushinga *Bye Bye Nyakatsi Diaspora* watangijwe n'abanyarwanda baba hanze y'Igihugu mu nama ya IV ya *Global Convention* yabereye mu Karere ka Bugesera kuva tariki ya 13 kugeza ku ya 15 Ukuboza 2009. Uwo mushinga wari ugamije kubaka inzu 504 ziciriritse ariko zigezweho zigenewe abantu bafite ibibazo n'abatishoboye bo mu Karere ka Bugesera, iyo ikaba inkunga yo gushyigikira politiki ya Leta yo guca

nyakatsi mu Gihugu. Nyamara, umushinga warangiye hubatswe amazu 9 gusa, bitewe n’uko amafaranga yagiye akoreshwa nabi.

Abagize Ihuriro ry’Abanyarwanda baba hanze y’Igihugu (Rwanda Diaspora Global Network) bateguye imurikagurisha ryari rigamije kuvamo amafaranga yo kubaka izo nzu z’abatishoboye. icyo gikorwa bagishinze abantu ku giti cyabo, nta masezerano yanditse bagiranye. N’ubwo iryo huriro ryagerageje kugaragaza uruhare rwaryo mu iterambere ry’Igihugu, umushinga ntabwo wageze ku ntego yawo uko bikwiye, kubera ibibazo bikurikira byagaragaye:

- ❖ Gukusanya amafaranga binyujijwe mu imurikagurisha ryakozwe mu buryo butaboneye: ntibyoroshye kumenya umubare w’ukuri w’amafaranga yinjijwe kuko nta mubare w’abaryitabiriye wigeze ugaragara. Amafaranga yabashije kumenyekana ni 81.157.734 Frw, muri yo angana na 89% yakoreshejwe mu kwishyura imitunganyirize y’imurikagurisha, kuko hakoreshejwe 72.346.973 Frw nyamara nta bisobanuro bihagije by’uburyo yakoreshejwe;
- ❖ Kuba amafaranga yavuye mu imurikagurisha yarabaye make cyane byatumye Ihuriro rigirana amasezerano n’Akarere ka Bugesera, aho riyemeje gutanga 35.000.000 Frw yo kubaka amazu 9 gusa. Nyamara, ayo masezerano ntiyigeze yubahirizwa kuko ryatanze 22.409.289 Frw;
- ❖ Kutagira inyandiko zigaragaza uko amafaranga yakoreshejwe: hashingiwe ku mpapuro za banki, biragaragara ko hari abantu batandukanye bagiye babikuzza amafaranga agera kuri 16.463.852 Frw kuri banki ariko nta mpapuro zigaragaza icyo yari agiye gukora. Na none ku mpapuro za banki byagaragaye ko bagiye habaho kwimura amafaranga ava kuri konti imwe ajya ku yindi ariko nta mwirondoro uhagije wa nyiri konti;
- ❖ Kutagira inyandiko zigaragaza uburyo Umushinga wateguwe n’uburyo wagombaga gushyirwa mu bikorwa bigatuma Umushinga ukorwa nabi ntiwagera ku ntego;
- ❖ Kutubahiriza itegeko rigenga itangwa ry’amasoko ya Leta: Akarere ka Bugesera kashyizeho itsinda rishinzwe gutanga isoko ry’inyigo yo kubaka inzu 9 mu Murenge wa Rweru, iryo tsinda na ryo riha umwe mu barigize inshingano yo guhitamo mu madosiye 2 y’ipiganwa yatanzwe na *TECOC Ltd* na *The Filston’s Architectural Design*, iyahabwa isoko. Uwahawe iyo nshingano yahisemo *TECOC Ltd* aba ari yo ihabwa isoko, ibi bikaba binyuranyije n’itegeko rigenga amasoko ya Leta. Na none *TECOC Ltd* yahawe iryo soko ni na yo yahawe isoko ryo kubaka inzu 9 bidaciye mu ipiganwa

nk'uko itegeko ribiteganya, usibye ko yageze hagati rikayinanira.

- ❖ Kutagira raporo igaragaza imirimo yishyurirwa: TECOC Ltd yahawe soko ryo kubaka yageze hagati rirayinanira, yishyurwa 3.767.250 Frw y'imirimo yari imaze gukorwa kandi nta raporo igaragaza iyo mirimo iyo ari yo n'agaciro kayo.

Muri rusange, umushinga „*Bye Bye Nyakatsi Diaspora*” wacunzwe nabi ntiwagera ku nshingano zawo. Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zigamije gufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'indi mishinga ishobora guterwa n'Ihuriro ry'Abanyarwanda baba hanze y'Igihugu:

- ❖ Ku birebana n'Ihuriro ry'Abanyarwanda baba hanze y'Igihugu:
 - Gutegurana ubushishozi no kuyobora neza indi mishinga bashobora gukora;
 - Gushyiraho imirongo ngenderwaho ifasha mu gushyira mu bikorwa umushinga hagaragazwa inshingano z'impande zose zifite uruhare mu mushinga;
 - Kubahiriza amasezerano n'abafatanyabikorwa kugira ngo Ihuriro ribashe kugumana icyizere.
- ❖ Ku bireba Akarere ka Bugesera:
 - Kubahiriza itegeko n'amabwiririza bigenga amasoko ya Leta;
 - Gukurikirana iyubakwa ry'amazu no gukora raporo y'imirimo yakozwe.
- ❖ Ku bireba Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga:
 - Gukurikirana ibikorwa *diaspora* ishaka gukorera mu Rwanda, ikamenya uko biteguye n'uburyo bishyirwa mu bikorwa

Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije dosiye Polisi kugirango ikurikirane abagize uruhare bose mu micungire mibi y'amafaranga y'Umushinga *Bye Bye Nyakatsi Diaspora*.

4.1.2.3. Gahunda y'amafumbire (*Fertilizers program*)

Leta y'u Rwanda yatangiye Gahunda y'Amafumbire mu mwaka wa 2008 mu rwego rwo kongera umusaruro ukomoka ku bihingwa. Iyi Gahunda igenzurwa na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI). Iyi Gahunda yakorewe isuzumamikorere bitewe

ahanini n’uko politiki ya MINAGRI mu bijyanye n’ubuhinzi ari ukongera umusaruro hakoreshejwe imbuto z’indobanure n’ifumbire, kugira ngo abanyarwanda babashe kwihaza mu biribwa no gusagurira amasoko. Urwego rw’Umuvunyi rwakoze iri suzumamikorere rugamije kugenzura niba ifumbire itumizwa mu mahanga igera ku bahinzi nk’uko politiki ya MINAGRI ibiteganya, no kureba niba nta byuho bya ruswa bigaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry’iyi Gahunda.

Isuzumamikorere ryakorewe mu Turere 12 two mu Ntara zose uko ari enye (4), ari two Kirehe na Nyagatare mu Ntara y’Iburasirazuba, Burera na Musanze mu Ntara y’Amajyaruguru, Nyamasheke, Rusizi, Nyabihu na Rubavu mu Ntara y’Iburengerazuba, Nyaruguru, Gisagara, Ruhango na Muhanga mu Ntara y’Amajyepfo. Utu Turere twatoranyijwe hashingiwe ku kuba utwinshi muri two turi ku mipaka y’u Rwanda ihana imbibi n’ibihugu by’ibituranyi bikaba bishoboka ko mu gihe haba nta ngamba zikomeye zashyizweho ifumbire yanyerezwa ikagurishwa muri ibyo bihugu. Kuva gahunda y’amafumbire yatangira kuva muri 2008 kugeza mu mpera za 2013, MINAGRI ni yo yiguriraga amafumbire ikayageza ku baturage mu buryo bwa “nkunganire”, aho umuturage yishyuraga 1/2 cy’igiciro. Nyuma ya 2013, gutumiza mu mahanga no gukwirakwiza ifumbire bikorwa na ba rwiyemezamirimo, ariko leta igakomeza kunganira abahinzi kuri 1/2 nk’uko byari bisanzwe.

Isuzumamikorere ryagaragaje ko hari ibitagenda neza mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y’amafumbire bikwiye gukosorwa kugira ngo Gahunda igere ku ntego yayo. Muri byo hari ibi bikurikira:

- ❖ Kutubahiriza amategeko n’amabwiriza bigenga amasoko ya Leta: byagaragaye ko mu masoko 3 yatanzwe yo kugura ifumbire, mu myaka ya 2011-2012 na 2013 abayahawe babaga batujuje ibisabwa bikaba ngombwa ko Akanama k’Ubujurire ariko gategeka MINAGRI ikigomba gukorwa.
- ❖ Kuba imyumvire y’abaturage bamwe na bamwe ikiri hasi ku buryo batumva akamaro ko gukoresha ifumbire;
- ❖ Kunyereza ifumbire byagaragaye mu Turere tumwe na tumwe bituma Gahunda itagera ku ntego zayo uko bikwiye. Kuva mu mwaka wa 2013 kugeza mu wa 2015 ubwo hakorwaga isuzumamikorere, hanyerejwe ifumbire ya *Urea* ingana na 6.056 Kgs, *DAP* ingana na 8.411 Kgs na *NPK* ingana na 2.694 Kgs mu Turere 18 ari two Gisagara, Huye, Kamonyi, Nyaruguru, Nyamagabe, Nyanza (Intara y’Amajyepfo), Rusizi, Nyamasheke, Nyabihu, Rutsiro, Rubavu (Intara y’Iburengerazuba), Burera, Musanze, Gakenke

(Intara y'Amajyaruguru), Bugesera, Ngoma, Kirehe (Intara y'Ibursirazuba) na Kicukiro (Umujyi wa Kigali). Ababigizemo uruhare bakurikiranywe mu nkiko ndetse bagenda bagarura ifumbire bari banyereje;

- ❖ Kuba ububiko bw'ifumbire budatunganyije neza aho mu myaka ya 2009-2010 hangiritse 8.400 Kgs za *NPK* mu bubiko bwari ahitwa Rubare muri Gikondo, biteza Leta igihombo cya 2,688,000 Frw;
- ❖ Kutagira gahunda inoze yo kwishyuzza amadeni, bityo MINAGRI ikaba iberewemo umwenda w'amafaranga 11.062.039.460 uhera mu mwaka wa 2010 kugeza muri Gashyantare 2015;
- ❖ Kudakora isuzuma ry'uburyo umusaruro wiyongera biturutse ku ikoreshwa ry'ifumbire; nta nyigo irakorwa igaragaza niba gukoresha ifumbire hari umusaruro byatanze n'uko ungana, inagaragaza niba nta ngaruka byatera ku buzima bw'abantu ifumbire ikomeje gukoreshwa;
- ❖ Kuba abaturage bamwe batagira ubushobozi bwo kugura ifumbire kandi ikenewe kugira ngo umusaruro wiyongere.

Nyuma yo kugaragaza ibitaragenze neza, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zigamije kunoza imikorere ya gahunda y'amafumbire:

- ❖ Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta no gushyiraho ingamba zo kuziba ibyuhoro bya ruswa mu itangwa ry'amasoko;
- ❖ Gushyiraho ingamba ziboneye zo gukumira inyerezwa ry'ifumbire kugira ngo ikoreshwe icyo yagenewe;
- ❖ Gushyiraho ingamba zihamye zo kwishyuzza amadeni MINAGRI iberewemo no gushakisha abafite imyenda y'amafumbire yo mu myaka yashize yose kugira ngo bishyuzwe;
- ❖ Gukomeza gukangurira abahinzi ibyiza byo gukoresha ifumbire mu kongera umusaruro no gukora isuzuma ry'akamaro ifumbire igira ku musaruro;
- ❖ Gufasha abaturage kugirana imishyikirano na Koperative SACCOs kugira ngo bahabwe inguzanyo yo kugura ifumbire;
- ❖ Gukurikirana uko abacuruzi bashinzwe kugeza ifumbire ku baturage bayibika, uburyo bakurikiza ibiciro byagenwe n'uburyo bayigeza ku baturage;
- ❖ Gukorana n'inzego z'ibanze kugira ngo hakorwe lisiti z'abahinzi n'abacuruzi b'ifumbire mbere y'uko igihembwe cy'ihinga gikurikiyeho gitangira.

4.1.2.4. Imishinga 4 ya Minisiteri y'Ubuhanzi n'Ubworozi

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere ry'imishinga ya MINAGRI hagamijwe kureba uko iyo mishinga yubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga imikorere yayo, niba igerarira ku ntego zayo, niba nta byuhoro bya ruswa cyangwa inyereza birimo mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta. Iyo mishinga ni iyi ikurira:

- ❖ SPIU KWAMP (Kirehe Community Watershed Management Project)
- ❖ PRICE (Project of Rural Income Trough Exports)
- ❖ PAPSTA (Plan for the Agriculture Transformation)
- ❖ PASP (Post-harvest and Agribusiness Support Project).

Ku mishinga ya KWAMP, PRICE na PASP, hasuzumwe ibikorwa n'amasoko by'umwaka wa 2013-2014, naho ku mishinga ya PAPSTA, hasuzumwe ibyakozwe mu mwaka wa 2012-2013.

Isuzumamikorere ryagaragaje ibi bikurikira:

- ❖ gukora ibikorwa nta nyigo zimbitse zibanje gukorwa bigatuma bitagerwaho uko bikwiye;
- ❖ kwica amategeko agenga amasoko ya Leta: amasoko yagaragayemo ibibazo afite agaciro kangana na 2,846, 356, 045 Frw;
- ❖ gucunga nabi ibikorwa by'imishinga;
- ❖ gutanga imirimo y'inyongera mu buryo budasobanutse;

Hashingiwe ku byagaragaye bitagenze neza mu ishyingirwa mu bikorwa ry'iyi mishinga, Urwego rw'Umuvunyi ruragira MINAGRI na SPIU inama zikurikira:

- ❖ kubahiriza amategeko agenga amasoko ya Leta;
- ❖ gukurikirana byimbitse ishyingirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'imirimo;
- ❖ kwihutisha imirimo yadindiye n'iyatawe na ba Rwiyemezamirimo kugira ngo ibikorwa byatangiyeho bishobore kurangira;
- ❖ gutegura neza inyigo z'indi mishinga MINAGRI ishobora gutangiza kugira ngo birinde Leta igihombo.

Dosiye kandi yashyikirijwe Polisi kugirango ikomeze gukurikirana ibyagaragaye nk'ibyaha.

4.2. Kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'itegeko Ngenga N° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe n'itegeko Ngenga N° 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 ndetse no mu rwego rwo gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'itegeko N° 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru, hakozwe ibikorwa bikurikira:

- ❖ Gukora iperereza ku madosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi;
- ❖ Gukora igenzura ry'uko abayobozi bubahiriza ayo mategeko.

4.2.1. Iperereza ku madosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi

Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye amadosiye 8 arebana n'imyitwarire y'abayobozi mu kazi. Muri ayo madosiye, 6 yarakozwe arangira andi 2 aracyakurikiranwa, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 17: Iperereza ku madosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi

Icyiciro	Umubare w'amadosiye yakurikiranywe
Itangwa ry'ubutaka bwa Leta ku buntu	1
Kutubahiriza itegeko ry'itangwa ry'amasoko ya Leta	2
Imicungire y'umutungo wa Leta	1
Kubangikanya imirimo mu buryo bunyuranije n'itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi	1
Kwitwaza umwanya ukarenganya abandi	1
Igiteranyo	6

Ayo madosiye yakurikiranywe mu buryo bukurikira:

- ❖ Dosiye ivugwamo itangwa ry'ubutaka bwa Leta ku buntu, yakurikiranywe muri kamwe mu Turere tugize Intara y'Iburengerazuba, aho umuyobozi yatanze ibibanza bya Leta kandi bigahabwa abantu batoranyijwe hashingiwe ku kimenyane: raporo y'iperereza yashyikirijwe Urwego rwa Polisi kugirango ikurikiranwe hamwe nizindi urwo rwego rwari rwatangiye;
- ❖ Dosiye yagaragayemo amasezerano yakozwe nabi hagati y'Ikigo cya Leta na rwiyemezamirimo wahawe isoko ryo guhugura abakozi b'Uturere ku iterambere ry'imijyi. Indi dosiye ni iy'Akarere katubahirije amasezerano kagiranye na

ba rwiyemezamirimo bakoze imirimo itandukanye batinda kwishyurwa nta mpamvu, bituma Leta ishorwa mu manza kandi iratsindwa, bitera Leta igihombo cy'amafaranga angana na 10 875 720. Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije inzego bireba ibyavuye mu igenzura kugirango ayo mafaranga agaruzwe;

- ❖ Dosiye ivugwamo imicungire itanoze ya za *guest house* z'akarere. Ubuyobozi bw'Akarere bwagiriwe Inama yo guhindura bene iyo mikorere;

4.2.2. Igenzura ku buryo abayobozi bubahiriza Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga N° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe n'Itegeko Ngenga N° 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 n'Itegeko N° 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru. Iryo genzura ryakorewe abayobozi bagize Biro y'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, abagize Inama y'Abaminisitiri, Abanyamabanga Bahoraho, abayobozi b'Intara n'ab'Umujyi wa Kigali. Ku bijyanye n'imyitwarire y'abayobozi, hibanzwe cyane cyane ku bibujijwe abayobozi (*interdictions*) ndetse n'imirimo itabangikanywa n'inshingano z'ubuyobozi (*Incompatibilities*). Hagenzuwe kandi iyubahirizwa ry'Itegeko N° 04/2013 ryo kuwa 08/12/2013 ryerekeye kubona amakuru harimo gushyiraho uburyo bwo gutangaza ibyo inzego zikora no gushyiraho umukozi ushinze gutanga amakuru. Abo iki gikorwa cyarebaga ni 38 ariko habonetse 32.

Ibyagaragaye muri iri genzura binyuranye n'ibyo itegeko riteganywa ni ibi bikurikira:

- ❖ Umuyobozi mwe (1) yavuze ko hari ubuyobozi bw'umuryango utari uwa Leta arimo;
- ❖ Abayobozi cumi n'umwe (11) bavuze ko nta mategeko ngengamikorere inzego bayobora zifite;
- ❖ Abayobozi babiri (2) bavuze ko nta mukozi barashyiraho ushinze gutangaza amakuru mu nzego bayobora. Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye abo bayobozi rubasaba gutanga amazina y'abo bakozi.

Hakozwe kandi igenzura ku ngingo ya 5 y'Itegeko Ngenga No 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe n'Itegeko Ngenga N° 11/2013/OL ryo kuwa 11/09/2013 iteganywa ko "Umuyobozi agomba kubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko...". Muri iri

genzura ryakozwe, harebwe uburyo Abapolisi Bakuru barebwa n'Itegeko Ngenga ryavuzwe haruguru bubahirije inshingano yo kwishyura imisoro irebana n'imitungo itimukanwa mu mwaka wa 2012-2013, nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze, rikanagena imikoreshereze yabyo. Abapolisi bese barebwaga n'iki gikorwa ni 80.

Igenzura ryagaragaje ibi bikurikira:

- ❖ Abarebwaga n'igenzura ni 80 ariko abasabwe kugaragaza uko bishyuye imisoro ni 71 kuko 9 bo bishyuye imisoro mbere y'uko igenzura rikorwa;
- ❖ 52 kuri 60 bangana na 86% babonye amabaruwa, nibo basubije Urwego rw'Umuvunyi, muri bo 27 bangana na 52% bigaragara ko bishyuye nyuma yo kubona ibaruwa y'Urwego rw'Umuvunyi;
- ❖ 8 ntibasubije. Urutonde rwabo rwashyikirijwe Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi;
- ❖ 10 ntibashyikirijwe amabaruwa kuko bari mu butumwa bw'akazi hanze y'Igihugu;
- ❖ Umwe (1) mu bandikiwe yitabye Imana atarasubiza.

Mu bagenzuwe, hari abavuze ko nta byangombwa by'amazu bafite, kuko ayo mazu acyanditse kuri RSSB, ZIGAMA CSS na Banki y'Imiturire Bityo ibyo bigo byavuzwe haruguru bikaba bigomba kuyasorera. Ibyo bigo³ nubwo bimwe ari ibya Leta, nabyo bigomba kwishyura imisoro kuko ibikorwa byayo bigamije kubyara inyungu⁴. Igenzura ryagaragaje ko hari ibirarane byinshi biterwa no kuba abatwaga batazi iryo tegeko rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze. Urwego rw'Umuvunyi rwagiriye inama inzego z'ibanze n' Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority) ko bagomba gusobanurira neza abayobozi n'abaturage ibyerekeye imisoro bagomba kwishyura.

4.2.3. Gukurikirana no kuzuzura iyubahirizwa ry'itegeko ryerekeye kubona amakuru

Mu gushyira mu bikorwa inshingano yo gukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko n° 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru, Urwego rw'Umuvunyi rwagejewe ibibazo 7 birebana no kudahabwa amakuru. Urwego rwagiye rusaba izo nzego bireba gutanga ayo makuru, kandi byarakozwe.

³ Ingingo ya 7, agace ka mbere k' Itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze, rikanagena imikoreshereze yabyo.

⁴ Ingingo ya 18, agace ka gatatu k' Itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze, rikanagena imikoreshereze yabyo.

Urwego rw'Umuvunyi rushingiye ku Itegeko N°04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru, ndetse no ku Iteka rya Minisitiri N°009/07.01/13 ryo ku wa 19/12/2013 rigena inzego z'abikorera zirebwa n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru, rwandikiye Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF) n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta mu Rwanda (RCSP) rubasaba gufasha inzego z'abikorera n'imiryango itari iya Leta irebwa n'Itegeko ryavuzwe haruguru gushyiraho umukozi ushinzwe gutanga amakuru muri buri rwego na buri muryango no kumenyekanisha imyirondoro ye. Urwego rw'Umuvunyi rwohererejwe imyirondoro y'abakozi 88 bashinzwe gutanga amakuru mu nzego zitandukanye:

- ❖ abakozi 82 baturuka mu mahuriro 9 y'inzego z'abikorera agizwe n'imiryango (Association/Federation) ;
- ❖ abakozi 6 baturuka mu miryango itari iya Leta.

Urutonde rw'abakozi bashinzwe gutanga amakuru mu nzego zamaze kubashyiraho rugaragara ku rubuga rw'Urwego rw'Umuvunyi.

4.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo kugira inama inzego za Leta cyangwa iz'abikorera kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage. Kugira ngo iyo nshingano ishyirwe mu bikorwa, Urwego rw'Umuvunyi rukora isuzumamikorere mu nzego n'ibigo bya Leta cyangwa ibyigenga, kugira ngo rugenzure imikorere yabyo, ndetse rutange n'inama zigamije kunoza imikorere. Inama zatanze ziba zigomba gushyirwa mu bikorwa n'izo nzego. Niyo mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura rugamije kureba niba ibyo rwasabye byarashyizwe mu bikorwa.

Muri uyu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura mu bigo 49. Muri ibyo bigo harimo 22 byakorewe isuzumamikorere mu mwaka wa 2013-2014 n'ibindi bigo 27 byari byagaragajwe muri raporo ya 2013-2014 ko bitashyize mu bikorwa inama zose byari byahawe, byongeye kwibutswa kugira ngo bigaragaze aho bigeze bishyira mu bikorwa inama zasigaye.

Ibigo byakorewe isuzumamikorere mu mwaka wa 2013-2014, byagaragarije Urwego rw'Umuvunyi uburyo byashyize mu bikorwa inama byahawe mu buryo bukurikira:

Imbonerahamwe n° 18: Uko inama zatanzwe zashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2014-2015

N°	Ibigo byasuwe	Umubare w'inama byahawe	Umubare w'inama zashyizwe mu bikorwa (%)	Umubare w'inama zigishyirwa mu bikorwa (%)	Umubare w'inama zitarashyirwa mu bikorwa (%)
1	Saint Jean Bosco Secondary School	2	100%	-	-
2	Akarere ka Bugesera	2	100%	-	-
3	Akarere ka Gatsibo	1	100%	-	-
4	Centre Scolaire de Kabeza	1	100%	-	-
5	Ibitaro bya Kiliinda	3	100%	-	-
6	Akarere ka Burera	8	38%	4	1
7	MINAGRI	12	100%	-	-
8	Rwanda Revenue Authority (RRA)	4	25%	3	-
9	Kabuye Sugar Works Ltd	8	100%	-	-
10	Motor Vehicle Inspection Centre	5	100%	-	-
11	Institut Polytechnique de Byumba (IPB)	8	100%	-	-
12	MINAFFET	5	60%	1	1
13	Akarere ka Nyarugenge	11	91%	1	-
14	CIMERWA	14	64%	3	2
15	Akarere ka Kicukiro	7	57%	1	2
16	Rwanda Agricultural Board - CIP	5	60%	-	2
17	FERWAFA	14	43%	1	7
18	MINISANTE	17	59%	3	4
19	SONARWA LIFE	13	85%	2	-
20	RCA-SACCO	6	83%	-	1
Igiteranyo		146	73%	19	20
					14%

Nk'uko bigaragara, ibigo byakorewe igenzura byagerageje gushyira mu bikorwa inama byahawe n'Urwego rw'Umuvunyi. Mu bigo 20 byatanze raporo y'uko byashyize mu bikorwa inama byahawe, 17 muri byo byazishyize mu bikorwa ku kigereranyo kiri hejuru ya 50%, ibigo 3 biri ku kigereranyo kiri munsi ya 50%.

Ibigo byari byagaragajwe muri raporo ya 2013-2014 ko bitashyize mu bikorwa inama zose byari byahawe, byongeye kwibutswa kugira ngo bigaragaze aho bigeze bishyira mu bikorwa inama zasigaye.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ikigereranyo cy'uko ibigo byari byashyize mu bikorwa inama byahawe muri 2013-2014 n'aho bigezeho bizishyira mu bikorwa mu mwaka wa 2014-2015.


Imbonerahamwe n° 19: Ikigereranyo cy'uko inama zari zashyizwe mu bikorwa muri 2013-2014 n'aho zigeze zishyirwa mu bikorwa muri 2014-2015

N°	Ibigo byasuwe	Umubare w'inama byahawe	Ikigero kigaragaza uko inama zari zashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)			Ikigero kigaragaza aho inama zigeze zishyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)								
			Izari zarashyizwe mu bikorwa	Izari zigishyirwa mu bikorwa	Izari zitashyirwa mu bikorwa	Izashyizwe mu bikorwa	Izigishyirwa mu bikorwa	Izitarashyirwa mu bikorwa						
	Akarere ka Nyagatare	12	6	50%	3	25%	3	25%	9	75%	2	17%	1	8%
	Akarere ka Nyarugenge	11	8	73%	2	18%	1	9%	10	91%	1	9%	-	-
	Akarere ka Gakenke	12	3	25%	7	58%	2	17%	7	58%	3	25%	2	17%
	Akarere ka Ngoma	12	6	50%	2	7%	4	33%	10	84%	1	8%	1	8%

N°	Ibigo byasuwe	Umubare w'inama byahawe	Ikigero kigaragaza uko inama zari zashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)				Ikigero kigaragaza aho inama zigeze zishyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)							
			Izari zarashyizwe mu bikorwa	Izari zigishyirwa mu bikorwa	Izari zitashyirwa mu bikorwa	Izari zitashyirwa mu bikorwa	Izashyizwe mu bikorwa	Izigishyirwa mu bikorwa	Izitarashyirwa mu bikorwa	Izitarashyirwa mu bikorwa				
	Akarere ka Musanze	12	10	83%	-	-	2	17%	10	83%	-	-	2	17%
	Akarere ka Kayanza	14	6	43%	2	14%	6	43%	12	86%	-	-	2	14%
	Akarere ka Ruhango	11	7	64%	-	-	4	36%	11	100%	-	-	-	-
	Akarere ka Rwamagana	9	7	78%	-	-	2	(22%)	8	89%	1	11%	-	-
	Akarere ka Nyamagabe	11	10	91%	1	9%	-	-	10	91%	1	9%	-	-
	Akarere ka Huye	6	5	83%	-	-	1	17%	6	100%	-	-	-	-
	Akarere ka Muhanga	14	11	79%	2	14%	1	7%	13	93%	-	-	1	7%
	Akarere ka Rubavu	9	4	45%	3	33%	2	22%	8	89%	1	11%	-	-
	Akarere ka Nyamasheke	10	8	80%	2	20%	-	-	10	100%	-	-	-	-
	Gereza ya Huye	6	3	50%	3	50%	-	-	6	100%	-	-	-	-
	Gereza ya Rubavu	11	6	55%	3	27%	2	18%	9	82%	2	18%	-	-

N°	Ibigo byasuwe	Umubare w'inama byahawe	Ikigero kigaragaza uko inama zari zashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)				Ikigero kigaragaza aho inama zigeze zishyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 2013-2014 (%)							
			Izari zarashyizwe mu bikorwa	Izari zigishyirwa mu bikorwa	Izari zitashyirwa mu bikorwa	Izari zitashyirwa mu bikorwa	Izashyizwe mu bikorwa	Izigishyirwa mu bikorwa	Izitarashyirwa mu bikorwa	Izashyirwa mu bikorwa				
	Gereza ya Nyanza	6	5	83%	1	17%	-	-	6	100%	-	-	-	
	Akarere ka Gatsibo	15	7	47%	1	6%	7	47%	13	87%	2	13%	-	
	Akarere ka Bugesera	15	9	60%	2	13%	4	27%	13	86%	1	7%	1	
	Akarere ka Gisagara	12	6	50%	5	42%	1	8%	7	58%	5	42%	-	
	Akarere ka Rulindo	9	6	67%	2	22%	1	8%	7	78%	2	22%	-	
	Akarere ka Kamonyi	11	9	82%	2	18%	-	-	11	100%	-	-	-	
	Ibitaro bya Gisenyi	10	6	60%	4	40%	-	-	10	100%	-	-	-	
	Akarere ka Rusizi	8	4	50%	1	13%	3	37%	4	50%	3	37%	1	
	Akarere ka Nyanza	13	8	61%	4	31%	1	8%	12	80%	1	20%	-	
	Igiteranyo	259	160	62%	52	20%	47	18%	223	86%	25	10%	11	4%

Igishushanyo n° 8: Ikigereranyo cy’uko inama zari zashyizwe mu bikorwa muri 2013-2014 n’aho bigeze ubu



Imbonerahamwe iri hejuru iragaragaza ko muri uyu mwaka wa 2014-2015, habayeho kwiyongera k’umubare w’inama zashyizwe mu bikorwa ugereranije n’umwaka wa 2013-2014. Ibi bigaragazwa n’uko mu mwaka wa 2013-2014, mu nama 251 (100%) zari zahawe ibigo 24 byavuzwe haruguru, 62% ni zo zonyine zari zarashyizwe mu bikorwa, 20% zindi zikaba zari zikiri mu nzira zo gushyirwa mu bikorwa hanyuma 18% zisigaye zikaba zitari zagashyizwe mu bikorwa mu gihe muri uyu mwaka wa 2014-2015, bigaragara ko 86% by’inama zatanzwe zashyizwe mu bikorwa, 10% ziracyashyirwa mu bikorwa hanyuma 4% nizo zisigaye zitarashyirwa mu bikorwa.

Ibigo bitagaragaje uko inama byahawe zashizwe mu bikorwa ni ibi bikurikira:

- ❖ Akarere ka Ngororero
- ❖ REB – 9&12YBE
- ❖ Nyamata Hospital
- ❖ RSSB
- ❖ SONARWA GENERAL

5. KWAKIRA NO KUGENZURA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano yo kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'abayobozi, abakozi ba Leta n'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2014 – 2015. Ibyakozwe ni ibi bikurikira:

- ❖ Ubukangurambaga ku bashinzwe ikoranabuhanga n'abashinzwe abakozi mu nzego za Leta ku buryo bwo kumenyekanisha umutungo;
- ❖ Kwakira imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko;
- ❖ Kwakira inyandiko zigaragaza umutungo w'imitwe ya Politiki no kugenzura uko wabonetse n'uko wakoreshwe;
- ❖ Gusesengura amadosiye y'imenyekanishamutungo no kuyakorera igenzura;
- ❖ Kugereranya imitungo yagaragajwe mu myaka 3 (2012-2014) n'abakozi bo mu butaka mu turere;
- ❖ Gukora ubugenzuzi bw'imishinga 4 ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi;
- ❖ Gukurikirana abatarakoze imenyekanishamutungo muri 2014;
- ❖ Kunoza uburyo bukoreshwa mu kumenyekanisha umutungo.

5.1. Ubukangurambaga ku buryo bwo kumenyekanisha umutungo

Mu rwego rwo gufasha abarebwa n'igikorwa cy'imenyekanishamutungo gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga (Online Declaration of Assets System) mu kumenyekanisha umutungo wabo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoreshwe amahugurwa ku bakozzi bashinzwe ikoranabuhanga n'abashinzwe abakozi mu nzego zose za Leta kugira ngo bafashe abamenyekanisha umutungo mu bigo byabo. Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'abagombaga guhugurwa n'abahuguwe mu nzego za Leta.

Imbonerahamwe n° 20: Amahugurwa ku buryo bwo kumenyekanisha umutungo muri 2015

N°	Abagombaga guhugurwa	Umubare w'abagombaga guhugurwa	Umubare w'abahuguwe	Ijanisha (%)
1.	Abashinzwe abakozi n'abashinzwe ikoranabuhanga ku Ntara, Umujyi wa Kigali n'Uturere	70	52	74.3
2.	Abashinzwe ikoranabuhanga mu nzego za Leta	92	76	82.6
	Bose hamwe	162	128	79.0

5.2. Kwakira imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye inyandiko z'imenyekanishamutungo z'abayobozi n'abakozi mu nzego zose za Leta bateganywa n'itegeko n° 76/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi hifashishijwe ikoranabuhanga.

Imbonerahamwe n° 21: Imenyekanishamutungo muri 2015

Abagombaga gukora imenyekani-shamutungo	Abakoze imenyekani-shamutungo	Abatarakoze imenyekanishamutungo
9.565	9.537	28
100%	99.7	0.3

Abantu **28 (0,3%)** ntibakoze imenyekanishamutungo. Imbonerahamwe yerekana uko igikorwa cy'imenyekanishamutungo cyagenze muri buri rwego rwa Leta iri ku mugereka wa 4.

Nk'uko amategeko abisaba, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye inyandiko zigaragaza umutungo w'abantu 14 bavuye mu mirimo yabo. Abo bantu bari mu nzego zikurikira nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe:

Imbonerahamwe n° 22: Imenyekanishamutungo ry'abavuye mu mirimo

N°	Urwego	Umubare	Icyo bakoraga
1	Komisiyo ishinze kuvugurura amategeko	4	Komiseri Uri mu kanama gashinze amasoko Ushinze ingengo y'imari
2	MINISPOC	1	Minisitiri
3	MININFRA	1	Ushinze amasoko
4	MINIJUST	1	"Senior State Attorney"
5	MINEDUC	1	Umunyamabanga Uhoraho
6	MINECOFIN	1	Umuhuzabikorwa
7	CNLG	1	Umunyamabanga Nshingwabikorwa
8	SPIU of PAPSTA, KWAMP and PRICE	1	Umuhuzabikorwa
9	Akarere ka Gasabo	2	Umuyobozi w'Akarere Umuyobozi Wungirije ushinze ubukungu
10	NFPO	1	Umunyamabanga Nshingwabikorwa
Igiteranyo		14	

5.3. Kwakira inyandiko no kugenzura umutungo w'imitwe ya Politiki

Nk'uko biteganywa n'itegeko rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, hakiriwe ibitabo by'umutungo w'imitwe ya politiki 11 yemewe mu Rwanda, hanagenzurwa uburyo yabonetse n'uko yakoreshejwe. Igenzura ryakorewe imitwe ya politiki ikurikira: FPR Inkotanyi, PDC, PDI, PL, PPC, PSD, PS Imberakuri, PSP, PSR, UDPR na Green Party.

Iryo genzura ryagaragaje ibi bikurikira:

- ❖ DGPR (Democratic Green Party of Rwanda) ifite ibikoresho bifite agaciro kangana na 4.384.000 Frw, ibyo bikoresho ni impano yatanze n'umuyobozi wa DGPR ariko ntabwo babimenyekanishije mu buryo bwemewe n'amategeko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 27 y'itegeko Ngenga n°10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu Rwanda;
- ❖ PS Imberakuri yatanze ibitabo by'imitungo bitubahirije umwaka w'ingengo y'imari kuko ibikubiyemo ari ibyo kuwa ku itariki ya 30/09/2013 kugeza ku itariki ya 30/09/2014 aho kuba kuwa ku itariki ya 1/7/2013 kugeza ku itariki ya 30/6/2014;
- ❖ PL na PDI byagaragaye ko baguriza amafaranga bamwe mu bayobozi babo nta nyandiko bashingiyeho. Ibi bikagaragaza imicungire mibi y'umutungo w'umutwe wa politiki.

Muri rusange, imitwe ya politiki yose yashyize mu bikorwa inama yari yagiriwe mu igenzura ryakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2013-2014, uretse PDI na PSR. Byagaragaye kandi ko imitwe ya politiki yose ubu ifite ibiro ikoreramo, ndetse nibura n'umukozi umwe uhoraho ugereranyije n'ibyari byagaragaye mu ingenzura rya mbere.

5.4. Gusuzuma amadosiye y'imenyekanishamutungo no kuyakorera igenzura

Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye amadosiye y'imenyekanishamutungo y'abantu 1.571 kandi runagenzura inkomoko y'umutungo wabo. Abantu bagenzuwe bari mu byiciro binyuranye no mu nzego za Leta zinyuranye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 23: Igenzura ry'umutungo 2014-2015

N°	Ibyiciro by'abagenzuwe	Umubare w'abagenzuwe
1	RRA	681
2	RNP	211
3	ILPD	7
4	INMR	7
5	IPRC South	6
6	IPRC East	7
7	UR-CAVM	6
8	UR-Rukara Campus	3
9	Kavumu College of Education	5
10	Tumba College of Technology	5
11	MINIJUST	4
12	RGB	9
13	RBA	15
14	RNRA	5
15	Akarere ka Bugesera	17
16	Akarere ka Burera	23
17	Akarere ka Gakenke	22
18	Akarere ka Gasabo	33
19	Akarere ka Gatsibo	14
20	Akarere ka Gicumbi	31
21	Akarere ka Gisagara	26
22	Akarere ka Huye	15
23	Akarere ka Kamonyi	22
24	Akarere ka Karongi	17
25	Akarere ka Kicukiro	22
26	Akarere ka Kirehe	14
27	Akarere Muhanga ka	13
28	Akarere ka Musanze	26
29	Akarere ka Ngoma	16
30	Ngororero Akarere ka	25
31	Akarere ka Nyagatare	15
32	Akarere ka Nyamagabe	22
33	Akarere ka Nyamasheke	17
34	Akarere ka Nyanza	18
35	Akarere ka Nyarugenge	12

N°	Ibyiciro by'abagenzuwe	Umubare w'abagenzuwe
36	Akarere ka Nyaruguru	23
37	Akarere ka Rubavu	17
38	Akarere ka Ruhango	17
39	Akarere ka Rulindo	21
40	Akarere ka Rusizi	17
41	Akarere ka Rutsiro	26
42	Akarere ka Rwamagana	17
43	Intara y'Iburengerazuba	8
44	RURA	34
	Igiteranyo	1.571

Ku byerekeye ibyavuye mu igenzura, byagaragaje ko ku bantu 1.571 bakorewe igenzura ry'umutungo, nta kibazo cyagaragaye ku nkomoko y'umutungo w'abantu 1.562; naho abantu 9 ntibashoboye gusobanura neza inkomoko y'umutungo wabo bakaba bagikorera iperereza rirambuye.

5.5. Kugereranya imitungo yagaragajwe mu myaka 3 (2012-2014) n'abakozi bo mu butaka mu Turere

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igikorwa cyo kugereranya imitungo y'abakozi 53 bo mu biro by'ubutaka mu turere 30 tugize igihugu, yamenyekanishijwe mu myaka 3 (2012, 2013 na 2014). Iryo gereranya ryari rigamije kureba niba imitungo y'abo bakozi yamenyekanishijwe mu myaka yavuzwe haruguru yariyongereye kandi ikaboneka mu buryo bwemewe n'amategeko, ryibanda ku mitungo igizwe n'amazu, ubutaka n'amafaranga kuri konti.

Muri rusange, ibyavuyemo bikaba byerekana ko imitungo yabo yiyongereye mu buryo busanzwe kandi n'inkomoko yayo ikaba nta kibazo igaragaza.

5.6. Gukurikirana abatarakoze imenyekanishamutungo mu mwaka wa 2014

Muri raporo y'Urwego rw'Umuvunyi y'umwaka wa 2013- 2014, hagaragaye abantu 32 (0,4%) batakoze imenyekanishamutungo nk'uko amategeko abiteganyaga. Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye inzego bakorera rubasabira ibihano byo mu rwego rw'akazi kandi rubasaba no gukora imenyekanishamutungo.

Inzego zandikiwe zashubije mu buryo bukurikira:

- abantu 8 bavuye mu nzego za Leta, bityo bakaba batarakoze imenyekanishamutungo;
- abantu 24 basabwe gukora imenyekanishamutungo bararikora kandi bahabwa n'ibihano byo mu rwego rw'akazi mu buryo bukurikira:
 - ❖ abantu 10 basabwe ibisobanuro;
 - ❖ abantu 9 baragawe;
 - ❖ abantu 5 barihanangirijwe.

5.7. Kunoza uburyo bukoreshwa mu kumenyekanisha umutungo

Urwego rw'Umuvunyi rwavuguruye kandi runoza uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kumenyekanisha umutungo, buhuzwa n'igihe tugezemo hakurikijwe ibyifuzo by'ababukoresha n'ibibazo byagiye bigaragaramo. Hongewemo kandi imirongo ngenderwaho hakurikijwe ibyo Urwego rw'Umuvunyi rwabonaga ko byafasha mu gihe cyo gukora iperereza ku mitungo itaramenyekanishijwe.

6. GUHUZA IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

6.1. Ubufatanye n'ibindi bihugu

Mu Rwego rwo guteza imbere ubufatanye n'imibanire myiza y'inzego zo mu bindi bihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije n'abakozi bitabiriye inama zitandukanye mu bihugu binyuranye. Urwego rw'Umuvunyi kandi rwagenderewe n'abashyitsi batandukanye. Imbonerehamwe ikurikira iragaragaza abashyitsi bagendereye Urwego rw'Umuvunyi.

Imbonerahamwe n° 24: Abashyitsi basuye Urwego rw'Umuvunyi

No	Itariki	Abasuye Urwego rw'Umuvunyi	Insanganyamatsiko	Ibyagezweho
1	Ukuboza 2014	Intumwa za Banki y'Isi	Gutegura amahugurwa yari agamije gufasha kwerekana uburyo ibibazo by'imari bikemurwa no kugaragaza uko mu bindi bihugu ibyo bibazo bikemurwa.	Abakozi bashinzwe gukemura ibibazo by'akarengane barahugurwe
2	Gashyantare 2015	Abadepite bo mu Budage (German members of parliament sub delegation of Germanfederal Oforeign minister	Kureba ingamba U Rwanda <i>kureba</i> intambwe u Rwanda ruzezeho mw'iterambere by'umwihariko gusura ibikorwa ubudage butera inkunga	Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuriye itsinda ingamba zashyizweho mu gukumira no kurwanya ruswa n'uburyo
4	Gashyantare 2015	Itsinda ryaturutse mu Kigo cyo kurwanya ruswa muri Malawi	Kwigira ku Rwanda ku ngamba zashyizweho mu gukumira ruswa n'uburyo zishyirwa mu bikorwa	Inzego zombi zunguranye ubunararibonye ndetse hasuwe Urwego rw'umuvunyi n'izindi nzego zifite mu nshingano gukumira ruswa.
5	Werurwe	Intumwa za Banki y'Isi	Amahugurwa yari agamije kurebera hamwe amategeko n'amabwiriza akoreshwa mu gukemura ibibazo by'imari.	Abakozi bashinzwe gukemura ibibazo by'akarengane barahugurwe
6	Mata 2015	Itsinda riturutse mu Gihugu cya Repubilika ya Centre Afrika	Kwigira ku Rwanda ku ngamba zashyizweho mu gukumira ruswa n'uburyo zishyirwa mu bikorwa	Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuriye itsinda ingamba zashyizweho mu gukumira no kurwanya ruswa n'uburyo
7	Mata 2015	Itsinda ryaturutse mu Kigo cyo kurwanya ruswa muri Congo Brazzaville	Kwigira ku Rwanda ku ngamba zashyizweho mu gukumira no kurwanya ruswa n'uburyo zishyirwa mu bikorwa	Inzego zombi zunguranye ubunararibonye ndetse hasuwe Urwego rw'umuvunyi n'izindi nzego zifite mu nshingano gukumira ruswa.

6.2. Kubaka ubushobozi bw'abakozi

Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bamwe na bamwe bahawe amahugurwa n'ibigo bitandukanye ku buryo bukurikira:

Imbonerahamwe n° 25: Amahugurwa yakozwe n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi

Italiki	Amahugurwa yakozwe	Umubare w'abahuguwe	Aho amahugurwa yabereye	Abatanze amahugurwa
14-19/09/2014	Guhugurwa ku itegeko Nginga ryerekeye imari n'umutungo bya Leta.	2	La Palisse Hotel Gashora"	MINECOFIN
04-10/10/2014	Uburyo bwo gukora iperereza ku byaha bijyanye n'iyezandonke (Fraud and Money Laundering)	6	ILPD Nyanza	Justice Sector Secretariat
24-28/11/2014	Uburyo bwo kurwanya amakosa akorwa mu masoko ya Leta (Dealing with offenses committed in public procurement)	5	Akarere ka Nyanza	RPPA
26-30/01/2015	Gukora iperereza no gushinja ibyaha bikorwa mu masoko ya Leta (Investigation and prosecution of offenses related to public procurement).	1	ILPD Nyanza	RPPA
11-15/05/2015	Integrated Personnel and Payroll Information System	2	RMI, Murambi Campus	MIFOTRA
18-22/05/2015	Amahugurwa mu kwakira ibibazo by'akarengane gashingiye ku mari (Financial complaints)	15	Hill Top Hotel	Banki y'isi

6.3. Ingengo y'imari

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje ingengo y'imari ruhabwa na Leta nk'uko ikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe n° 26: Imikoresheze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2014-2015

Imirongo y'ingengo y'imari	Ingengo y'imari 2014-2015	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga yasigaye
Amafaranga yo kugura ibikoresho byo mu biro (Office supplies & consumables)	59.804.840	58.797.751	1.007.089
Amafaranga y'amazi n'umuriro	15.000.000	15.000.000	0
Amafaranga y'itumanaho	51.036.363	51.035.951	412
Amafaranga ya (Bank charges)	100.000	100.000	0
Amafaranga yo guhugura abaturage, ibiganiro n'inama zitandukanye (Public Relations and Awareness)	177.086.095	173.168.183	3.917.912
Amafaranga y'impugukirwe na service zinyuranye (Professional and Contractual Services)	73.475.484	73.006.604	468.880
Amafaranga y'ubutumwa n'ay'ingendo mu gihugu no hanze yacyo (Transport and Travel)	252.184.371	247.596.820	4.587.551
Amafaranga yo gufata neza ibikoresho no gusanisha ibyangiritse (Maintenance and Repairs)	18.538.942	18.538.939	3
Amafaranga yo gusimbuza ibikoresho byangiritse (Spare Parts)	3.093.735	3.090.033	3.702
Amafaranga y'iperereza n'umutekano (Security and Social Order)	23.904.291	23.237.600	666.691

Imirongo y'Ingengo y'Imari	Ingengo y'Imari 2014-2015	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga yasigaye
Amafaranga y'ibindi bikoresho byo mu biro na serivisi zinyuranye (Other Use of Goods & Services)	6.000.000	5.985.000	15.000
Amafaranga y'ibikoresho biramba (Office Equipment, furniture and Fittings)	6.094.380	6.090.866	3.514
Amafaranga y'ibikoresho bijyanye n'ikoranabuhanga (ICT Equipment, Software and Other ICT Assets)	34.957.748	32.818.714	2.139.034
Amafaranga y'imishahara (Transfers for Salaries)	681.813.442	676.662.662	5.150.780
Amafaranga y'ubwishingizi butandukanye (Transfers for Social Contribution)	71.684.710	70.349.652	1.335.058
Amafaranga y'ibindi bintu bitandukanye (Miscellaneous Other Expenditures)	2.523.595	2.459.954	63.641
IGITERANYO	1.477.297.996	1.457.936.729	19.359.267

Ingengo y'Imari yagenewe Urwego rw'Umuvunyi yakoreshejwe ku kigero kingana 98.7%, amafaranga atarakoreshejwe angana na **19.359.267 (1.3%)**, amwe mu mafaranga atarakoreshejwe:

- ❖ Amafaranga angana na 6.485.838. yari agenewe imishahara y'abakozi basezeye ku kazi ntibahita basimburwa.
- ❖ Amafaranga angana na 12.873.429 yari agenewe ba rwiyezimirimo bahawe impapuro zibasaba kuzana ibikoresho no gutanga serivise (bon de commande) ntibabitanga, ingengo y'Imari ifungwa batarabizana.

UMWANZURO

Mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa bitandukanye hashingiwe ku nshingano rwahawe nk'uko ziteganywa n'itegeko No76/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imitere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi no kuri gahunda y'ibikorwa y'uwo mwaka.

Mu gushyira mu bikorwa inshingano z'Urwego zo gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo, no gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiyeye ku karengane na ruswa, hakoze ubukangurambaga ku bantu 4.280 bari mu byiciro bitandukanye:

- ❖ Abayobozi b'imari mu turere;
- ❖ Abakozi bo muri serivisi z'ubutaka n'abashinzwe itangwa ry'amasoko mu turere;
- ❖ Abagize Inama Njyanama y'akarere;
- ❖ Abahagarariye Urugaga rw'Abikorera;
- ❖ Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere n'Imirenge;
- ❖ Abakozi ba Maison d'Accès à la Justice (MAJ);
- ❖ Abahagarariye inzego z'abagore ku rwego rw'Akarere n'Umurenge;
- ❖ Abahagarariye Komite z'Abunzi ku rwego rw'Umurenge n'Abagenzacyaha ba Polisi y'Igihugu.

Hatanze kandi ubutumwa bunyuranye n'ibiganiro mbwirwaruhame hifashishijwe ibitangazamakuru bitandukanye, cyane cyane mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyateguwe mu Kuboza 2014. icyakora, ibiganiro ku maradiyo na televiziyo ntibyatanze uko byari biteganyijwe kubera ko ingengo y'imari y'Urwego yagabanutse mu gihe cy'ivugururwa ry'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2014/2015.

Mu rwego rwo gukumira no gusuzuma ibirego by'akarengane, Urwego rwakiriye kandi rukemura ibibazo by'akarengane bitandukanye, ibindi rubishyikiriza inzego bireba ngo zibikemure ndetse rukurikirana uko izo nzego zagiye zibikemura.

Ku byerekeye gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta n'izigenga, Urwego rwakoze iperereza ku bantu bakekwaho ruswa n'ibyaha bifatanye isano nayo, cyangwa se ahagaraye imikorere mibi ishobora gutera ibyuhoro bya ruswa. Rwakurikiranye kandi ishyingirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa, rusanga inzego zitandukanye zitaratanze raporo y'ibikorwa byazo biteganyijwe muri icyo politiki, bityo rufata ingamba zo gukemura icyo kibazo nko gusaba inzego bireba kugena umukozi

uzajya abazwa izo raporo. Urwego kandi rwubahirije inshingano yo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, ariko ku gipimo kiri hasi kubera umubare munini w'amadosiye rwakira kandi abakozi babishinzwe bakiri bake cyane. Hari kandi ababuranyi bafata Urwego rw'Umuvunyi nk'urwego rw'ubujurire bakaruzanira imanza hafi ya zose batsinzwe ku rwego rwa nyuma. Ibi byatumye Urwego rutangira kuganira n'izindi nzego ku ngamba zafatwa kugirango rujye rushyikirizwa amadosiye agaragaramo koko akarengane.

Ku nshingano yo kwakira inyandiko zigaragaza imitungo, Urwego rwakiriye inyandiko z'Abayobozi n'Abakozi ba Leta ku gipimo cya 99.7%, runazuzuma inyandiko z'abantu 1.571. Rwakiriye kandi inyandiko zigaragaza umutungo w'imitwe ya politiki yose ruranazigenzura. Ku nshingano yo kugira inama Guverinoma n'inzego za Leta n'izigenga, Urwego rwasuzumye imikorere y'inzego na gahunda za Leta rutanga inama zo kunoza imikorere no kuziba ibyaho bya ruswa byagararagaye, Urwego kandi rakurikiranye uko politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa ishyingirwa mu bikorwa hamwe n'iyubahirizwa ry'itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi, n'itegeko ryerekeye kubona amakuru.

IMIGEREKA

Umugereka wa Mbere: Ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi

Imyanzuro y'inteko rusange y'umutwe w'abadepite kuri raporo ya komisiyo politiki, uburenganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'igihugu, ubwo hasuzumwaga raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi byo kuva muri Nyakanga 2013 kugeza muri Kamena 2014

	Umwanzure	Icyakozwe
	- Kwandika raporo mu buryo itanga amakuru yuzuye kugira ngo uyisoma adakenera gushaka amakuru yandi y'innyongera kandi ikagaragaza ibyakozwe kuri buri nshingano ihabwa n'itegeko.	- Raporo yateguwe kandi yandikwa ku buryo itanga amakuru ya ngombwa akenewe.
	- Gukora iteganyabikorwa rigaraza ibipimo ngenderwaho (indicateurs) kugira ngo bifashe usoma raporo cyangwa ukora igenzura kumenya ibyagezweho n'ibitaragezweho.	- Iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2015/2016 ryakozwe hashyingiwe ku bipimo ngenderwaho (indicateurs)
	- Kugaragaza mu raporo itaha icyakozwe ku mitungo y'abantu 893 ikekwa ko ari iya Leta itarakozweho iperereza kubera ko abobantu batabonetse bitewe n'impamvu zitandukanye.	- Muri iyi raporo byaragaragajwe
	- Gukora iperereza ryimbitse ku bibazo, ku mishinga n'ibindi bikorwa bya Leta ruba rwakurikiranye.	- Urwego rw'Umuvunyi rukora iperereza ku byaha biri mu nshingano zarwo, ibindi rukabishyikiriza Polisi cyangwa Ubushinjacyaha

Umugereka wa Kabiri:
Uburyo ibigo byashyize mu bikorwa inama byahawe

Uburyo ibigo byashyize mu bikorwa inama byahawe

1. Ibara ry'icyatsi kibisi ryerekana ko inama zatanwe zahyizwe mu bikorwa
2. Ibara ry'umuhondo ryerekana ko inama zatanwe zikiri mu nzira yo gushyirwa mu bikorwa
3. Ibara ry'umutuku ryerekana ko inama zatanwe zitarashyizwe mu bikorwa

Uburyo ibigo byashyize mu bikorwa inama byahawe

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
Saint Jean Bosco Secondary School	Kubahiriza iteka rya Perezida n°46/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigenga uburyo abakozi bashyirwa mu myanya cyane cyane ku birebana n'ishyirwa mu mwanya rya "Matron".	
	Kutazongera gushyira mu bagize akanama k'amasoko umubyeyi uhagarariye abandi, umunyeshuri w'umuhungu uhagarariye abandi n'umunyeshuri w'umukobwa uhagarariye abandi mu buryo bwo kwirinda amakimbarane ashingiyeye ku nyungu z'umuntu no kwirinda ingaruka zose zavamo kandi zihabanye no kwiga.	
Akarere ka Bugesera	Kuzuza amadosiye y'abakozi nk'uko biteganywaga n'iteka rya Perezida n°46/01 of 29/07/2011	
	Gukurikirana neza ko Akarere kazoze gahunda yo guhugura abakozi ndetse ko hakorwa raporo z'amahugurwa ku bakozi bayavuyemo.	
Akarere ka Gatsibo	Kubahiriza icyemezo cyavuye muri Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta, bagashyira Habanabakize Théophile mu mwanya yatsindiye.	
Centre Scolaire de Kabeza	Kwihutisha kuvugurura amabwiriza ngengamikorere y'ishuri agashingirwaho hashyirwaho amabwiriza agenga ishyirwa mu myanya ry'abakozi.	
Ibitaro bya Kilinda	Umukozi ubishinzwe akwiye kujya yandika mu gitabo cyabugenewe umubare wa kilometero imodoka ifite mbere na nyuma yo gutanga amavuta y'imodoka kugira ngo abashe kumenya impuzandengo y'uburyo imodoka inywa kuri kilometero.	
	Inama y'ubutegetsi y'ibitaro ikwiye kujya iterana uko bikwiye.	
	Ibitaro bikwiye kubahiriza iteka rya Minisitiri w'Intebe no 121/03 of 08/09/2010 rishyiraho amabwiriza agenga isuzumamikorere n'izamurwa mu ntera ry'abakozi.	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
Akarere ka Burera	Kuzuza dosiye z'abakozi no kunoza uburyo zibikwamo.	
	Kubahiriza ibisabwa "qualifications and experience" mu ishyirwa mu myanya ry'akazi;	
	Gushyiraho amabwiriza ngengamikorere y'Akarere;	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta.	
	Gukurikirana imikorere y'Inama Njyanama z'Imirenge;	
	Gukora ibarura no gushyira ibirango ku bikoresho byasigaye bitabifite mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi n'ubujura;	
	Kunoza no kongera ingengo y'imari y'Akarere mu rwego rwo gufasha Akarere kugera ku ntego zako cyane cyane ku birebana n' iterambere;	
	Kubahiriza igihe mu gushyikiriza imirenge amafaranga igenewe yo gukoresha umunsi ku munsi no kuyishakira ibikoresho ikineye;	
MINAGRI	Kubahiriza itegeko Respect n° 12/2007 ryo ku wa 29/03/2007 n'iteka rya Minisitiri w'Intebe bishyiraho amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta;	
	Kubahiriza amabwiriza agena uburyo amasoko ya Leta atangw amu rwego rwo gucunga neza umutungo wa Leta no gukorera mu mucyo;	
	Kubahiriza gahunda y'umwaka y'itangwa ry'amasoko;	
	Buri soko ritanzwe rikwiye kubahiriza uburyo "method" rigomba gutangwamo nk'uko byagenwe n'itegeko;	
	Ni byiza ko abatanga amasoko bakoresha uburyo bw'ipiganwa risesuye "Open competitive method";	
	Gushyikiriza RPPA buri kwezi raporo igaragaza uko gahunda y'itangwa ry'amasoko yashyizwe mu bikorwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta;	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
	Kunoza ubushyinguro bw'inyandiko z'amasoko;	
	Gukurikirana imicungire myiza ya kontaro;	
	Gutanga raporo buri kwezi kuri RPPA	
	Kubahiriza amategeko agenga itangwa ry'amasoko hakoresheje uburyo bwo gusaba ibiciro "request for quotation method"	
	Kubahiriza amategeko agenga itangwa ry'amasoko hakoresheje uburyo bwo guhamagara abapiganwa bake "restricted tendering method"	
	Gusinya kontaro nyuma yo kugaragaza ingwate	
RWANDA REVENUE AUTHORITY (RRA)	Gusanisha amabwiriza ngengamikorere hamwe n'ayandi mategeko nk'iteka rya Perezida n° 46/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigena uburyo bwo gushyira mu myanya abakozi ba Leta;	
	Gushyikiriza Komisiyo ishinze abakozi ba Leta raporo igaragaza uburyo ishyirwa mu myanya ry'abakozi ryakozwe mu rwego rwo kugaragaza niba amabwiriza abigenga yarubahirijwe;	
	Isuzuma mikorere ry'abakozi ndetse no gutanga ibihano ku bakozi bikwiye kujya bikorerwa mu mucyo mu rwego rwo gufasha abakozi guharanira uburenganzira bwabo;	
	Bafataniye na MIFOTRA, RRA ikwiye kwihutisha igenwa ry'imishahara mu rwego rwo kubahiriza iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 53/03 ryo ku wa 14/07/2012 rigena imishahara y'abakozi ba Leta bo mu nzego z'ibanze.	
KABUYE SUGAR WORKS Ltd	Kubahiriza amategeko y'igihugu arebana n'umurimo n'andi agenga "company";	
	Gushyikiriza MINICOM raporo igaragaza ibiciro by'umusaruro w'isukari mu rwego rwo gufasha Minisitiri gusuzuma ingano y'isukari ikenewe ku isoko no gukemura ikibazo cy'ibiciro;	
	Gutangiza ikoranabuhanga mu micungire y'umutungo no kwamamaza ibikorwa;	
	Kongerera ingufu mu kongerera ubushobozi abahinzi b'ibisheke;	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
	Gushyiraho gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire;	
	Gutunganya umusaruro, gukemura ibibazo hifashishijwe amatsinda;	
	Kunoza imihingire y'ibisheke hakoreshwa ifumbire n'ingemwe nziza;	
	Gushora imari mu bikorwa bijyanye no guca imiyoboro y'amazi kugira ngo hakumirwe imyuzure no kureka kw'amazi.	
MOTOR VEHICLE INSPECTION CENTRE	Gushyira imbaraga mu gukumira no kurwanya ruswa;	
	Kuzuzanya dosiye z'abakozi no kunoza ubushyirahamwe bwazo;	
	Guha ibirango ibikoreshe byose mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo hamwe n'ubujura no gukora igenzura ry'ibikoreshe biri mu bubiko uko bikwiye;	
	Abayobozi bakwiye kujya basinya ahantu hose hateganyijwe ku mafishi yo gusaba ibikoreshe;	
	Hakwiye kujya hakorwa "Technical control" y'imodoka za Polisi n'iz'igisirikare.	
INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB)	IPB ikwiye kubahiriza amabwiriza agenga uburyo bwo kwishyura abacuruzi babagemurira ibintu;	
	IPB ikwiye gushyiraho uburyo bwayifasha kumenya ko amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko yubahirizwa no kubika neza inyandiko zijyanye n'amasoko yatanzwe mu rwego rwo kugaragaza uburyo bwakoreshejwe mu guhitamo abagemura;	
	Kwirinda kubogama mu bijyanye no kugenera abakozi ibihano;	
	Amafaranga yose yishyurwa na IPB akwiye kujya aherekezwa n'ubusobanuro;	
	IPB ikwiye gufasha abakozi bayo gushyiraho "caisse" igamije gufasha abakozi kubona inguzanyo y'igihe gito aho gukoresha amafaranga y'ikigo muri icyo gikorwa;	
	IPB ikwiye gushyiraho uburyo buhamye bwo guhitamo no kugena inshingano mu bikorwa byose bijyanye n'itangwa ry'amasoko n'isinywa ry'amasezerano;	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
	Ubugenzuzi bw'imbere bukwiye gushyikiriza raporo inama y'ubutegetsu kugira ngo ibafashe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe;	
	IPB ikwiye gutegura ahantu hari umutekano yabika amadosiye y'abanyeshuri, ikwiye kandi kwihutisha igikorwa yatangiye cyo kwandika banyeshuri hakoreshejwe ikoranabuhanga.	
MINAFFET	Gusinya imihigo y'abakozi nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe;	
	Kubahiriza igihe ntarengwa cyo gutanga raporo y'ishyirwa mu myanya ry'abakozi kuri Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta nk'uko Iteka rya Perezida ribiteganywa;	
	Kuzaza amadosiye y'abakozi no kunoza ubushyinguro bwayo;	
	Kuzamura abakozi bujuje ibisabwa mu ntera ntambike nk'uko biteganywa n'iteka;	
	Gushyiraho amategeko n'amabwiriza ngenamikorere.	
Akarere ka Nyarugenge	Mu gihe akarere gahamagara abapiganwa nti hagomba kubarwa iminsi uhereye umunsi itangazo ryashyiriweho umukono n'ubuyobozi bw'akarere, ahubwo hakwiye kujya hongerwaho iminsi yo kurishyikiriza ibitangamakuru kugeza risohotse.	
	Inyigo zitegurwa z'imishinga y'imirimo na serivisi zigomba kujya zikorwa neza, zikerekana ukuri ku mirimo ikenewe. Izo nyigo zikwiye kujya zemezwa n'itsinda ry'abahanga muri icyo mirimo ryashyizweho n'akarere aho kugira ngo zemezwe n'umuntu umwe nk'uko byagiye bikorwa.	
	Akarere ka Nyarugenge kimwe n'imirengwe ikagize bakwiye kujya bubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta.	
	Mu gihe akarere kahawe amafaranga n'abaterankunga, bagombye kuyakoresha mu bikorwa yasabiwe kandi ku gihe, cyane cyane ko usanga agenewe ibikorwa by'iterambere ry'abaturage. Mu gihe bidakozwe bishobora kwereka abafatanyabikorwa ko akarere gasaba inkunga y'imishinga idateguye. Akarere gakwiye kandi kujya kiga imishinga neza, cyane cyane ku birebana n'igihe cyo kuyishyira mu bikorwa.	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
	Akarere kagomba kudatinza itangizwa ry'imirimo mu gihe hamaze kumenyekana uwatsindiye isoko, kandi na rwiyezamirimo yatanze n'ingwate isabwa yo kurangiza imirimo, cyane cyane ko nta rwego rwemerewe gutangiza inzira zo gutanga isoko ku bikorwa rudafiteye amafaranga ku ngengo y'imari.	
	Mu gihe cyo gutanga amasoko, birakwiye kudahuza isoko ry'imirimo izwi n'imirimo itaramenyekana. Hagombye kandi kunozwa uburyo bwo kugenzura imirimo iba iri gukorwa na ba rwiyezamirimo, hakanakorwa inyandiko za ngombwa zishobora kwifashishwa n'igenzura rikorwa n'urwego rwatanze isoko cyangwa undi muntu wese uturutse hanze.	
	Akarere kagomba gushyiraho uburyo bunoze bwo gucunga <i>carburant</i> kimwe n'ibindi bikoreho. Ubu buryo kandi bugomba gushingira ku nyandiko zerekana uko hafatwa icyemezo cyo gusohora ibikoreho ndetse n'abayobozi babifitiye ububasha.	
	Akarere gakwiye kujya kubahiriza amategeko ndetse n'amahame agenga imicungire y'umutungo wa Leta. Uyu mushinga kandi ukwiye kwihutishwa kuko ugendaho amafaranga menshi atunga abagororwa bahakora, kandi mu gihe cy'igenzura hari amatafari yabumbwe yari atangiye kwangirika.	
	Akarere gakwiye kujyanisha amasezerano y'ubukode n'igihe tugezemo cyane cyane ku ngingo ishyiraho igiciro cy'ubukode bwishyurwa buri kwezi. Mu rwego rwo guca ubucuruzi (speculations) bukorwa n'abakodesha ayo mazu, akwiye kujya akodeshwa n'abantu bagamije kuyakorera gusa. Akarere kandi gakwiye gusesa amasezerano n'abantu bagiye bahabwa ibyumba birenze kimwe ndetse n'abantu bahawe amasezerano ku cyumba kimwe ariko bakaba batabikorereho, kuko nta mpamvu yo gukomeza guhabwa amahirwe yisumbuye mu mitungo ya Leta. Ikindi ni uko igiciro cy'ubukode gikwiye kugenwa hagendewe ku buso buri muntu akoreraho. Imisoro itarishyuwe ikwiye kwishyurwa hakurikijwe igiciro nyakuri inzu zikodeshwaho.	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
	Akarere ka Nyarugenge gakwiye kujya gatangira ibikorwa gafitiye amafaranga y'ubwishyu ku ngengo y'imari. Kagomba kandi kwirinda kujya kimura amafaranga yagenewe ibikorwa runaka, kayakoresha mu byo atagenewe. Abayobozi b'akarere bakwiye gushyiraho uburyo bunoze bwo kwishyura imyenda, ndetse no gukurikirana abanze kukishyura, bityo amafaranga avuyemo akaba yanifashishwa mu kwishyura amadeni gafitiye abantu banyuranye.	
	Akarere gakwiye kujya gakemura ibibazo kagirana n'abaturage mu nzira y'ubwumvikane kugira ngo Leta idashorwa mu manza itazatsinda. Mu gihe hari ibibazo bishyizwe mu nkiko kugira ngo bikemuke, akarere kagomba kujya kabika kopi y'impapuro zose zigize dosiye y'imanza kaburana kandi kagagira imikoranire ya hafi n'abakaburanira.	
CIMERWA	Kuzuza dosiye z'abakozi nk'uko amabwiriza abiteganyaye;	
	Kuvugurura amabwiriza ngengamikorere kugira ngo agendane n'igihe;	
	Gushyiraho amabwiriza agenga ikiruhuko cy'aakozi;	
	Gufata ubwishingizi bw'impanuka z'abakozi ba CIMERWA;	
	Gushyiraho umurongo ngenderwaho mu micungire ya "petty cash" no gukoresha neza ibitabo by'ibaruramari;	
	Guha ibirango ibikoresho bya CIMERWA mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo ndetse n'ubujura.	
	Gushyira mu bikorwa inama zatanzwe n'abagenzuzi bo hanze no kunoza imicungire y'imari;	
	Gushyira imbaraga mu micungire myiza y'umutungo no gukora igenzura ry'ibikoresho biri mu bubiko uko bikwiye;	
	Gushyira imbaraga mu micungire y'imari hashyirwa mu myanya umukozi ubifitiye ubushobozi kugira ngo byorohere uwo ari we wese kugenzura dosiye zose z'imicungire y'imari;	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
CIMERWA	Gukora no gutanga raporo y'imicungire y'ububiko uko bikwiye;	
	Gushyira mu myanya umukozi ushinzwe ubugenzuzi bw'imbere;	
	Gukurikiza amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko mu rwego rwo gukorera mu mucyo;	
	Gushyira muri "rotating kiln";	
	Gukoresha "bags" za sima zikomeye.	
Akarere ka Kicukiro	Kubahiriza ibisabwa "qualifications and experience" mu ishyirwa mu myanya ry'akazi;	
	Kuvugurura amategeko n'amabwiriza ngengamikorere;	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta;	
	Kunoza imicungire y'imari n'ububiko;	
	Kunoza no kongera ingengo y'imari y'Akarere mu rwego rwo gufasha Akarere kugera ku ntego zako;	
	Gutangira ku gihe amafaranga y'ibikorwa bya buri muni agenewe guhabwa Imirengano no kushakira ibikoresho ikomeye;	
	Gushyiraho ingamba zigamije gukemura ikibazo cy'itinda mu kwishyura;	
RWANDA AGRICULTURAL BOARD - CIP	Guhora basuzuma muri "laboratory" ingemwe zo gutera mbere yo kugira ngo zishyikirizwe abahinzi;	
	Gushyira imbaraga mu itubura ry'ingemwe za kijyambere mu rwego rwo kongera umusaruro no gushyira imbaraga mu gushishikariza abafatanyabikorwa bigenga mu kugira uruhare mu gutubura ingemwe;	
	Gushyira imbaraga mu gukangurira abaturage ibyiza n'inyungu ziri muri gahunda yo guhuza ubutaka;	
	Kuvugurura uburyo bwo gusarura ndetse n'ubuhunikiro mu rwego rwo guharanira umusaruro mwiza;	
	Gushyira imbaraga mu gushyira ingamba zifasha kwishyura amafaranga afitwe n'abahinzi igihe bafataga ifumbire ku ideni;	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
FERWAFWA	Ikwiye kugira ubuzima gatozi;	
	Abagize "Clubs" n'amatsinda bya FERWAFWA bakwiye kugira ubuzima gatozi;	
	Kucugurura sitati yayo hamwe n'amategeko n'amabwiriza ngamikorere kugira ngo hashyirwe mu bikorwa itegeko n°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imikorere y'ibigo bitari ibya Leta;	
	Gushyiraho amabwiriza agenga ubuyobozi n'imicungire y'imari;	
	Kugira gahunda y'ibikorwa by'umwaka na raporo yabyo hamwe na raporo y'umwaka y'imikoreshereze y'imari;	
	Gushyira mu bikorwa ibyemezo byose nk'uko biba byafashwe n'inama rusange;	
	Gushyiraho ingamba zinoze zo kwishyura amadeni yose no kwishyura ibirarane;	
	Gushyingura neza dosiye zose za ngombwa z'abasifuzi no gushyiraho umurongo ngenderwaho w'imikoranire hagati ya ARAF n'abasifuzi vis-à-vis CCA;	
	Kongerera agahimbazamusyi ku basifuzi mu rwego rwo kurwanya ruswa mu misifurire;	
	Kunoza uburyo bwo gukora raporo no kunoza imishyuringire y'inyandiko z'umutungo;	
	Gusinya "MOU" hamwe na "MINEDUC" ku bijanye n'ubufatanyabikorwa mu guteza imbere umupira w'amaguru mu rubyiruko;	
	Guharanira ko buri kipe y'abagore igira uyihagarariye mu nama rusange nk'uko bikorwa ku makipe y'abagabo;	
	Kugenzura ko inama zose ziteganijwe ziba nk'uko biteganijwe;	
	MINISPOC ikwiye gushyira imbaraga mu gushakisha urubyiruko rufite impano mu turere twose no mu mirengi yose	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
MINISANTE	Gushyikiriza raporo y'isuzumamikorere ry'abakozi kuri MIFOTRA hubahirizwa igihe ntarengwa cyagenwe n'itegeko;	
	Gufasha ibitaro by'Uturere bigakorera isuzumamikorere buri mwaka nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri w'intebe kugira ngo agahimbazamusi gashingiye ku mikorere yabo;	
	Kuzuzanya dosiye z'abakozi nk'uko biteganywa n'iteka;	
	Gushyiraho amategeko n'amabwiriza ngengamikorere nk'uko biteganywa n'itegeko;	
	Guha ibirango ibikoresho byose mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo ndetse n'ubujura no gukora igenzura mu bubiko bw'ibikoresho uko bikwiye;	
	Kwishyura abakozi agahimbazamusi nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe;	
	Gushyira abakozi mu myanya irimo ubusa nk'uko biteganywa n'imbonerahamwe y'imirimo ya Minisiteri;	
	Gushyiraho itsinda ryigenga rigamije gukora igenzura ry'ububiko bw'ibikoresho buri gihembwe;	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta;	
	Kuvugurura amabwiriza agenga itangwa rya mu bitaro;	
	Gufasha Farumasi z'Uturere mu gukora isuzumamikorere kugira ngo babone PBF mu buryo bukwiye;	
	Isuzumamikorere rya Minisiteri riganisha kuri PBF rikwiye kujya rikorwa n'itsinda ryashyizweho;	
	Agahimbazamusi ka PBF gakwiye kujya gashingira ku rwego rw'umushahara rugenwa n'imbonerahamwe y'imirimo ya Minisiteri;	
	Agahimbazamusi ka PBF katanze mu buryo budakurikije amategeko gakwiye gusubizwa;	
	Abagenerwabikorwa ba MoH bakwiye kugira uruhare mu itangwa ry'amasoko;	
	Gushyiraho amabwiriza agena ibiciro by'imiti muri Farumasi;	
	Kwishyura ibirarane byose by'ubwisungane mu kwivuzura no kuvugurura "policy" igenga ubwisungane mu kwivuzura;	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
SONARWA LIFE	Gushyiraho amategeko n'amabwiriza ngengamikorere arebana n'imicungire y'abakozi;	
	Kuzuzanya dosiye z'abakozi;	
	Gushyiraho akanama gashinzwe gutanga amasoko;	
	Guha ibirango ibikoresho byose mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo ndetse n'ubujura;	
	Gushyiraho amabwiriza agenga imitangire y'amasoko mu rwego rwo kwirinda no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifatanye isano na yo;	
	Gukora igenzura ry'ububiko bw'ibikoresho;	
	Gukora gahunda y'igihe kirekire na gahunda y'umwaka y'ibikorwa bya SONARWA LIFE;	
	Gushyira mu bikorwa amabwiriza bahawe na BNR kuko aba afitiye inyungu sosiyete;	
	Kubahiriza ingingo ya 3 y'itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 rigamije gukumira, kurwanya n'ibihano byerekeranye n' icyaha cya ruswa n'ibindi bifatanye isano na yo;	
	Gushyiraho porogaramu yoroshye igamije gukoreshwa mu gucunga amakuru (data) ya sosiyete;	
	Gushyira imbaraga mu kwamamaza ibikorwa bya sosiyete kugira ngo igire abaguzi benshi;	
	Kunoza uburyo bukoreshwa mu gushyira mu myanya abakozi bahagarariye sosiyete mu by'ubucuruzi no kubategeka kugira icyemezo;	
Gushyiraho "policy" isobanura neza igihe ntarengwa ikirego cyujuje ibyangombwa gishobora gukemurirwa hanyuma umukiliya akishyurwa hatabayeho gutinda.		

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
RCA-SACCO	RCA na BNR bikwiye gushyira imbaraga mu bugenzuzi (inspection) n'isuzumamikorere (audits) bikorerwa SACCOs bihora, ntibikorwe kenshi ari uko havutse ibibazo, ahubwo bigakorwa hagamijwe gukumira ibibazo bishobora kuvuka;	
	Gushyira imbaraga mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama n'ibyifuzo batanze;	
	Kwihutisha ikoranabuhanga rigezweho (informatisation) kugira ngo byoroshye imirimo kandi bikumire ubujura bukorera ku mafishi;	
	Gukomeza gukorera inzego n'abakozi ba SACCOs amahugurwa ahoraho yabafasha kuzuza neza inshingano zabo.	
	Gufasha SACCO kwandikisha ingwate muri RDB	
	Gufasha abanyamuryango ba SACCOs gutegura imishinga	
Akarere ka Nyagatare	Gushyiraho uburyo bukwiyemo mu gucunga umutungo w'Akarere no guteganya ibikoresho bizajya bikoreshwa mu ibarura ry'ibikoresho bishya mu rwego rwo kwirinda ko byakwibwa.	
	Gushyira mu myanya abakozi babura ku mbonerahamwe y'imyanya y'Akarere.	
	Kuzuza amadosiye y'abakozi no kunona uburyo agomba kubikwa.	
	Kongerera ubushobozi n'ubumenyi abakozi b'Akarere by'umwihariko ku bakozzi bakorerwa mu Mirenge.	
	Kubahiriza amabwiriza n'amategeko bigenga izamurwa mu ntera n'ishyirwa mu mwanya ry'abakozi.	
	Kubahiriza amabwiriza n'amategeko bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta.	
	Kwihutisha ishyirwaho ry'amabwiriza agenga itangwa rya Serivisi mu Karere	
	Guteganya mu ngengo y'imari uburyo buhagije bw'ingendo z'abakozi kugira ngo buzuze inshingano zabo.	
	Gushyiraho amabwiriza agenga imikorere y'Akarere muri serivisi zitandukanye.	
	Gutangira ku gihe amafaranga y'ibikorwa bya buri muni agenewe guhabwa Imirenge.	
	Gufasha Imirenge ikabona ibikoresho byo mu biro.	
	Kunozza imikoranire y'Akarere n'abafatanyabikorwa.	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
Akarere ka Nyarugenge	Gushyiraho amabwiriza agenga imitangire ya serivisi mu Karere.	
	Kunoza uburyo bwashyizweho bw'igenzura cyane cyane mu Tugari no mu Midugudu.	
	Kongera amahugurwa y'abayobozi mu rwego rwo kubashishikariza gushyira mu bikorwa ingamba za Leta.	
	Kongerera ubushobozi n'ubumenyi abakozi b'Akarere mu rwego rwo kongera umusaruro.	
	Gukurikiza amabwiriza agenga imicungire y'abakozi mu rwego rwo kurwanya ibyaho bya ruswa n'akarengame.	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza areba imicungire y'umutungo w'Akarere hanzwe uburyo bwo gukusanya imisoro.	
	Gshyira imbaraga mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inkiko.	
	Kunoza imicungire y'ibikoresho by'Akarere hakorwa ibarura ry'ibikoresho no kuzuza ifishi z'ububiko.	
	Gushyiraho ingamba zinoze mu gukangurira abashoramari gushora imari mu Karere.	
	Gukomeza ibikorwa byiza.	
	Akarere ka Nyarugenge gakwiye gufata ubwishingizi bw'amazu yako.	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
Akarere ka Gakenke	Gushyiraho amabwiriza agenga imitangire ya serivisi mu Karere.	
	Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera ubushobozi abakozi mu rwego rwo kuzamura umusaruro.	
	Kubahiriza amabwiriza agenga imicungire y'abakozi mu rwego rwo kwirinda ibyaho bya ruswa mu kuzamura no kumanura abakozi mu myanya yabo.	
	Kubahiriza amabwiriza agenga imicungire y'umutungo w'akarere habikwa inyandiko zijyanye n'imikoreshereze yawo.	
	Kubahiriza amabwiriza agenga imitangire y'amasoko ya Leta.	
	Kunoza imicungire y'ibikoresho by'akarere hakorwa ibarura ryabyo, huzuzwa amafishi yabugenewe no gushyiraho "software" yabugenewe.	
	Gushyiraho ingamba zigamije gufasha Akarere mu kubona "clean audit"	
	Kunoza ingamba zashyizweho zo gukusanya imisoro.	
	Gushyikiriza ku gihe Imirenge amafaranga y'ibikorwa bya buri muni.	
	Kuzuzanya dosiye z'abakozi no kunoza uburyo zigomba kubikwa.	
	Akarere gakwiye gufata ubwishingizi bw'inyubako zako.	
	Gukosora amakosa yagaragaye mu micungire y'abakozi.	

Inzego bireba	Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi	Isyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe
Akarere ka Ngoma	Gushyiraho ingamba zihamye mu gukosora amakosa ajyanye no gutinda kugarura udutabo tw'imisoro.	
	Gukora ibarura no gushyira ibirango ku bikoresho byasigaye bitabifite mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi n'ubujura.	
	Abafatanyabikorwa b'Akarere babinyujije muri JADF bakwiye kujya batanga gahunda yazo y'ibikorwa ndetse na raporo nk'uko biteganijwe.	
	Gukora ibishoboka byose bagatangira igihe amafaranga yagenewe Imirenge mu mirimo yabo ya buri muni.	
	Kunoza imicungire y'imisoro nk'uko biteganywa n'itegeko.	
	Kunoza imicungire y'ibikoresho hakorwa ibarura ryabyo.	
	Gukurikiza amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta mu rwego rwo gukorera mu mucyo.	
	Gushyira imbaraga mu igenzura ry'imikoreshereze y'umutungo w'Imirenge.	
	Komisiyo z'Inama Njyanama z'Akarere zikwiye guterana nk'uko bikwiye.	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga imicungire ya "petty cash"	
	Kuzuza dosiye z'abakozi no kunoza uburyo zigomba kubikwa.	
	Gushishikariza Imirenge kubahiriza iteka rya Minisitiri rigana imikorere ya PFM.	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
Akarere ka Musanze	Kuzuza amadosiye y'abakozi b'Akarere.	
	Gushishikariza abanyamuryango ba JADF gutanga gahunda y'ibikorwa byayo mu rwego rwo gukorana n'Akarere mu kwesa imihigo yabo.	
	Guha ibirango ibikoresho by'Akarere mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo ndetse n'ubujura.	
	Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga iterana ry'Inama Njyanama z'Uturere.	
	Gushyira mu myanya abakozi mu rwego rwo kuzuza imyanya itarimo abantu.	
	Gushaka "software" yifashishwa mu gucunga ibikoresho.	
	Gushyiraho "software" yifashishwa mu kwishyura imisoro.	
	Gutandukanya inshingano z'umukozi ufite ubuzima mu nshingano ze n' iz'ufite uburezi mu nshingano ze mu Mirenge 5 (Shingiro, Nyange, Gashaki, Nkotsi, Remera)	
	Kunoza ubugenzuzi bw'imbere hongerwa umubare w'ibigo bigomba kugenzurwa.	
	Gushaka ibiro by'umukozi ushinze "customer care" bikaba hafi ya "reception"	
	Kunoza no kubahiriza gahunda y'amasoko.	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
Akarere ka Kayonza	Kuzuzwa amadosiye y'abakozi no kunoza uburyo agomba kubikwa.	
	Gushyira mu myanya abakozi bashya mu rwego rwo zukuzwa imyanya itarimo abantu cyane cyane mu Mirenge.	
	Gufasha Imirenge kubona ibikoresho ikeneye.	
	Gufunguzwa konti mu mabanki ari hafi mu rwego rwo gufasha abasoresha mu kubahiriza igihe cyagenwe cyo kubitsa amafaranga basoresheje.	
	Gushyiraho amategeko n'amabwiriza ngengamikorere.	
	Gushyiraho amabwiriza yihariye agaragaza uko ubutaka bugomba gucungwa ndetse n'imitangire yabwo.	
	Akarere gakwiye gukora raporo igaragaza ubutaka butatanze n'ubundi bwatanze.	
	Kubahiriza amabwiriza n'amategeko bigenga itangwa ry'amasoko ya Leta.	
	Guha ibirango ibikoresho bitabibifite mu rwego rwo kwirinda imicungire mibi yabyo ndetse n'ubujura.	
	Gushishikariza abafatanyabikorwa binyuze muri JADF gutanga gahunda y'ibikorwa byabo na raporo nk'uko biteganijwe.	
	Kubahiriza amasezerano nk'uko yashyizweho umukono	
	Kubahiriza igihe mu gushyikiriza imirenge amafaranga igenewe yo gukoresha umunsi ku munsi.	
	Gushyiraho igenamigambi ryafasha abagenzuzi b'imbere gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa byabo.	
	Inama Njyanama z'Imirenge zikwiye kujya ziterana nk'uko biteganijwe n'amategeko.	

Inzego bireba	Inama zatanze n'Urwego rw'Umuvunyi	Ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanze
